

# **IKINYARWANDA**

**Amashuri yisumbuye umwaka wa**

# **5**

**Amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange**

Igitabo cy'umunyeshuri

Kigali, Mutarama 2019

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.  
Uburenganzira bw'umuhanzi bw'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo  
Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

## IJAMBO RY'IBANZE

Banyeshuri,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa gatanu, kigenewe amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu kunoza imyigire y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo mugera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro murimo. Ibyo bigamije kubategurira gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bibafashe mu myigire yanyu. Hari impamvu nyinshi zituma mwiga, ibyo mwize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ibafasha mu myigire yanyu. Iyo myitozo muyubakiraho mutanga ibitekerezo ndetse munivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri mwebwe ubwanyu ndetse no ku Gihugu muri rusange. Mufashijwe n'abarimu bafite inshingano zo kubayobora, turizera ko muzunguka ubushobozi bushya muzifashisha mu buzima bwanyu buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiyeye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose bityo agahabwa uruhare runini mu myigishirize. Ikindi kandi, ubu buryo buzabafasha mu gukora ibikorwa bitandukanye, mutekereza ku byo mukora kandi munakoresha ubumenyi musanganwe muri icyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuzamura ubumenyi n'ubushobozi mukora imyitozo yateganyijwe kuri buri kigwa;
- Gukorana na bagenzi banyu mukorera mu matsinda, mujya impaka ku nsanganyamatsiko runaka, muganira hagati yanyu, mumurika ibyo mwakoze mu matsinda ndetse mukora ubushakashatsi mwifashishije amasomero, murandasi cyangwa ubundi buryo;

- Kugira uruhare mu myigire yanyu;
- Gukora umwanzuro unozwe ujyanye n'ibyavuye mu bushakashatsi.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo, by'umwihariko abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare rukomeye muri iki gikorwa kuva gitangiye kugeza kirangiye.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza bagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo.

Ndashimira by'umwihariko Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho, yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo no kugenzura ko amashusho yakoreshejwemo ari umwimerere.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ryacyo.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB**

## GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa Gatanu w'amashuri yisumbuye. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batzigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo no kugenzura ko amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo ari umwimerere.

Ndangije nshimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB**

## IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

<b>ES</b>	Ecole Secondaire
<b>GS</b>	Groupe Scolaire
<b>IPRC</b>	Integrated Polytechnics Regional Center
<b>Mgr</b>	Monseigneur
<b>NCDC</b>	National Curriculum Development Center
<b>REB</b>	Rwanda Education Board
<b>UNESCO</b>	United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization
<b>UNICEF</b>	United Nations Children's Fund
<b>UR</b>	University of Rwanda
<b>USAID</b>	United State Agence for International Development
<b>UTAB</b>	University of Technology and Art of Byumba
<b>nt.</b>	Inteko
<b>D</b>	Indomo
<b>RT</b>	Indanganteko
<b>C</b>	Igicumbi
→	Ihinduka, bibyara
∅	Iburizwamo/izimira ry'ijwi; ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya

## ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	iii
GUSHIMIRA	v
IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE	vi
IRIBURIROi	x

### **UMUTWE 1** **1**

UMUTWE WA 1: UMUCO NYARWANDA	2
UMWANDIKO: IGITERO K'I BUTEMBO	2
UBUVANGANZO NYABAMI	6
IBITEKEREZO BY'INGABO	8
IBYIVUGO 9	
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE	14

### **UMUTWE WA 2** **17**

UMUTWE WA 2: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE	18
UMWANDIKO: ABABIRI BAJYA INAMA	18
IKESHAMVUGO	21
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KABIRI	29

### **UMUTWE WA 3** **33**

UMUTWE WA 3:UBUZIMA	34
IKINAMICO: UBWENGE BUZA UBUJJI BUHISE	34
IKINAMICO4	4
UBUTINDE N'AMASAKU MU NTERURO	48
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATATU	51

### **UMUTWE WA 4 A** **55**

UMUTWE WA 4 A: UMUCO W'AMAHORO	56
UMWANDIKO: TWESE BIRATUREBA	56
INSHOBERAMAHANGA	60
IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA	62
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE A	71

### **UMUTWE WA 4 B** **75**

UMUTWE WA 4 B: UMUCO W'AMAHORO	76
UMWANDIKO: DUKANGUKIRE IMIYOBORERE MYIZA	76
IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA	80
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE B	90
<b>UMUTWE WA 5</b>	<b>95</b>
UMUTWE WA 5: IBIDUKIKIJE	96
UMUVUGO: KIREZI NAMBAJE URAMBERA	96
IKESHAMVUGO	99
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANU	104
<b>UMUTWE WA 6</b>	<b>107</b>
UMUTWE WA 6: GUKUNDA IGIHUGU	108
UMWANDIKO: UBUFATANYE BWADUTEJE IMBERE	108
AMAZINA Y'AMATIRANO	111
INAMA1	5
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANDATU	119
<b>UMUTWE WA 7</b>	<b>123</b>
UMUTWE WA 7: ITERAMBERE	124
UMWANDIKO: YAHABONEYE ISOMO	124
INKURU NGUFI	127
INYANDIKO MVUGO	129
RAPORO1	3
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KARINDWI	135
TWIYUNGURE AMAGAMBO	138
IBITABO BYIFASHISHIJE	142



## IRIBURIRO

Munyeshuri wiga mu mwaka wa gatanu mu mashami yiga Ikiyarwanda nk'isomo rusange, iki gitabo ni wowe kigenewe kandi kigomba kugufasha kwiga inyigisho z'Ikiyarwanda. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikiyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2015.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe irindwi. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho. Insanganyamatsiko zigaragara mu myandiko inyuranye. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye n'umuco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, ibidukikije, gukunda igihugu n'iterambere. Mu mitwe imwe n'imwe harimo ikibonezamvugo kizagufasha gusobanukirwa n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikiyarwanda. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rusange rizagufasha gusuzuma ubushobozi bwawe.

Iki gitabo kandi kizagufasha cyane gukora imyitoto yawe bwite, gukorera mu matsinda no gukora ubushakashatsi bunyuranye. Bityo rero, urasabwa gukora imyitoto yose ikubiyemo kuko ari ingirakamaro cyane. Iyo wiga hari byinshi wigira kuri bagenzi bawe mu ishuri. Ni yo mpamvu imyitoto myinshi ikubiyemo igusaba kujya kungurana ibitekerezo na bagenzi bawe, ukorera mu matsinda. Indi myitoto irimo izagusaba gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kuri murandasi cyangwa wifashisha ibitangamakuru binyuranye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitoto izagufasha kwimakaza umuco w'amahoro, gusobanukirwa uburinganire n'ubwuzuzanye, uburezi budaheza, kumva neza ubuzima bw'imyororokere, kurangwa n'umuco wo kuzigama, kwita ku bidukikije no kugira umuco w'ubuziranenge.

Imyitoto ikubiye muri iki gitabo iteguye ku buryo igusaba kugira ubushishozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo, igusaba kandi guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana n'abandi mu Kinyarwanda, kugira ubufatanye, imibanire ikwiye mu bandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Harimo kandi imyitoto n'imikoro igufasha guhora wiga wiyungura ubumenyi.

Twizeye ko ibiri muri iki gitabo bizagufasha kwiga neza Ikiyarwanda, bigukundisha ururimi rw'Ikiyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga wigana ubuvanganzo wize, kugira ngo ukurane inyota yo kumenya no gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.





# **UMUTWE 1**

## **UMUCO NYARWANDA**

# UMUTWE WA 1: UMUCO NYARWANDA

## UMWANDIKO: IGITERO K'I BUTEMBO



Igitero k'i Butembo cyabaye mu mwaka wa 1874. Ikimenyetso cy'uwo mwaka cyabaye Nyakotsi yitwa Rwakabyaza yagaragaye mu Rwanda mu kwezi kwa Nyakanga 1874. Impamvu y'icyo gitero yabaye iyi ngiyi: hariho Shabikobe bya Sebitoryi, agatunga inka z'inyambo zitwaga Imisakura. Izo nka bazigishishiriza i Kamurongi, agahugu kari ku mutwe w'ikiyaga cya Kivu ku mupaka w'u Buhunde. Umuhinza wo mu Buhunde witwaga Muvunyi wa Karinda arazitera arazinyaga. Iyo nkuru igeze kuri Kigeri IV Rwabugiri, ari i Rwamaraba, asanga bibaye ngombwa kujya guhorera izo nyambo ze zanyazwe n'uwo muhinza. Nyamara ubundi uwo Muvunyi yayobokaga u Rwanda, akajya yohereza amakoro ibwami.

Igihe ari mu byo guhaguruka, haza intumwa za Mwezi IV Gisabo, umwami w'u Burundi. Izo ntumwa zari Abaganwa batatu, baherekejwe n'intore ijana. Batumye ibwami kuvunyisha, Rwabugiri abatumaho ko ari mu rugendo, ko abaheje kugeza igihe azahindukirira. Abasigira umutware we Mugabwambere wa Nyamutera, akajya abacumbikira i Kanyinya na Rubingo rwa Shyorongi. Ategeka ingo ze zose ko zizajya zibohereza amazimano. Bakazibagira inka eshatu buri muni, uretse iby'amazimano yandi y'ibiribwa n'amayoga.

Rwabugiri amaze guhaguruka iwe i Rwamaraba, atuma abantu ku bagore be ngo barushanwe kwitegura intumwa za Mwezi, anababwira ko uzarusha abandi umwiteguro ari we uzatahirwa n'ibirori by'imyiyereko, bikazakirirwamo intumwa za Mwezi. Abwira izo ntumwa ati:

“Ungire Cyivugiza ya Gatsibo, [... Umbwirire Muhundwangeyo wa Ngarambe, Umukobwa uteye abahungu imbabazi, Uti: 'Witegure intumwa za Mwezi.' Ningushima ingabo zizagutaramira, Inyambo zitahe iwawe.”

(Uwo yari Kangeyo ka Kanyabujinja ka Nyiracumu, wagengaga urugo rw'i Gatsibo) [...]

Rwabugiri yahagurutse i Rwamaraba ataha [...] i Rubengera, ahategerereza abatasi yari yarohereje kumutatira u Buhunde [...] Abo batasi bamaze kurondorera umwami ibyo kwa Muvunyi wa Karinda, umuhinza w'u Buhunde n'abatware bakomeye muri icyo gihugu, intore zo mu Ngangurarugo zihimbiraho indirimbo yitwa Rwahama [...]

Igitero kigeze mu Buhunde, cyaje kurwanya Muvunyi wa Karinda, araneshwa ariko arabikinga ntibashobora kumushyikira. Ubwo ingando ya Kigeri IV Rwabugiri yari i Runyana. Amaze gutsinda Muvunyi n'abategeka bandi bo mu Buhunde, Murego wa Bigiri we ndetse yatewe mbere ya Muvunyi. Shabiganza we ngo yaba yarahunze ariko ntibizwi neza. Abandi batewe bagatsindwa ni Murengezi wa Nyarubwa na Karenge na Rwankuba rwa Gahinda.

Twabonye mbere ko umwami yari aganditse i Runyana. Yari yaratatishije Nkingo iri hafi y'u Runyana, kuko mu bwiru bari bazi ko ari ho Abarenge baramvuye ingoma y'ingabe yitwaga Mpatsibihugu.

Ategeka abiru be kuharamvura ingoma y'ingabe nshya yari yageneye iryo zina rya Mpatsibihugu, kugira ngo ayungukiremo ububasha bw'Abarenge ba kera, bategekaga ibihugu bigari u Rwanda rwari rutarigarurira byose. Aho Rwabugiri amariye gukubanga u Buhunde bwose, abaza abatasi be ati: “Inyuma y'ishyamba turuzi rihetuye u Buhunde, hari ibihugu nyabaki?” Abatasi bamubwira ko batabizi, ko ari ntawigeze arenga iryo shyamba. Ariko bamumenyesha ibyo bumvanye abandi, ngo uryinjyemo amaherezo inzira yinjira mu mugezi wa Nyabarongo, akaba ari yo bagenda bavogera, ikikijwe n'inzitari z'imigano. Rukaba urugendo rurerure kuzageza aho inzira izakukira bakabona kugenda ahatari mu mazi. Rwabugiri ati: “Nimuhogi tugende tuge kureba ibihugu byaba inyuma y'ishyamba, ubwo hatataswe tuzagenda tuhitatira ubwacu.”

Ingabo zose zinjira mu ishyamba, amaherezo koko binjira muri wa mugezi, inzira iwinjiramo na bo barawuvogera, Rwabugiri n'abagore be bahetswe. Ngo urwo

rugendo baruhereye mu gitondo bakuka uwo mugezi ikigoroba. Aho bakukiye uwo mugezi wa Nyabarongo rero, bagandika mu ishyamba. Bukeye barakomeza bahinguka ahantu hatamurutse hatuwe n’abantu bameze nk’Abahunde, ariko batazi ibi byuma bicurwa. Barwanishaga ibisongo by’imigano kandi bagahingisha inkonzo z’ibiti. Babonye abo bantu bapfupfunutse mu ishyamba, bagerageza kubarwanya, ariko Abanyarwanda barabatsinda. Ingabo zikomeza zikurikiye inzira yo mu ishyamba, zibona indi Midugudu imeze nk’iyo bari bahingukiyeho mbere.

Ariko muri icyo Midugudu bahasanga ibintu abo baturage babo bahingaga, byari bibatunze. Kuko rero impamba zari zagabanutse, umwami abwira rubanda ati: “Nimurye biriya bintu, ubwo byari bitunze abandi bantu namwe byabatunga, nitugera i Rwanda muzanywe imiti yo kubahumanura.” Ibyo bintu bavuga byari amashaza. Hanyuma bajya guhaguruka ngo bagaruke mu Rwanda, umwami ategeka ko bazagarukana imbuto zayo.

Aho azagera i Rubengera ngo ahingisha mu gikari utuyoyi two kororeramo ayo mashaza. Izina bayitaga acyaduka, akikwirakwiza mu Rwanda bwa mbere, ryari amashaza kuko yabanje guhingwa mu Bwishaza. Ntabwo Abanyarwanda batangaga amakoro y’amashaza kuko atari umwaka wa karande mu Rwanda; kandi n’uwaryaga amashaza ntiyashoboraga kunywa amata ngo amashaza yica inka. Ngicyo rero ikintu k’ingirakamaro igitero k’i Butembo cyagiriye u Rwanda: kururonkera imbuto nshya.

Aho izina ry’igitero k’i Butembo ryaturutse ni muri iryo shyamba riri inyuma y’i Buhunde n’u Buhavu. Aka karere kose kari inyuma y’ishyamba mu burengerazuba bw’ibyo bihugu byitwa Butembo. Igitero cyari cyarahagurukiye u Buhunde, hanyuma kirenze ishyamba kivanayo izina ry’u Butembo [...]

Bamaze kugera mu Rwanda ingabo zitabaruka ukwazo zerekeje mu Buriza n’u Bwanacyambwe ngo zizahahirire n’umwami zikore imihango y’imyiyereko, ari wo munsu w’ibirori byasezeraga ibitero. Naho Rwabugiri aherekezwa n’abatware bamwe anyura icyo mu Murera ahinguka ku Rusumo kwa Magara (ku Rusumo rwa Kabona ku ngezi ya Burera) anyura icy’u Buberuka, agana iwe i Gatsibo ngo arebe uko umwamikazi Kangeyo ka Kanyabujinja yari yarakoze mu mwiteguro. Twibuke ko atabara yari yaratumye ku bamikazi bese ngo bazamwitegure, uzarusha abandi akazaba ari we utaramirwa n’ingabo zitabarutse. Ageze i Gatsibo, areba imyiteguro y’urwo rugo [...] Umwami atanga umunsu wo kubyukurutsa. Birangiye arahaguruka.

Ageze i Gasabo icy’umwamikazi Bayundo ba Rwigenza [...] asanga umwiteguro waho uruta icy’i Gatsibo. Nanone barabyukurutsa, hanyuma umwami arahaguruka ajya i Kabuye ka Jabana icy’umwamikazi Kanjogera.

I Kabuye bari barakoze umwiteguro urushijeho guhimba [...] Basanga ari ibwami koko. Kuko rero Kanjogera yari inkundwakazi, Rwabugiri atumiza ba Barundi bo kwa Mwezi bamusanga i Kabuye. Ingabo ziyereka ari ishyano ryose, hatumiwe n’izitari zaratabaye ari ugushaka umurato wo kwereka Abarundi. [...] Umwami rero yamaze

iminsi i Kabuye, hanyuma arahaguruka ajya i Kigali ari kumwe na ba Barundi. Bageze kwa Nyirandabaruta ya Sendirima, basanga umutako [...] uruta ahandi hose ku buryo bitari bigifite n'igereranyirizo [...]

Mu birori by'imyiyereko, ingabo zitabarutse, nibwo Biraro bya Nyamushanja wa Rugira yahimbiye Rwabugiri ikivugo "Inkatazakurekera" arakimutura.

## I. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye.
  - a) Nyakotsi
  - b) Kugishisha inka
  - c) Umuhinza
  - d) Kuramvura ingoma
  - e) Gukubanga
  - f) Kunyaga
  - g) Amakoro
  - h) Kuvunyisha
  - i) Amazimano
  - k) Abatasi
  - l) Kuvogera umugezi
2. Koresha buri jambo muri ayo umaze gusobanura mu nteruro iboneye.
3. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye .
  - a) Azahindukirira
  - b) Guhunga
  - c) Gukuka umugezi
  - d) Guhinguka

## II. Kumva umwandiko

### Subiza ibibazo bikurikira

1. Uzuzura interuro zikurikira ukoresheje ibivuye mu mwandiko:
  - a) Mu gitero k'i..... Abanyarwanda bahakuye imbuto y'....
  - b) Igitero k'i Butembo cyabaye mu wa.....cyagabwe kiyobowe n'umwami .....
  - c) Igitero cyahagurukiye i .....gisozerezwa inyuma y'ishyamba i.....
2. Sobanura intandaro y'igitero k'i Butembo.
3. Ni nde wafashe iya mbere mu gushoza urwo rugamba?
4. Ni ikihe gihembo cyari giteganyirijwe umugore uzarushe abandi kwitegura umwami?
5. Shaka ibintu cyangwa ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye ibidukikije unasobanure uko ubibona.

### III. Gusesengura umwandiko

1. Amakoro yatangwaga ibwami wayagereranya n'iki muri iki gihe? Sobanura igisubizo utanze uhereye ku kamaro kayo.
2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara muri uyu mwandiko.
3. Vuga muri make ibikubiye muri uyu mwandiko mu magambo yawe bwite.
4. Huza ibivugwa muri uyu mwandiko n'ubuzima busanzwe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ugaragaza ingaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda.

### UBUVANGANZO NYABAMI

***Ongera usome umwandiko "Igitero k'i Butembo" ugereranye ibivugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize mu mwaka wa kane, maze ukore ubushakashatsi utahure ingeri y'ubuvanganzo uherereyemo n'inshoza y'ubwo buvanganzo. Rondora izindi ngeri z'ubwo buvanganzo.***

#### 1. Inshoza y'ubuvanganzo nyabami

Ubuvanganzo nyabami ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bukubiyemo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Ni ingeri y'ubuvanganzo itari igenewe buri wese nk'uko ubuvanganzo bwo muri rubanda bwari bumeze. Bityo igihangano cy'ubuvanganzo nyabami ntawashoboraga kugira icyo agihinduraho atabyemerewe.

#### 2. Ingeri z'ubuvanganzo nyabami

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami twavugaga nk'ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, ibitekerezo by'ingabo, ibyivugo, inanga, indirimbo z'ingabo n'amazina y'inka.

#### 3. Uturango tw'izo ngeri z'ubuvangazo nyabami

##### a) Ibisigo nyabami

- Ntibyahindagurikaga mu miterere yabyo ( ikoby, ibyanzu, impakanizi).
- Byasingizaga abami n'ingoma zabo.
- Byakoreshaga ikeshamvugo.
- Byakoreshaga amagambo y'indobanure.



## **b) Ubwiru**

- Bwari bukubiyemo amategeko yagengaga imihango y'ibwami.
- Ntibwahindagurikaga.
- Bwakoreshaga ikeshamvugo.
- Bwakoreshaga amagambo yabugenewe.

## **c) Ubucurabwenge**

- Buvuga amazina y'abami n'abagabekazi.
- Bwakoreshaga imvugo iryoheye amatwi.

## **d) Ibitekerezo by'ingabo**

- Havugwamo inkuru y'ibitero byagabwe.
- Uko igitero cyagenze.

## **e) Ibyivugo**

- Muri rusange byandikwa mu mikarago.
- Hagararamo ibigwi n'ibirindiro by'uwivuga.
- Bigararamo ikeshamvugo.

## **f) Inanga**

- Zahimbirwaga kurata no gusingiza abami.
- Zacurangirwaga mu bitaramo.

## **g) Indirimbo z'ingabo**

- Zaririmbwaga mu bitaramo byo kwizihiza umutsindo.
- Zafatiraga ku bantu babayeho (abami, ab'ibwami n'abatware cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi).
- Zabagamo amakabyankuru.

## **h) Amazina y'inka**

- Yari imivugo irata inyambo n'umwami.
- Habagamo itondeke ripimye (umubare w'utubangutso ungana).
- Hagaragaragamo ikeshamvugo n'amagambo yabugenewe.
- Yagiraga imiterere yihariye.

## Imyitozo

1. Ubuvanganzo nyabami ubona butandukaniye he n’ubuvanganzo bwo muri rubanda?
2. Wowe na bagenzi bawe nimutange ibitekerezo ku kamaro k’ingeri z’ubuvanganzo nyabami muri iki gihe.

## IBITEKEREZO BY’INGABO

***Ongera usome umwandiko “Igitero k’i Butembo” maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza yawo n’uturango twawo.***

### 1. Inshoza y’igitekerezo k’ingabo

Ibitekerezo by’ingabo ni igihangano cyabaga gikubiyemo uko urugamba rwagenze. Byahimbwaga n’abatekereza b’ibwami bafatiye ku byavuzwe n’abavuzi b’amacumu babaga bakubutse ku rugamba. Abo bavuzi b’amacumu bari abantu bazwiho ubuhanga mu kuvuga neza no gufata mu mutwe bagakoresha imvugo nziza kandi batajijinganya.

### 2. Uturango tw’igitekerezo k’ingabo

Igitekerezo k’ingabo kirangwa n’ibi bikurikira:

- Havugwamo inkuru y’igitero cyagabwe.
- Havugwamo uko igitero cyagenze.
- Abakigizemo uruhare n’abakibayemo intwari.
- Gishingira ku kuri kw’ibyabayeho.
- Hashobora kubonekamo amakabyankuru.

## Imyitozo

1. Ku bwawe urabona akamaro k’ibitekerezo by’ingabo kari akahe?
2. Kwiga ibitekerezo by’ingabo bidufitiye akamaro muri iki gihe ndetse n’ikizaza. Bitangeho ibitekerezo.
3. Gereranya igitekerezo k’ingabo n’insigamugani.

## IBYIVUGO

*Soma uyu mwandiko witonze, witegereza imiterere yawo utahure ubwoko bwawo hanyuma ukore ubushakashatsi ugaragaze inshoza, uturango n'amoko ya bene uwo mwandiko.*



Rwangizamirera rwa Muhandangabo  
Ndi umuhanga w'umuheto  
Umuhunde yaje arambirana isuri  
Ndamurasa arisenya  
Ntiyasukirwa amazi  
Umenya ngo akubiswe n'inkuba,  
Inkuku zirayagara  
Inzira ndayiharira  
Ababisha bagisobanura abanyabwoba!

### 1. Inshoza y'ibyvugo

Ibyivugo ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo. Muri iyo ngeri, uwivugaga yirataga ibigwi n'ibirindiro yagiriye ku rugamba. Tuyisangamo amoko abiri y'ingenzi ari yo: Ibyivugo by'iningwa n'ibyvugo by'imyato.

## 2. Uturango tw'ibyivugo muri rusange

- Byabaga bifatiye ahanini ku rugamba.
- Kwandikwa mu mikarago.
- Izina ry'igisingizo .
- Inshinga nkene “ndi...”
- Ibigwi (amazina y'ababisha n'aho ingabo yabatsinze) n'ibirindiro (ibindi bikorwa by'ubutwari ingabo yagaragaje nko kwimana, kugarukira, kugarukirwa no kurusha) by'uwivuga.
- Dusangamo ikeshamvugo (uburyo bwogukoresha amagambo yabugenewe kandi mu buryo bunoze).

## 3. Amoko y'ibyivugo

Mu byivugo dusangamo amoko abiri y'ingenzi ari yo: **ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.**

### a) Ibyivugo by'iningwa

Iningwa ni ikivugo kigufi cyane cy'abantu bakuru, gikubiyemo ubutwari umuntu yagaragarije ku rugamba yatabayemo. Buri mugabo wese yagombaga kukiihimbira ikivugo k'iningwa. Ibyivugo by'iningwa byamamaye mu Rwanda ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli ahagana umwaka wa 1510.

### Urugero

Ndi Rugaragara mu z'imbere  
Rushinguka mu z'inyuma, Ruterabwoba  
Sebuharara Nkombe ya Rugina  
Nimanye inka mu nkoko  
Inkomere zinyita Rugina.

Ibyivugo by'iningwa birangwa n'ibi bikurikira.

- Kuba ari bigufi (ibyashyizwe mu mikarago usanga ibyinshi bitarengeje imikarago icumi).
- Kuba bigizwe n'igice kimwe (bitagabanyijemo ibika).
- Kuba muri rusange bivuga ku ngingo imwe.

## b) Ibyivugo by'imyato

Imyato ni ibyivugo birebire bigabanyijemo ibika na byo byitwa imyato. Byahimbwa n' **intiti** gusa. Uwabyifuzaga akazegera zikabimuhimbira. Nka **Biraro bya Nyamushanja** yahimbiye umwami **Rwabugiri** umwato urata umuheto we awita **Inkatazakurekera ya Rugombangogo**. Ibi byivugo by'imyato byatangiye ku ngoma ya **Yuhi IV Gahindiro**.

### Urugero

#### INKATAZAKUREKERA

Inkatazakurekera ya Rugombangogo  
Ndi intwari yabyirukiye gutsinda,  
Nsiganirwa nshaka kurwana  
Ubwo duteye Abahunde,  
Nikoranye umuheto wange  
Nywuhimbajemo intanage  
Intambara nyirema  
Igihugu cy'umuhinza nakivogereye.

Umukinzi ampingutse imbere n'isuri,  
Umurego wera nywuforana ishema  
Nywushinzemo ukuboko ntiwananira,  
Nongeye kurega inkokora  
Nkanga umurindi hasi, ndarekera  
Inkuba zesereza hejuru y'icondo,  
Ikibatsi kiyica hejuru mu rubega  
Intoki zifashe igifunga zirashya  
Imisakura imucamo inkora,  
Inkongi iravuga mu gihengeri.

Mu gihumbi ke inkurazo zihacana inkekwe  
Inkuku yari afite ihinduka umuyonga!  
Agera hasi yakongotse  
Umubiri we uhinduka amakara,  
N'aho aguye arakobana  
NK'ukubiswe n'iyoye hejuru.

Ababo batinya kumukora,  
Bati : “Ubwo yanyagiwe n’Inkotanyi cyane,  
Nimumureke mwe kumukurura  
Ibisiga bimukembere aho”  
Na byo bimurara inkera,  
Bimaze gusinda inkaba,  
Byirirwa bisingiza uwantanagiye  
Imbungiramihigo sinahagararwa hagati nk’abatagira ishyaka,  
Ishyamba ry’umwimirizi ndiremamo inkora.

Ibyivugo by’imyato birangwa no kuba ari:

- Birebire gusumba ibindi byose.
- Bigiye bigabanyijemo ibice cyangwa ibika bita “imyato”.
- Bigaragaramo ibigwi n’ibirindiro.
- Bivuga ku ngingo nyinshi.
- Harimo imvugo ikoresha amagambo yihariye mu byivugo (ihitamo ry’amagambo akoreshwa ku rugamba).

#### **4. Gusesengura ibyivugo (iby’iningwa n’iby’imyato)**

##### **a) Imvano n’ingingo by’ibyivugo**

Ababihimbaga bafatiraga ku bikorwa by’ubutwari ingabo zabaga zaragaragaje ku rugamba cyangwa mu bindi bikorwa runaka. Umuntu kandi yashoboraga guhimbira undi ikivugo bitewe n’ubutwari cyangwa imyitwarire amubonaho.

##### **b) Akamaro k’ibyivugo**

- Gususurutsa igitaramo.
- Kwigisha abantu umuco wo guhiga no kwesa imihigo.
- Kwigisha abantu kugira ishyaka ry’ubutwari.
- Kwigisha abantu umuco wo gukunda igihugu no kukitangira.
- Gutoza abantu kuvugira mu ruhame.
- Gufasha abantu kutaba ibifura.
- Gufasha abantu kutaba ibigwari.
- Kwigisha abantu kunga ubumwe.
- Kwigisha abantu umuco wo gutabarana ahakomeye.
- Gufasha abantu gukoresha impano zabo mu nganzo y’ubuhimbyi.

### C) Amagambo ya bugenewe mu byivugo

Ibyivugo bikoresha amagambo yabugenewe.

#### Ingero z'amagambo yabugenewe

- **Umurera** bivuga ingabo.
- **Umunega** bivuga icumu.
- **Imisakura** bivuga imyambi.
- **Umukore** bivuga umuheto.

### d) Ikeshamvugo mu byivugo

Mu byivugo dusangamo iminozanganzo itandukanye.

#### Ingero

- **Isubirajwi**  
Ndamurasa arisenya  
Ntiyasukirwa amazi
- **Isubirajambo**  
Inkuba zesereza **hejuru** y'icondo,  
Ikibatsi kiyica **hejuru** mu rubega
- **Igereranya**  
Umenya ngo akubiswe **n'inkuba**
- **Ikabya**

Agera hasi **yakongotse**

Umubiri we uhinduka **amakara,**

N'aho aguye **arakobana**

#### Ikitonderwa

Ibyivugo bya kera byibandaga cyane ku babisha intwari yabaga yaratsinze ku rugamba, icyakora ibyivugo by'ubu byo hari ingingo zitandukanye byagombye gushingiraho. Muri zo twavugaga nk'uburezi, siporo, ibikorwa byo kwicungira umutekano no kuwucungira abandi, ikoranabuhanga, iterambere n'ibindi.

#### Umwitoto

Hanga ikivugo k'iningwa n'ik'imyato maze ukivugire (kwivuga) imbere ya bagenzi bawe.

## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE

**Soma uyu mwandiko nurangiza usubize ibibazo byawubajijweho**

### Igitero k'Imigogo

*Iki gitero cyasakiranyije by'umwihariko Abanyarwanda n'Abanyankore, icyakora kivugwamo n'ayandi mahanga. Inkuru y'iki gitero yabarwa mu bice bibiri: Inzira y'Abanyankore n'inzira y'Abanyarwanda.*

*Iki gitero kandi cyabayeho mu gihe umwami Kigeri IV Rwabugiri yari mu Bunyabungo n'ingabo ze hafi ya zose. Nyuma ariko yaje kubimenya agaruka mu Rwanda kurwanya Abanyankore.*

### **“Ehururu ya Rwanda”: Abanyankore batera u Rwanda**

Dore uko Ntare V Rugingiza rwa Migereka, umwami wo mu Nkore yateguye gutera u Rwanda. Yatumiye ingabo n'abatware agira ati: “Ejo muzohereze abantu bakwiriye ingerero, banzanire abatware b'ingabo, baze mbabwire, bazahigire gutera u Rwanda, bahigire gutera Rwabugiri.” Ati: “Rwabugiri ni we njya numva bavuga; Rwabugiri baja bamunshimira cyane; ni we njya numva bavuga ngo agira Igihugu kiza kandi kinini, ngo agira inka nziza nyinshi, ngo na we aratora nkange; ngo na we afite intore.” Ati: “Maze muzahigire gutera Rwabugiri. Nimumara kumunesha nzizera ko mfite ingabo. Ikindi cya Rwabugiri kimbabaza ni uko bangereranya na we ngo ni we duhwanye.” Abatware bose bakura ubwatsi bati: “Wabera niho ukiduhaka, umuntu uduhaye gutera u Rwanda, umuntu uduhaye gutera Rwabugiri!”

Arahaguruka Igumira rya Bacwa, Ruharabwoba, aravuga ati: “Gahorane Imana! Mpigiye gutera Rwabugiri! Nzamutera bikumare agahinda. Iki gitero ni icyange. Nzatura mu Gihugu cya Rwabugiri, nzatunga inka za Rwabugiri. Rwabugiri nankundira tukarwana, ntampunge, nzamufata mpiri mukuzanire!”

Maze arahaguruka Matsiko mu Nyana ati: “Mpigiye gutera Rwabugiri. Niyumva natungutse n'umutwe w'Inyana, akankundira tukarwana, ntampunge, nange nzamufata mukuzanire aha!”

Arahaguruka Itiri rya Gicobwa, Rugambwishayija, umutware w'Ubwuma n'Abarwany. Ati: “Nange mpigiye gutera Rwabugiri niwumva yatungutse mu mutwe w'Ubwuma n'Abarwany, akankundira tukarwana, nzamufata muzane hano!”

Arahaguruka Kijoma cya Kayisinga, Rugatwankurayijo, umutware w'Ingangura ati: “Mpigiye gutera Rwabugiri. Niwumva atungutse mu mutwe w'Ingangura, akankundira tukarwana, nzamufata muzane aha!”



Arahaguruka Rugumayo rwa Kanagayiga Rusheshangabo Rutacwekera, umutware w'Abanganshuro. Ati: "Mpigiye gutera Rwabugiri natunguka mu Banganshuro nzamufata mukuzanire."

Arahaguruka Rwirangira Rutakirwa, umutware w'Ibirehe, arahiga, ararangiza. Arahaguruka Rwishumba rwa Mwendu, arahiga mu Batenganduru, ararangiza. Arahiga Bwijire mu Badahunga. Na we ararangiza.

### **Abatware bamaze guhiga, abahungu na bo barakenyera barahiga.**

Arahaguruka Nkoko ya Gahunga, Rutakomwa. Arahaguruka Irabiro rya Gahuta, Rutarindimuka. Arahaguruka Bayija ba Kambiri, Rugomwa. Arahaguruka Bangonera ba Ndondoza Ihigiro. Arahaguruka Kamurase ka Bwisheke, Rutakangarana. Arahaguruka Kakuba ka Kangonya, Rutagengwa Ruhuzabiri. Arahaguruka Cyanyangutura cya Manunga, Ruteranyangabo.

Bamaze guhiga umutware w'igitero, Igumiro, asaba iminsi, ati: "Iminsi yacu ni itandatu, uwa karindwi tugatabara i Rwanda." Baragenda bamara gatandatu, ku muni wa karindwi bataha ibwami, barara mu mihigo; buracya birirwa bahabwa intwari: abahabwa imbunda barazihabwa, abahabwa amacumu n'imiheto barabihabwa. Uwo muni bigaba Rugando, baza Kazinga, baza Mwizi na Kankaranka, banyura Rujebe rwa Kabuganda, i Gorora rya bene Rukari, bananyura i Rukoni rwa Cyabukemwa, bagera Rwampara. Amashyo ya Nshenyi arikanga, arahunga, amwe yambukira mu byambu bya Rina n'Ibanda, andi yambukira mu byambu bya Butsinda na Bugomora, andi ahunga aza i Rwanda [...]

Muri icyo gihe Umunyankore witwaga Bwafamba aza gukorera ishyano Ntare wahungaga. Yaka abagaragu be imyambaro yabo ishaje ayizanira Ntare ati: "Dore imicuzo y'Abanyarwanda nazaniwe n'abatasi bange! Wowe ntiwatangazwa n'ukuntu bavuye iwabo iyo gihera bakagera ino bataricwa n'inzara? Reka tuge kubahuhura!" Ntare ati: "Umva rero, numvise ko Abanyarwanda bakora impamba cyane, nimukorane mubanze muhige!"

Bwafamba amaze gushuka Ntare, barara mu mihigo ngo bagiye guhuhura Abanyarwanda. Ntare agabanyamo ingabo ze imitwe. Abanza kohereza Abanga, Abatenganduru n'Inyana. Barara baza ijoro ryose kugira ngo bazasakirane n'Abanyarwanda hakiri kare ubwo kandi ni bwo Ntare yatabaje Mwanga umwami w'u Buganda amutumyeho Rutarurwa. Mwanga aramuhakanira kuko igihugu cyari cyarabaye icy'abazungu atagifite ububasha bwo kohereza ingabo aho yishakiye. Intore zimwe za Ntare zari zifite imbunda za Cyarabu (bitaga makoba).

## I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Erekana impamvu yatumye Ntare Rugingiza ashaka gutera u Rwanda.
2. Shaka mu mwandiko amazina y'abatware bane bahigiye gutera Rwabugiri.
3. Hari inama Bwafamba yagiriye umwami w'Abanyankore. Ni iyihe? Yayimugiriye kubera kumukunda?
4. Ukurikije ikivugwamo urasanga uyu mwandiko ari bwoko ki?
5. Uretse igitero umaze gusoma vuga ibindi bitero waba uzi.
6. Muri make muri uyu mwandiko haravugwamo iyihe nsanganyamatsiko?
7. Sobanura uko abatware b'Abanyankore bakiriye igitekerezo cy'umwami Ntare cyo gutera u Rwanda.

## II. Inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro ugendeye ku nyito afite mu mwandiko:

- a) Iyo gihera
- b) Gukura ubwatsi
- c) Guhuhura
- d) Intore
- e) Guhiga

## III. Ubuvanganzo

1. Tanga ingeri eshanu zo mu buvangazo nyabami wize.
2. Ukoresheje ubushobozi wungukiye muri uyu mutwe wa mbere, gereranya igitekerezo k'ingabo n'ikivugo.
3. Ibyakorwaga mu gutangira no gusoza igitero wabigereranya ute na gahunda ubuyobozi bushyize imbere yo kureba ibyo abantu biyemeje gukora n'uko babigezeho?
4. Hanga ikivugo k'imikarago nibura icumi wishyize mu mwanya w'umuntu wirata ubutwari bw'ibikorwa byiza yakoze.



# **UMUTWE WA 2**

## **UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE**

## UMUTWE WA 2: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

### UMWANDIKO: ABABIRI BAJYA INAMA



Umuryango wa Kamari na Nyiramana, ni umuryango witeje imbere mu gihe nyamara bombi bashakanye ari abakene. Bamaze kurushinga, rubanda rukomeza kubaha inkwenene bavuga ko nta cyo bazigezaho. Ariko bo ntibacika intege kuko bahamyaga ko ibintu bishakwa ntawubivukana kandi ko abagiye inama ntakibananira. Mu mibanire yabo, barangwaga no kumvikana, gufashanya, kujya inama no gukorera hamwe. Kubera ko bari baramenyaniye mu mahugurwa y'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere, umushinga wa mbere batekereje wari uwo guhinga no korora. Mu buhinzi bwabo bose barafatanyaga. Kubera ko isambu bari bafite itari ihagije, umusaruro wabo ntiwatumaga bashobora gusagurira isoko. Umunsi umwe bahinguye, bamaze kurya baratangira baraganira. Maze Nyiramana aterura ikiganiro.

- Ko mbona ubuhinzi bwacu budatera imbere twatekereje ubundi buryo bwo kwiteza imbere?
- Kagire inkuru. Twakora iki kugira ngo twivane mu bukene?
- Nge natekereje gukora umushinga w'ubuhinzi bwa kijyambere n'ubworozi

bw'inkoko z'inyama n'iz'amagi, ahubwo twigire hamwe uko twashakisha igishoro. Igihe twahuriraga mu mahugurwa batubwiye ko iyo ufite umushinga uteguye neza uwujyana muri banki bakakuguriza amafaranga yo kuwushyira mu bikorwa, bityo ukajya ubishyura buhorobuhoro.

- Nukonuko mugore mwiza! Ni byo koko ababiri baja inama baruta umunani urasana! Reka tubikore dutyo.

Nyuma y'icyo kiganiro, biyemeza kunonosora umushinga wabo bukeye bagana banki gusaba inguzanyo maze barayihabwa. Bidatinze batisha igishanga, maze si uguhinga karahava! Umugabo yakurikiranaga umushinga w'ubuhinzi, naho umugore akurikirana umushinga w'ubworozi. Batera imbuto z'indobanure, ikirere na cyo kirabakundira. Ku isarura rya mbere, bashoboye kwishyura icya kabiri k'inguzanyo bari basabye, bagura izindi nkoko z'amagi banubaka ibindi bibuti by'inkoko. Ibyo byatumye benshi ndetse no mu babahaga inkwenene bibaza uko babakiranye. Ibyo byaterwaga n'uko batari bazi ibanga ryabo ryo kubahana no kugirana inama igihe cyose bagiye kugira icyo bakora.

Bamaze kwishyura umwenda wose wa banki batangira kuzigamira abana bazabyara. Biyubakira inzu nziza ya kijyambere baba abakungu barakira karahava. Hashize igihe bigira inama yo kubyara abana kubera ko bari bamaze kubona umutungo wabafasha kubarera, bidatinze bibaruka abana babiri. Ababyeyi bombi bafatanye kubitaho babarerana urukundo, abo bana bahabwa ibyangombwa bikenewe nk'indyo yuzuye kandi ifite ubuziranenge, imyambaro ikwiye n'ubuvuzi nyabwo. Igihe kigeze babashakira amashuri meza. Babatoza kubahana no gufatanya mu turimo tunyuranye two mu rugo. Hashize igihe bongera kwigira inama yo kubyara undi mwana wa gatatu. Nk'uko baranzwe n'ubufatanye muri byose, iyo Nyiramana yabaga ahugiye mu turimo tunyuranye, Kamari ni we witaga ku ruhinja.

Umunsi umwe nyuma y'umuganda, abawitabiriye bamaze kuganira ku nsanganyamatsiko y'iterambere, Umuyobozi w'Umudugudu afata ijambo asaba Kamari n'umugore we guhaguruka. Maze akomeza agira ati: "Impamvu mpagurukije aba bantu ndagira ngo mbasabe ko mubashimira nk'umuryango w'intangarugero mu iterambere mu Mudugudu wacu. Ariko kandi ndagira ngo na bo mbasabe batwibire ibanga rituma batera imbere kugira ngo tubarebereho."

Kamari asaba Nyiramana kuba ari we ubanza kuvuga, maze Nyiramana aterura agira ati: "Iterambere ry'urugo rwacu rishingiye ku burunganire n'ubwuzuzanye bwacu kubera ko twiyemeje kujya inama muri byose, tugafatanye kandi tukubahana." Kamari na we yafashe ijambo avuga ko uzakenera inama wese azabasanga bakayimugira. Abari aho bose barabashimira maze bataha biyemeje gukurukiza inama bagiriwe n'umuryango wa Kamari. Nyuma y'igihe gito, iterambere mu Mudugudu wabo ryagaragariraga buri wese.

## I. Inyunguramagambo

### 1. Urebera mu merekezo yose, tahura muri iki kinyatuzu amagambo afite ibisobanuro bikurikira.

- Ibitwenge byo kunnyega umuntu.
- Twongere twiteze imbere.
- Amafaranga atangiza umushinga.
- Gutunganya neza.
- Gutanga amafaranga bakaguha umurima wo guhinga mu gihe runaka.
- Umuntu ukize ku bintu.
- Uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'igihugu muri rusange.
- Ubufatanye bugaragarira mu mirimo umugore yunganiramo umugabo ku buryo buri wese abarirwa mu murimo runaka mu bwubahane.
- Igikorwa cyo kuzamura imibereho myiza.

U	B	U	R	I	N	G	A	N	I	R	E
A	B	M	Y	H	N	V	V	B	G	N	M
T	B	W	J	N	M	Y	R	B	N	I	M
N	V	N	U	V	G	N	B	N	M	N	B
M	T	W	I	Z	A	H	U	R	E	K	O
A	M	N	D	T	U	U	T	G	K	W	R
U	B	W	U	Z	U	Z	A	N	Y	E	O
K	W	A	T	I	S	H	A	M	R	N	H
M	J	I	O	P	M	B	N	N	N	E	S
N	U	G	N	U	K	U	M	U	Y	N	I
E	R	E	B	M	A	R	E	T	I	E	G
K	U	N	O	N	O	S	O	R	A	Q	I

### 2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ugaragaza ko wumva icyo avuga mu mwandiko.

- Inkwenene
- Igishoro
- Umukungu

## II. Kumva umwandiko

1. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko? Kuki rubanda bavugaga ko nta cyo bazigezaho?
2. Umuryango w'abavugwa mu mwandiko urangwa n'iki?
3. Iterambere ry'umuryango wa Kamari na Nyiramana rikomoka he?
4. Sobanura uko uburinganire n'ubwuzuzanye ari inkingi y'iterambere.
5. Garagaza akamaro k'umuho wo kuzigama kagaragara mu mwandiko.
6. Mu mwandiko batubwira ko umuryango wa Kamari wagaburiraga abana babo indyo yuzuye kandi ifite ubuziranenge. Sobanura akamaro ko kurya indyo ifite ubuziranenge.

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
2. Ni irihe somo ryo mu buzima busanzwe twakura muri uyu mwandiko?

## IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira: "Ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda."

## IKESHAMVUGO

**Soma umwandiko ukurikira maze usubize ikibazo cyawubajijweho.**

### Impanuro z'umubyeyi

Igihe kimwe Kamana akitse imirimo, yari mu ruganiriro hamwe n'abana be Bukesha na Mariza aterura ikiganiro agira ati: "Ariko bana bange mureke tunganire ku busugire bw'ururimi rwacu."

**Kamana:** Harya iyo bukeye umworozi w'inka iyo agitangira kuzikama bavuga ko agira ate?

**Bukesha:** Bavuga ko atangiye kuzikurura amabere.

**Mariza:** Reka da! Ariko Bukesha nawe nta byawe! Suzi ko babyita kwinkiza! Mu ishuri twarabyize.

**Bukesha:** Uzi ko ari byo koko! Ariko nawe hari aho ubyishe: Ntibavuga: "**Suzi** ko"; bavuga: "**Ntuzi** ko".

**Mariza:** Yego koko. Ngaho noneho nawe vuga uko kurangiza gukama babyita.

**Bukesha:** Babyita guhumuza.

**Kamana:** Murumva rero ko dukwiye kujya tunoza ururimi rwacu ntiturwangize uko twiboneye. Tukamenya imvugo ikoreshwa ku mata nko **kuyabuganiza, umubanzi** n’ibindi.

Tukibuka ko kurangiza koza ibyansi n’ibisabo na byo babyita **guhumuza**; ingoma n’isekuru byasaduka bakavuga ko **byariboye** n’ibindi ntarondoye. Si ibyo gusa kandi: ubu bamwe muri mwe baba bavuze ngo **natarondoye**, ngo **ndavuze uti**, ngo **bimeze ute?** n’ibindi. Ibi byose bishobora gutuma abazi ururimi rwacu babaseka kandi kurunozza bitagoye. Muge mukurikira neza ibyo umwarimu yigisha kandi namwe muge mwihatira kuganira mu Kinyarwanda kinoze.

### **Ikibazo**

***Muri iki kiganiro umubyeyi arashishikariza abana kunoza imvugo yabo. Ubwo buryo bwo kunoza imvugo no kuyikesha bwitwa ngo iki? Kora ubushakashatsi na bagenzi bawe utahure inshoza y’ubwo buryo unashakishye izindi mvugo zinoze zikoreshwa ku nka, ku mata, ku isekuru, ku gisabo, ku ngoma no ku zindi mvugo zikoreshwa mu buzima bwa buri muni.***

### **Inshoza y’ikeshamvugo**

Ikeshamvugo ni ubuhanga bukoreshwa mu kuvuga no guhanga mu Kinyarwanda. Iyo akaba ari imvugo inoze, yuje ikinyabupfura, ifite inganzo kandi ivugitse ku buryo bunoze. Ikeshamvugo ahanini, ni imvugo ikoreshwa mu guha agaciro umuntu uyu n’uyu cyangwa ikintu iki n’iki bitewe n’akamaro gifite mu muco w’Abanyarwanda, bityo hakirindwa gukoreshwa izina ryacyo mu buryo bukocamye. Mu ikeshamvugo ni ho hakoreshwa ijambo “Ntibavuga, bavuga.” Umuntu akaba yabasha gutandukanya imvugo ikoreshwa ku mwami, ku ngoma, ku nka, ku mata n’ibindi.



### a) Ikeshamvugo ku nka

Ntibavuga	Bavuga
Kurangiza gukama	Guhumuza
Kurekeraho gukamwa	Guteka
Gukomereka	Gusarika
Gutoroka kw'inka	Kumena
Kurya kw'inka mu rwuri	Kurisha
Aho inka zirisha	Urwuri
Kugarura ina mu rugo	Kuzicyura
Guca umurizo	Gukemura umurizo
Gukurura babyaza	Kuvutira
Gukamisha yombi	Kuvuruganya
Gutangira gukama	Kwinikiza
Gukwita kw'inka	Guhaka
Kujya kun da kw'inka	Kwerera
Kuziyobora, kuzishorera	Kuzirongora
Utubere tudakamwa	Indorezezi
Kuzijyana ku kibumbiro	Gushora
Kujyana inka ahari ubwatsi	Kuzahura
Ibyatsi bahanaguza inka	Inkuyo
Kwiruka zigusiga	Gutana
Guhanagura inka	Kuzihonora
Guta umuziha kwazo	Gufuma
Kuzivomera	Kuzidahirira
Kurwara ibisebe ku mabere	Gusarika
Ikiraro k'inyana	Uruhongore
Aho bamena amase y'inka	Icukiro
Aho inka zibyagira	Ku ibuga

## b) Ikeshamvugo ku mata n'igisabo

Ntibavuga	Bavuga
Igicuma bacundamo amata	Igisabo
Aho batereka amata	Uruhimbi
Kuyasuka mu gisabo	Kuyabuganiza
Kuyavanamo amavuta	Gusobanura
Kurangiza koza igisabo	Guhumuza
Kurangiza gukama	Guhumuza
Kumena amata ubishaka	Kuyabyarira / kuyabikira
Kumena amata utabishatse	Kuyabogora
Kumena igisabo	Kukibyarira
Kurekeraho gukamwa	Guteka
Amata y'inka ikibyara	Umuhondo
Amata y'inka yenda guteka	Amagonera/Amanga/Amasuga
Amata y'inka yimye	Amasitu
Amata inyana yanze konka	Amakaba
Amata yaraye ataravura	Umubanji
Amata bavanze n'amazi	Umwerera, umujago
Amata yiriwe	Amirire
Amata amaze kuvura	Ikivuguto
Amata y'abashumba	Imyezo
Agati bavurugisha amata	Umutozo
Gutunganya amata y'ikivuguto	Kuyavuruga
Umuheha banyweshya amata	Umuceeri

### c) Ikeshamvugo ku ngoma

Ntibavuga	Bavuga
Gutangira kuvuga	Gusuka
Kurangiza kuvuga	Gutungwa
Kugurwa	Gukoshwa
Kumanikwa	Kujishwa
Gushyushywa	Koswa
Gufashwa hasi	Kururutsa
Kubazwa	Kuramvurwa
Gushyirwaho impu	Kuremwa
Kwikorerwa	Kuremererwa
Gutoboka	Kubyara
Gusaduka	Kuribora/kurara/guseka
Kumeneka	Kubyara

### d) Ikeshamvugo ku isekuru, icyansi, igisabo, ingobyi n'umuheto

Ntibavuga	Bavuga
Ntibimanikwa	Birajishwa
Ntibirurwa	Birururutsa
Ntibimeswa	Birahanagurwa
Ntibisaza	Birakura
Ntibyikorerwa	Biraremererwa
Ntibigurwa	Birakoshwa
Ntibishyushywa	Birosa
Ntibimeneka	Birabyara
Ntibibazwa	Biraramvurwa

### Ikitonderwa

Ikeshamvugo ntirishingira gusa ku nka, ingoma, amata... ahubwo rinashingira ku mvugo dukoresha buri muni. Ni ngombwa ko imvugo dukoresha iba inoze, yubahiriza ikibonezamvugo kandi idashyoma cyangwa ngo ivangavange ikinyarwanda n'izindi ndimi.

### e) Gushyoma

Ntibavuga	Bavuga
Ndavuze ati	Ndavuze nti
Nari nataramubona	Nari ntaramubona
Mubigenze utyo	Mubigenze mutyo
Ikipe A yabashije gutsindwa n'ikipe B	Ikipe A yatsinzwe n'ikipe B
Wari wakubitwaho?	Wari wakubitwa?
Rutahizamu yavuye mu mvune	Rutahizamu yakize imvune
Yiga Amerika	Yiga muri Amerika
Ntiza ku ikaramu nandike	Ntiza ikaramu nandike
Kugendera kimwe	Kugendera rimwe
Siyaje	Ntiyaje
Imana ibahereze umugisha	Imana ibahe umugisha
Aduhe ubusobanuro burambuye	Aduhe ibisobanura birambuye
Sugende	Ntugende
Amago	Ingo
Amakwe	Ubukwe
Amanama	Inama
Ariho amazi abira	Ari mu mazi abira
Naryamye natariye	Naryamye ntariye

### f) Imvugo z'inzaduka

Ntibavuga	Bavuga
Abajama	Urungano
Amaniga	Bagenzi bange
Ndamuyoka	Ndamubona (Ndamutahura)
Uno mukobwa arahiye	Uno mukobwa ni mwiza

### g) Kuvanga indimi

Iri kosa ryo kuvanga indimi rikorwa akenshi iyo uvuga akoresha Ikinyarwanda akivanga n'indimi z'amahanga cyangwa agatanga igitekerezo ke mu Kinyarwanda akoresheje imiterere y'izindi ndimi.

## Urugero

Ntibavuga	Bavuga
Iyo ufite komitimenti kubaka inzu ntibigora.	Iyo wabyiyemeje kubaka inzu ntibigora.
Sisiteme dukoreramo	Uburyo dukora
Ikintu cyo mbaza	Ikintu mbaza
Umugabo yafashwe ari kumwe n'ibiyobyabwenge.	Uwo muntu yafatanywe ibiyobyabwenge.

### h) Amagambo yerekeye amasano n'indamukanyo

Iyi mivugire iboneka cyane mu magambo aranga amasano no mu ndamukanyo. Ku mpamvu zitandukanye zirimo no gutira mu zindi ndimi, usanga abantu batakimenya amagambo yabugenewe y'Ikinyarwanda.

#### - Mu masano

Imvugo isanzwe	Imvugo inoze
Mushiki wa data	Masenge
Musaza wa mâamâ	Marume
Se wa data/maamâ	Sogokuru
Nyina wa data/ maamâ	Nyogokuru
Se wa sogokuru/ nyogokuru	Sogokuruza
Nyina w'umugabo/ umugore wange	Mabukwe
Murumuna/mukuru wa data	Data wacu
Umwana wa musaza w'umuntu	Umwisengeneza
Umwana wa mushiki w'umuntu	Umwîishywa
Umwana w'umwuzukuru	Umwuzukuruza
Umwana w'umwuzukuruza	Ubuvi
Umwana w'ubuvi	Ubuvi
Umwana wa nyirarume/ nyirasenge w'umuntu	Umubyara/ mubyara wa...
Se (nyina) b'umukwe wawe/umukazana wawe	Bamwana wawe
murumuna/mukuru/musaza w'umugore wange	Muramu wange
Umugabo wa mushiki wange	Muramu wange
Mushiki w'umugabo wawe	Muramukazi
Abashatse abagore bava inda imwe	Abasanzire

## - Mu ndamukanyo

Icyo uramukanya avuga	Igisubizo ahabwa
Gira inka	Amashyo n'amagana
Amashyo	Amashongore
Gira amata.	Ahore ku ruhimbi
Gira abana	Hungu na kobwa
Gira umugabo/ umugore	Ndamushimye/ Ndamukugize
Usigare amahoro	Ugende ayandi

## Imyitozo

### 1. Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo yabugenewe ahakoreshejwe imvugo idakwiye.

- Akirangiza gukama yahise asubiza inyuma izindi nka maze azana ibyatsi atangira kuzihanagura zose.
- Kamari yajyanye inka aho zirishiriza ubwatsi.
- Abantu bamwe bakunda amata y'inka ikibyara abandi bakikundira amata amaze kuvura.
- Ingoma zirashyushywa mbere yo kuzivuzwa.
- Turasabwa kuzakora amanama menshi kugira ngo amakwe yacu azagende neza.

### 2. Uzuzwa imbonerahamwe ikurikira.

Ntibavuga	Bavuga
Aho bamena amase y'inka	.....
Aho inka zibyagira	.....
Abajama	.....
Amaniga	.....
Siyaje	.....
Kumanika igisabo	.....
Gushyira ingoma hasi	.....

## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KABIRI

***Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo byawubajijweho.***

### **Uburunganire n’ubwuzuzanye mu iterambere ry’umuryango**

Kugira ngo umuryango utere imbere hakenerwa ibintu byinshi kandi binyuranye, birimo ibiribwa bihagije, uburezi, ubuzima buzira umuze, umutekano, ubukungu n’ibindi. Iyo urebye neza ariko hari ikintu k’ibanze gikwiye guhabwa agaciro mbere ya byose mu kubaka iterambere rirambye ry’umuryango. Hari abemeza ko icyo hatitawe ku ihame ry’uburunganire n’ubwuzuzanye usanga mu muryango hari icyuho kandi kiganisha ku mibereho mibi.

Kugira ngo umuryango wihaze mu biribwa niba utunzwe n’ubuhinzi n’ubworozi, ingufu z’umugabo n’umugore ziba zikenewe kuko nta n’umwe ukwiye guharira undi umurimo uyu n’uyu ahubwo bose bagomba kunganirana bityo bakagera ku musaruro ushimishije kuko bose baba babishyizeho umwete. Urugero twafata hano, ni nk’igihe umugabo n’umugore baba biriranywe bahinga igihe cyo guhingura hagomba guterwa intabire umwe muri bo akaba yakwiyumvisha ko icyo gikorwa kitamureba yewe akaba atanakora imbagara ngo akeka ko uwo murimo utamugenewe.

Ikindi umuntu yavuga kuri iyi ngingo ni uko ubworozi busaba gushirika ubute no guhozaho kugira ngo amatungo akenurwe ku kigero gishimishije bityo na yo atange umusaruro. Iyo hari umwe mu bagize umuryango wiyumvisemo ko atakora umurimo runaka wo mu bworozi aba ateshutse kuko igihombo kiba kiri ku muryango wose.

Uburezi bw’abana mu muryango ni inkingi ikomeye y’iterambere. Mu burezi umugore cyangwa umugabo agomba gutanga umusanzu ufatika nta kwitana ba mwana kuko umwana apfa mu iterura. Ikindi kandi nta n’umwe ukwiye kumva ko uburere umwana aherwa mu muryango bugenewe gutangwa n’umwe muri bo ahubwo bose bagomba gutahiriza umugozi umwe kugira ngo bubake ejo hazaza h’abana babo. Inyana ni iya mweru; abana na bo bafata urugero rwiza ku babyeyi babo ugasanga abahungu n’abakobwa buzuzanya muri byose.

Umuryango udafite ubuzima buzira umuze nta cyo uba ushingiyeho, ni yo mpamvu umugabo n’umugore bakwiye kwita ku buzima bwabo n’ubw’abo bashinzwe kurera. Iyo havuzwe ingingo y’ubuzima humvikana kwirinda indwara, gushyiraho uburyo buhamye bwo kunoza imikorere mu by’ubuvuzi no kuvurizwa igihe icyo hari uwarwaye.

Ni yo mpamvu rero yaba umugabo cyangwa umugore, umwana w’umuhungu cyangwa umukobwa, bakwiye kwita ku buzima bwabo n’ubw’abandi kuko bose bibareba. Urugero rwatangwa hano ni uko umwana atarambera mu rugo nyina

adahari kuko abagabo bamwe bumva ko kujyana umwana ukiri muto kwa muganga cyangwa kumukingiza bigenewe abagore gusa.

Umutekano wo mu muryango na wo ni ngombwa. Iyo hubahirijwe uburenganzira bwa buri muntu bwaba ubwo agenerwa n'amategeko cyangwa umuryango, usanga urugo rufite amahoro arambye, kuko nta n'umwe utsikamirwa hitwajwe ko ari uyu n'uyu. Aha rero ni ho uburinganire bugaragarira kuko abantu bose bashesya imbere y'amategeko.

Ubukungu ni ikintu k'ingenzi mu muryango no mu gihugu muri rusange. Ubukungu rero ntibumanuka mu ijuru ahubwo buraharanirwa. Baca umugani mu Kinyarwanda ngo: "Abishyize hamwe ntakibananira", buri wese mu bagize umuryango agomba kumva ko kugira ngo umuryango utere imbere agomba kubigiramo uruhare, kandi byose bishoboka iyo hari ubushake. Nta n'umwe ugomba kwitinya ngo iki n'iki kigenewe uyu n'uyu ahubwo bagomba kunganirana muri byose.

Muri make abagiye inama Imana irabasanga, kandi umutwe umwe wifasha gusara ntiwigira inama. Iterambere rihera mu rugo rikagukira mu muryango mugari rigakwira Igihugu cyose. Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo, babyeyi urugero muha abana ni rwo bakurikiza. Umuryango uhamye urakenewe ngo Igihugu gitere imbere. Ni ngombwa kandi ko habaho amahirwe angana ku bitsina byombi. Ni inshingano ya buri wese kugira uruhare rugaragara mu kubaka umuryango muzima urangwa n'uburinganire n'ubwuzuzanye kuko ari byo shingiro ry'iterambere ry'umuryango.

## **I. Kumva no gusesengura umwandiko**

1. Ni ibihe bintu by'ingenzi bivugwa mu mwandiko bya ngombwa mu iterambere ry'umuryango?
2. Kuki ibyo byose bitagerwaho bidashingiye ku burunganire n'ubwuzuzanye?
3. Ku bwawe iyo havuzwe uburinganire wumva iki?
4. Ese ubona bikwiye ko umugore cyangwa umugabo basiganira umurimo runaka kandi bose bawushoboye?
5. Uburere bw'abana buhuzwa bute n'uburinganire n'ubwuzuzanye muri uyu mwandiko?
6. Vuga muri make uko uyu mwandiko ugaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye.
7. Garagaza imigani y'imigenurano yakoreshejwe muri uyu mwandiko ifitanye isano n'uburinganire.



## II. Inyunguramagambo

1. Koresha aya magambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura mu mwandiko.

- a) Umuze
- b) Umwete
- c) Ubute
- d) Icyuho
- e) Intabire

2. Huza buri jambo n'igisobanuro cyaryo.

Ijambo	Igisobanuro
Guteshuka	Ugushishikarira umurimo
Umwete	Gufashanya muri byose
Gutahiriza umugozi umwe	Kunyuranya n'ibyo wagombaga gukora

## III. Ikeshamvugo

1. Kosora umwandiko ukurikira ukoresheje imvugo inoze.

### Amashyo y'iwacu

Mu muryango wacu muri iyi minsi twahiriwe n'ubworozi, amatungo abyara ari menshi. Ubwo rero murumva ko dufite inyana nyinshi zikivuka zibera mu kiraro cyazo. Ni muri urwo rwego abana tuvukana bamereye neza binywera amata y'inka ikibyara. Iyo umushumba wazo atangiye gukama, umukobwa tuvukana ni we uba hafi ngo asubize inyuma inyana itamukoma akayamena. Iyo ayisubije inyuma, mba ndi hafi ngahita mfata ibyatsi nkayihanagura.

Ubundi inka zacu twajyaga tuziha umubirizi zimaze gukamwa none isekuru twawusekuragamo yarasadutse, dadi akaba ateganya kubaza indi no kugura ikindi gisabo vuba aha. Uwo mushumba wacu akunda gukama akoresha amaboko yombi, yarangiza gukama tukayasuka mu byansi, tukayatereka ku meza aho abikwa. Ubwo inka tukazijyana aho zirisha ari na ho mpurira n'amaniga yange.

## 2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Ntibavuga	Bavuga
Ndamuyoka	.....
Uno mukobwa arahiye	.....
Ndavuze ati	.....
Nari nataramubona	.....
Amata yaraye	.....
Agati bavurugisha amata	.....
Gutunganya amata y'ikivuguto	.....
Umuheha banyweshya amata	.....

3. Hanga umwandiko uvuga ku mwami cyangwa ku bworozi bw'inka ukoreshe monibura amagambo icumi y'ikeshamvugo ku mwami cyangwa ku nka uyaceho akarongo



# **UMUTWE WA 3**

## **UBUZIMA**

# UMUTWE WA 3:UBUZIMA

## IKINAMICO: UBWENGE BUZA UBUIJI BUHISE



### Umwinjizo w'umukino

Muri uyu mukino: "Ubwenge buza ubujiji buhise", muriyumviramo ukuntu Nyinawumuntu, yatsimbararaga ku myumvire idahwitse yo kubyara abana benshi, ngo akunde yororoke nk'umusenyi wo ku nyanja. Nyamara yagiye ku kigo nderabuzima, na bwo ku bwa burembe, yumvise uko urubyiruko rugisha inama rushaka kumenya iby'ubuzima bw'imyororokere, ndetse n'abatanze ubuhamya ku byiza byo kuboneza urubyaro, afata ikemezo cyo guhinduka no kuba intumwa nziza ku bandi bafite imyumvire itaboneye.

### Abakinnyi dusanga muri uyu mukino n'imiterere yabo.

- Nyinawumuntu:** Ni umugore ubyara indahekana. Nyuma y'igihe kirekire ahora mu makimbirane n'umugabo we yaje kwisubiraho.
- Mugwiza:** Ni umugabo wa Nyinawumuntu. Ashyira mu gaciro, ndetse yifuza ko we n'umugore we baboneza urubyaro.
- Mugisha:** Ni umugabo uri mu kigero k'imyaka 43. Na we yacengewe n'umuco wo kuringaniza urubyaro ndetse abishishikariza abandi.
- Iribagiza:** Ni umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Kinigi akaba n'inzobere mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.

- Fofu:** Ni umukobwa uri mu kigero k’imyaka 20 ukora mu kabari. Akunze guhura n’ikibazo cy’abagabo bamushuka ko bamukunda, akabima amatwi.
- Gwiza:** Ni ingaragu afite imyaka 21. Akunda gushukwa n’urundi rubyiruko ngo akore imibonano mpuzabitsina ariko akagira amakenga ndetse agakomera ku bumanzi bwe.
- Murenzi:** Ni umusore w’ibigango n’igikuriro. Afite imyaka 23. Azwiho gutwara abagore b’abandi.
- Gakwaya:** Ni se wa Murenzi, agisha inama kandi ni inyangamugayo.

## Igice cya mbere

### Agakino ka mbere

*Aka gakino karakinirwa mu ruganiriro kwa Mugwiza na Nyinawumuntu. Ni mu gitondo bambaye imyambaro idashamaje nk’abakene, Mugwiza yicaye ku ntebe ya kinyarwanda, Nyinawumuntu yicaye ku kirago; mbese biragaragara ko bari mu rugo rutifashije.*

- Mugwiza:** *(Yicaye wenyine yiyumvira)* Mbe Nyinawumu...?
- Nyinawumuntu:** *(Ijwi ryumvikanire kure, ndetse abanze kwisyigiza)* Asyi! Ariko wowe ni uguhora umpamagara gusaaa! Vuga ndakumva!
- Mugwiza:** *(Yimyoze)* Igira hino uce akabogi ku muce ariko ngire icyo nkwiabariza, ntuzi ko ijambo ryiza ari mugenzi w’Imana kandi ubamba isi ntakurure!
- Nyinawumuntu:** Ubu ntuzindukiye ntarikorera uturimo di! Vumvura vuba wasanga ari ikinkiza uyu muruho n’agahinda nterwa n’uru rugo rutindi!
- Mugwiza:** Ariko uzitonganya uzageze ryari? Ayo maganya uhorana ukagira ngo si wowe wayikururiye n’izo ndahekana zawe?
- Nyinawumuntu:** Ugize ngo iki...? Umpamagariye kuntuka se? Mva iwacu hari inda naje nikoreye ku mutwe? Ariko koko bararya zikishyura! Umenye ko umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahaguruka!Nta soni!
- Mugwiza:** *(Atuje cyane)* Tuza ariko nivugiraga mugore nkunda weze inono ku menyo, kibero kezeho amaribori, ukaba ikemezo cy’urugwiro. Nagira ngo twiganirire iby’ubu buzima bwacu, tuza rwose.

- Nyinawumuntu:** Ntuza ntuzaza iki? Ni uko usanzwe ndakuzi kandi uhishe mu nda ntiyibwa n'imbwa. Uhora umbwira ngo mbyara nk'urukwavu! Ariko ni abange koko! Ko utamfasha kubarera se, shyuhuhuuu! Ariko nagorwa nagorwa!
- Mugwiza:** (*Ase nugira uburakari*) Hama hamwe uwanze kumva ntiyanze no kubona. Nkubwira ngo uboneze urubyaro, ukananira! Icara urambye wumve ingaruka!
- Nyinawumuntu:** Wahondaga utanoga di! Ngo bagire ngo! Umaturanyi wacu ko yihaye kuboneza urubyaro, byagenze bite? Nta bo wumva babisamiraho se? Abapagani gusa! Ijambo ry'Imana riraturwira riti: "Mubyare mwororoke mugwire mwuzure isi, mungane nk'umusenyi n'inyenyeri." Ni nde wababwiye ko isi yuzuye se?
- (*Atuje cyane asa n'uwiringa*) Nyamara nkubwire saro risumba ayandi nahawe na Rudasumbwa, amahane yawe nta cyo azakugezaho! Nashakaga kukubwira ngo tuge kugisha inama ku kigo nderabuzima, cyane ko numvise umuhwituzi avuga ko ku Kigo Nderabuzima cya Kinigi hari iyo gahunda yo kugira inama abaturage ku bijyanye n'ubuzima bw'imyorokere no kuboneza urubyaro.
- Nyinawumuntu:** (*Acururuke gato*) Nange mbikenge undi mukiro wari umpamagariye umuseke ugitamuruka mu cyoko! Ibitesha umuntu igihe ntibibura! Batanga se utujumba n'udushyimbo byibura ngo twihere abana? Izo mburamukoro gusa! Ugeyo wenyine n'ubundi uwiruka mu ntabire y'undi ntabura amaguru. Nge sinishoboreye ngiye kwihingira! (*Ahaguruke agende, Mugwiza asigare wenyine yumiwe*)

## Agakino ka kabiri

***Aka gakino karakinirwa mu gikari cy'urugo kwa Mugwiza n'umugore we Nyinawumuntu agaragara ko atwite. Nyinawumuntu afite isuka mu ntoki nk'ugiye guhinga, Mugisha aze kubakangurira kwitabira amahugurwa, bazane udutebe bicareho baganire, utwana ikenda tw'indahekana dushonje twambaye ubucabari twicaye ku muryango w'inzu tubitegereza.***

- Mugwiza:** Ubu koko amaherezo azaba ayahe?
- Nyinawumuntu:** (*Akubite igitwenge aseke cyaneee*) Ngo amaherezo azaba ayahe? Ubye wa wundi uhora yibaza iby'uko bwira n'uko bucya se! (*Aririmbe yishongora: Ese ko bucya bukiraaa amahereeezo azaba ayahe weee!*)

- Mugwiza:** *(N'ijwi ryihanangiriza)* Ariko Nyinawumu! Uwiruka atizwa umurindi n'umwirukankana koko. Sinzongera kukubwira ibyo kuboneza urubyaro no kumenya iby'imyororokere, gusa uzirengere ingaruka. *(Ahite yumva umuntu ubaramutsa)*
- Mugisha:** *(N'ijwi risa n'irirenga)* Mwaramutse aba hano? Ni Mugisha ubasuhuza.
- Mugwiza:** Mwaramutse? *(Mugisha yinjire)*
- Nyinawumuntu:** Ese ni wowe Mugi, ko uturamukiye se, uragenzwa n'iki? Reka nzane udutebe two kwicaraho. *(Azane udutebe twa kinyarwanda bicare)*
- Mugisha:** Ni ubuhoro ariko! Numvise mwari mu kiganiro ariko musakuza, nza kureba ibyo murimo!
- Nyinawumuntu:** Sinzi ibyo yari arimo ambwira ra!
- Mugisha:** Umva kandi. *(Aseke gato)* Ntubizi kandi numvaga muvuga ku ngingo nziza?
- Nyinawumuntu:** Yewe ga yewe ga! Uzi ko uwububa abonwa n'uhagaze bahu! Burya bwose wumvirizaga ibyo twavugaga?
- Mugisha:** Oya sinumviriza abantu. Nihitiraga amagambo agira atya angwa mu gutwi.
- Mugwiza:** Ni byo rata twavugaga ibyo kujya kugisha inama ku kigo nderabuzima, ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no ku kuboneza urubyaro.
- Mugisha:** Ntiwumva; nange ubu ndi kugana ku kigo nderabuzima. Namwe abahwituzi babagezeho?
- Mugwiza:** Batugezeho ariko nararigushije, Nyinawumuntu yanze andaba ivu mu gahanga! Aracyari wa wundi boshye akabaye icwende koga nti...reka nicecekere nako.
- Mugisha:** Ubwo se yabikora bahu? Dore ubu bukene bw'akarande buterwa no kuba mutaraboneje urubyaro. Rero ndabona anatwite indi!
- Mugwiza:** Ndeka undorere. Ntidushobora kubona ibitunga abana bahora bicira isazi mu jisho, kwambara ukuri byo barabimenyereye, kubavuzana ni ikibazo! Icyangira umuntu gitera agahinda gusa!
- Mugisha:** Izo ni ingaruka nyine! Aho isi igeze kirazira kikaziririzwa kubyara abo udashoboye kurera, kuko ni ukwiyica uhagaze ukica n'ubuzima bw'abo ubyara.

- Nyinawumuntu:** (*N'agasuzuguro*) Mwasomye ntimwasogongeye ariko! Ubuzima bwicwa n'iyi miti njya numva! Nge hari icyo ntaka uretse ubukene?
- Mugwiza:** Yego nyine iyo tubyara abo dushoboye kurera, ntuba utaka ubwo bukene!
- Nyinawumuntu:** (*Ase n'ugira amakenga*) Gute se?
- Mugisha:** Igihe uta urera abana barenga ikenda bose, iyo uza kuba ufite babiri uba ugikoresha mu kubashakira ibibatunga no kubateganyiriza ejo hazaza.
- Mugwiza:** Si uko! Ubu se baziga koko, kandi ubu amashuri ari wo murage? Kera ababyeyi bagiraga iminani baragaga abana babo. Ubu abacu tuzabaraga iki?
- Nyinawumuntu:** Nimuhebere urwaje rero, none se twakwihakana urubyaro rwacu.
- Mugisha:** Guhunga ibibazo si ubutwari ni ubugwari bukabije, kuko intore ntiganya ishaka ibisubizo. Byongeye kandi Leta y'u Rwanda nta we ishaka ko abaho nabi aririra mu myotsi. Ubu se mwe gahunda ya Gira Inka Munyarwanda ntiri hafi kubageraho!
- Nyinawumuntu:** (*N'ibyishimo byinshi*) Ni byo se! Ayo ni amashyamba mu gihe have sigaho!
- Mugisha:** Ni ukuri rwose. Gusa mugomba kwitabira gahunda za Leta zirimo kuboneza urubyaro, kugana ibigo nderabuzima mukagisha inama ku buzima bwanyu, n'ibindi. Isaha ziragiye ahubwo muze tugende tudatinda.
- Mugwiza:** Nge nahagurutse. Haguruka nawe Nyinawumu... Singenda ngusize!
- Mugisha:** Ntiwumva ko nta rundi rwitwazo Nyinawumu...! Erega gahunda za Leta kuzitabira ni byiza birigisha kandi bigafasha abantu no guhindura imyumvire!
- Nyinawumuntu:** (*Abanze kwiyumvira*) Tugende ariko ni uko abaye wowe Mugi...!
- Mugwiza:** Nyinawumu? Tuvugishije ukuri, hari uko ntakugize ukananira?
- Nyinawumuntu:** Wowe se ko utifungishije ngo baguhindure ikiremba?
- Mugwiza:** Byo se nari kubikora tutabyumvikanyeho? Erega byose bikorwa mu bwumvikane, mu bufatanye n'ubwuzuzanye bw'abashakanye.



**Mugisha:** Erega ntibinabuza umuntu gukora imibonano mpuzabitsina, bibuza kororoka gusa. Uzi ko mutazi ubuzima bwanyu bw’imyororokere! Mureke twihute ndabizi ku kigo nderabuzima murahungukira byinshi. *(Bahaguruke bagende)*

## Igice cya kabiri

### Agakino ka mbere

***Aka gakino karakinirwa ku kigo nderabuzima, karakinwa na Iribagiza, Fofu, Gwiza, Gakwaya, Murenzi, Mugisha, Mugwiza na Nyinawimuntu. Iribagiza ari kugira inama abaturage bicaye mu gacaca, bacoca amagambo.***

**Iribagiza:** *(Asuhuze abo bari kumwe)* Muraho mwese! Nimugire ubuzima bwiza, mukure muzi ubuzima bw’imyororokere kandi mwororoke muringaniza urubyaro! Nagira ngo abafite ibibazo byihariye, duhereye ku rubyiruko, babanze babitugezeho tubone aho duhera.

**Fofu:** Nitwa Fofu mfite imyaka makumyabiri, nkora mu kabari. Abagabo n’abasore bantesha umutwe bambwira ko ndi mwiza, bakankorakora cyangwa bagashaka kunsoma iyo ndi mu kazi, nkabyanga. Nakora iki ngo banshikeho?

**Gwiza:** Nange nitwa Gwiza mfite imyaka 21. Bagenzi bange bahora banyumvisha ko nkwiye gushaka abakobwa cyangwa abagore dukorana imibonano mpuzabitsina, ngo ni bwo nzakira ibishishi mu maso n’ubugabo bwange ngo bugakura neza da! Ni byo koko?

**Gakwaya:** Nge mungire inama, uyu muhungu wange Murenzi, numva bamwita umupfubuzi ngo abagore benshi ni we bayobotse. Iyo ngeso ntizatuma yisazira. *(Abari aho bose bumirwe batangire kujujura)*

**Iribagiza:** Ndabashimiye kuba mugishije inama ku bibazo muhura na byo, mu rwego rwo kumenya ubuzima bwanyu bw’imyororokere. Kuvugisha ukuri ni indangagaciro ikwiye kuturanga. Reka mpere ku kibazo cya Fofu. *(Ahamagare Fofu)* Fofu we?

**Fofu:** Karame!

**Iribagiza:** Abo bagabo bagushuka bagukorakora, bikubaho buri muni? Ese na bagenzi bawe mukorana ni ko bibagendekera?

- Fofu:** Yego, ariko buri wese arimenya. Abenshi barabakorakora, bagasangira inzoga, bakabahonga amafaranga ndetse hari n’abemera gutahana na bo. Nge rero numva ntawankorakora atarankoye.
- Iribagiza:** Ni byo koko abakobwa bahura n’ababashuka bashaka kubashora mu ngeso mbi z’ubusambanyi, kubashora mu biyobyabwenge, kubacuruza mu mahanga n’ibindi byinshi biteye agahinda. Buri wese agomba kwimenya, akifata, akirinda izo nkozi z’ibibi ziba zishaka kubata mu kangaratete, ukaba watwara inda idateganyijwe cyangwa y’imburagihe. Ushobora no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Komera ku mugambi wawe wo kwimenya, ukomera ku busugi bwawe. Si byo?
- Fofu:** Murakoze kungira inama nziza!
- Iribagiza:** Wowe rero Gwiza. Umubiri w’umuntu ugira imisemburo igenda itera impinduka bitewe n’ikigero ugezemo iyo ukura. Ibishishi ufite ni ukubera ikigero cy’ubukure ugezemo. Ntaho bihuriye no gukora imibonano mpuzabitsina. Naho iby’ubugabo bwawe, ingingo z’umubiri w’umuntu zikura uko Imana yazigennye n’uko yaziremye, keretse bahayeho impamvu y’ubumuga runaka. Kandi na bwo umuntu ugize ikibazo ajya kwa muganga, abaganga bakamufasha. Hanyuma wowe Mure! Ibyo so yakuvuzeho ni byo?
- Murenzi:** *(Adidimanga)* Urumva nyine, nyine, urumva... Ni ni ni byo rwose simbihakana. *(Abantu bajujure)*
- Iribagiza:** *(Acecekeshe abari mu nama)* Ubwo se uzi ibibazo urimo kwikururira?
- Murenzi:** Ibihe bibazo se kandi? Ni umwuga wange. Abashaka iyo ndyo barayibuze ndayibagaburira. None se wabona imboga ukazirengeshwa? *(bamwe bagwe mu kantu, Gwiza akwenkwenuke, ubona ko bidasanze kumva ibyo bintu)*
- Iribagiza:** Mbabajwe n’uko ubivugana ishema aho kwigaya. Iyo si indangagaciro y’umuco wacu. Ubwo uzi indwara uzanduriramo nka Sida, imitezi, uburagaza, mburugu n’izindi? Bavandimwe muri aha, dufatanye kubyamaganira kure.
- Murenzi:** *(Avugane agahinda)* Rwose mumbabarire byose nabiterwaga n’ubujiji, kandi mbarahiriye ko ntazabisubira ukundi.

**Iribagiza:** Mumfashe gushimira Murenzi wiyemeje guhindura imyitwarire akaba atazongera kwijandika mu bikorwa by'urukozasoni. Noneho tubaze na bariya babyeyi bagire icyo batubwira ku byiza byo kumenya ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro. (*Bose bamukomere amashyi*) Reka twumve Mugisha ibyo atubwira.

**Mugisha:** (*Age imbere*) Murakoze kumpa ijambo, baca umugani ngo: "Utaranigwa agaramye agira ngo ijuru riri hafi!" Ngishakana n'umugore wange Beza, twabanje kubura urubyaro, tujya mu bapfumu biba iby'ubusa. Twagiye kwa muganga, batugira inama, ikibazo cyacu kirakemuka, tubona umwana. Ubwo umugore wange ati: "Nkababyara nkimara agahinda!" (*akubite agatwenge*) Nange nti: "Nyabuna aho ibihe bigeze tugomba kuboneza urubyaro." Kuva ubwo ntitwongeye gucana uwaka, amahoro mu rugo agenda nka Nyomberi. (*yitse umutima gato*) Nuko kera kabaye, tuza guhura n'umubyeyi ukiri muto cyane rwose, afite utwana tune tw'indahekana, twambaye ubucabari, umwanda ari wose, inzara sinababwira, mbese ubona ko bazahajwe n'ubukene. Umugore wange ahita aturika ararira. Mubajije icyo abaye ati: "Mbabajwe na turiya tuziranenge!" Naramubwiye nti: "Natwe nitutaboneza urubyaro ngurwo urudutegereje." Ati: "Uramenye uramenye niba ari ibi ntitugomba kuzarenza abana babiri, ubundi tugafata akana kamwe muri utu tukakarera, tukagabanyiriza umuruho iyi ndushyi." Ibyo twabishyize mu bikorwa, none ubu tumaze gutera imbere, abana bacu twarabakujije, turabateganyiriza, biga heza, dutuye neza, tumeze neza rwose. Muntu uri aha hitamo imara ipfa kuzabaho neza nkatwe cyangwa kuba magorwa. Ni ibyo nababwira. Murakoze! (*Bamukomere amashyi menshi*)

**Iribagiza:** Ndumva nta kindi nakongeraho. Kumenya ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro ntako bisa. Ni urufunguzo rw'imibereho myiza, iterambere, ibyishimo n'umugisha mu muryango. (*Abaze niba hari ushaka kugira icyo yongeraho*)

**Nyinawumuntu:** Mbashimiye inama nziza mutugejejeho. Rwose kugeza ubu, nari naranangiye umutima, naranze kumva ibyiza byo kuboneza urubyaro, none ndabimenye. Nabitonganiye n’umugabo wange igihe kirekire, yagira ngo aravuze nti: “Kavuge idahiye!” Nari naramuhinduye umupagani utazi ijambo ry’Imana kugeza mbyaye abana ikenda bose kandi ejobundi nzabyara undi. Rwose musabye imbabazi imbere yanyu ambabarire. Nubwo nisamyeye nasandaye! Ubu niyemeje kubabera intumwa ku bandi bose bafite imyumvire idakwiye nk’iyo nari mfite.

**Iribagiza:** Mumfashe dushimire uyu mubyeyi. (*Bose bamukomere amashyi menshi*) Mwumvise ko tugomba kwitabira inyigisho ku buzima bw’imyorokere tukamenya imihindukire y’imibiri yacu, tukaboneza urubyaro kandi tukamenya indangagaciro na kirazira by’umuco wacu. Twese tumenye ubuzima bwacu. Mugire amahoro.

**Nyinawumuntu na Mugwiza :** Bahaguruke bahoberane n’ubwuzu bwinshi (*Abari aho bakome mu mashyi.*)

## I. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- a) Guca akabogi
- b) Umuze
- c) Indahekana
- d) Babisamiraho
- e) Umuseke ugitamuruka mu cyoko
- f) Intabire
- g) Umurindi
- h) Baragaga
- i) Nimuhebere urwaje
- j) Kuririra mu myotsi
- k) Amareshyamugeni
- l) Mu kangaratete

2. Uzuzura interuro zikurikira wifashishije amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko: urubyaro, indahekana, amareshyamugeni, ihame, imyorokere.

- a) Ni ngombwa ko abana bakibwiruka bamenya ubuzima bw’.....yabo.
- b) Amagambo ashukishwa abakobwa ni .....

- c) Kuboneza .....bituma abana bakura neza.
  - d) Abana ba Kabanyana ni ..... kuko barutana umwaka umwumwe.
  - e) Umuryango wubahiriza ..... ry'ubwuzuzanye utera imbere.
3. Sobanura iyi migani y'imigenurano yakoreshejwe mu mwandiko.
- a) Ubwenge buza ubujiji buhise.
  - b) Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana.
  - c) Umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahaguruka.
4. Vangura interuro zijyanye no kuboneza urubyaro mu nteruro zikurikira.
- a) Ni byiza kubyara abo ushoboye kurera.
  - b) Abantu barabyara Imana ikabarerera.
  - c) Kubaho nabi mu muryango biterwa no kuboneza urubyaro.
  - d) Umuryango waboneje urubyaro ubaho neza.
  - e) Gukurikiza inama z'abaganga n'abajyanama b'ubuzima.
  - f) Kugira ubuzima bwiza bituruka ku kubyara indahekana.
  - g) Mubyare mugwire isi mungane nk'inyenyeri zo mu kirere.
  - h) Kutabasha gushyira abana mu ishuri bituruka rimwe na rimwe ku kutaboneza urubyaro.
  - i) Guteganyiriza umuryango bijyana no kuboneza urubyaro.
  - j) Ubukene bw'akarande bushobora guterwa no kubyara abo udashoboye kurera.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Kumenya ubuzima bw'imyororokere bisobanuye iki?
2. Kuki Mugisha na Beza babayeho neza?
3. Amakimbirane ari mu rugo rwa Mugwiza na Nyinawumuntu aterwa n'iki?
4. Ese n'abagabo baboneza urubyaro? Sobanura.
5. Urubyiruko rushobora gukura he amakuru arwigisha ubuzima bw'imyororokere?
6. Usanga urubyiruko rumenye neza ubuzima bw'imyororokere byarumarira iki?
7. Sobanura iyi migigenurano yakoreshejwe mu mwandiko:
8. Utaranigwa agaramye agira ngo ijuru riri hafi.
9. Ntawukorakora uwo atakoye.
10. Sobanura akamaro ko kuboneza urubyaro kavugwa mu mwandiko

### III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka dusanga mu mwandiko.
2. Ku bwawe urumva ari iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko? Kubera iki?

### IV. Kungurana ibitekerezo

Gereranya imyitwarire y'abanyarubuga wumvise mu mwandiko n'ubuzima busanzwe bwa buri munsu.

## IKINAMICO

### 1. Inshoza y'ikinamico

Ikinamico ni igihangano kifashisha uburyo bwo gukina imico y'abantu itandukanye. Mu ikinamico herekanwa umuco, ibikorwa, imyifatire, imigenzo...by'abantu. Uwo mukino ushobora kubera mu ruhamwe imbere y'abantu cyangwa ukanyuzwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga by'inyakiramajwi nka radiyo n'iby'iyumvabona nka tereviziyo, mudasobwa n'ibindi. Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora ingeso n'imyifatire mibi, gushishikariza abantu kugenza neza n'ibindi.

Ikinamico ishobora kugaragaza ibikorwa by'umuntu umwe cyangwa benshi. Ishobora kandi gukinwa n'umuntu umwe ugenda yihinduranya, gusa akenshi iba ikinwa n'abantu benshi.

### 2. Uturango tw'ikinamico

Ikinamico ihimbye neza igomba kuba igaragaramo uturango dukurikira:

- **Umutwe w'ikinamico:** umutwe w'ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abumva cyangwa abareba ikinamico. Ayo matsiko akaza gushira uko abanyarubuga bagenda bigaragaza.
- **Umwinjizo:** ni amagambo atangira umukino aba asa n'akebura abagiye gukurikira ikinamico ndetse abakururira gukurikira neza umukino.
- **Abanyarubuga:** ni abakinnyi bakina umukino bagaragaza imyifatire itandukanye, bagenda bumvikana ndetse bakagaragara mu mukino.
- **Ibice by'umukino:** ni mukino wose uba ugabanyijemo ibice bitandukanye, bitewe n'uko umuhanzi yabigennye.
- **Agakino:** igice cy'umukino gishobora kugira imiseruko itandukanye bitewe n'igitekerezo gikubiye mu gice cy'umukino.
- **Urukiniro:** ni aho agakino cyangwa igice cy'umukino kiba kiri bukinirwe. Urukiniro baruha umuteguro bakarutaka cyangwa bakaruha imirimbishirize bitewe n'ibyifuzo by'umuhanzi cyangwa umutoza.

- **Umuseruko:** umuseruko urangwa no kwinjira cyangwa gusohoka k’umunyarubuga ku rukiniro.
- **Inyobozi:** ni ibisobanuro bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino. Bikunze gushyirwa mu dukubo.
- **Imvugo nkana:** ni amagambo umunyarubuga ashobora kuvuga mu gihe ari kugirana ikiganiro na mugenzi we, ariko mugenzi we akigiza nkana ko atayumvise.
- **Imvugano:** ni ikiganiro kiba hagati y’abanyarubuga igihe bahererekanya amagambo.
- **Inyishyu:** ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we mu ikinamico.
- **Umwivugisho:** ni amagambo avugwa n’umunyarubuga igihe ari wenyine yivugisha.
- **Ururondogoro:** ni imvugo itinze y’umunyarubuga runaka.
- **Iherezo:** ikinamico igira iherezo. Iherezo ry’ikinamico rishobora kumara amatsiko abayikurikiye, cyangwa rigasiga abayikurikiye mu gihirahiro bibaza uko byagenze cyangwa uko bizagenda.

### 3. Amoko y’ikinamico

Dukurikije umuyoboro ikinamico inyuzwamo, ikinamico ibamo amoko abiri: ikinamico ikinirwa imbere y’indorerezi n’ikinamico inyuzwa kuri radiyo cyangwa tereviziyo.

Dukurikije ibikorwa nyamutima ikina, dusangamo amoko atatu: ikinamico nterabitwenge, ikinamico nteragahinda n’ikinamico mberabyombi.

Dukurikije imiterere, ikinamico tuyisangamo amoko abiri: ikinamico isanzwe n’ikinamico y’uruhererekane.

Dukurikije insanganyamatsiko, ikinamico tuzisangamo amoko menshi: Ikinamico gakondo, ikinamico nyobokamana, ikinamico y’amateka, ikinamico ya politiki, ikinamico y’urukundo, ikinamico y’imibereho...

### 4. Imyubakire cyangwa ibice by’ikinamico

Ikinamico nk’inkuru ikinye igira imyubakire cyangwa ibice bikurikira.

- a) **Intango:** muri iki gice hagaragaramo uko ubuzima buba busanzwe muri rusange, abantu babanye neza nta kibazo bafitanye.
- b) **Kidobya:** nko mu nkuru, kidobya ni akantu kaza kakaba imbarutso kagahindura ibintu uko byari bimeze. icyo gihe uko ibintu byari bisanzwe birahinduka, niba ari nk’ikibazo kivutse kigashakirwa igisubizo.

- c) **Inkubiri y'ibikorwa:** muri iki gice ni ho dusobanukirwa inkuru koko. Abanyarubuga bakagaragaza ya myifatire cyangwa imico itandukanye baba bakina.
- d. **Umwanzuro:** muri iki gice ni ho tubona uko inkuru irangiye. Mu mwanzuro ikinamico ishobora kurangira imaze amatsiko cyangwa igasiga mu rujijo abayiteze amatwi cyangwa abayireba.
- e) **Amaherezo:** muri iki gice hagaragaramo uko byagenze nyuma y'ikemuka ry'ikibazo runaka cyangwa se nyuma y'uko ikibazo gikomeza kuba insobe. Aha ni na ho hagaragara abagiriye inyungu muri kwa gukemuka cyangwa kudakemuka kw'ikibazo.

## 5. Uko ikinamico yandikwa

- Umuhanzi w'ikinamico agomba kubanza guhitamo insanganyamatsiko agiye kwandikaho kuko imico y'abantu aba agiye gushyira mu mukino igomba kuba ifite intego runaka yo kwigisha, gucyaha, kunenga, kugira inama n'ibindi.
- Iyo amaze guhitamo insanganyamatsiko, ahitamo abanyarubuga akabatwerera imyifatire n'imiterere igaragaza neza ibyo agiye gukina.
- Mu kwandika ikinamico umuhanzi agomba kuzirikana uko atangira umukino we n'uko aza kuwusozza, atanze igisubizo k'ikibazo cyari ingutu cyangwa asigiye abawukurikiye umukoro wo gukomeza kwibaza uko bizagenda.
- Ikinamico igomba kwandikwa mu buryo bw'ikiganiro, aho abanyarubuga usanga bahererekanya amagambo, ndetse hakagenda hagaragazwa izina ry'ugiye kuvuga. Gusa aho biri ngombwa usanga umukinnyi ashobora gukina yivugisha we ubwe.
- Umuhanzi w'ikinamico kandi bitewe n'ibyifuzo by'uko ashaka ko umukino we ukinwa agenda agaragaza inyobozi, zandikwa mu dukubo, zigaragaza uko abanyarubuga bagomba kwitwara, aho umukino runaka ubera n'imirimbo ihatatse. Inyobozi kandi zituma umutoza w'abakinnyi abafasha kwitwara uko umuhanzi w'ikinamico yabyifuje.

Dore ibigomba kwitabwaho mu kwandika ikinamico:

- Umuhanzi agomba kwita cyane ku nsanganyamatsiko agiye kwandikaho bityo akayishakira umutwe bifitanye isano. Umutwe w'ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abagiye kuyikurikira cyangwa abasomyi.
- Umuhanzi agomba kwita cyane ku bo ageneye umukino we, mu rwego rwo kugena imvugo ( iy'ubusabane, isanzwe, ihanitse, iya gisizi...) aza gukoresha. Agomba kumenya kandi ikigero barimo, imico yabo n'uko babayeho kugira ngo agene uburyo aza gukoresha ababwira, bityo umukino ugire icyo ubamarira, bitewe n'icyo agamije kugeraho.



- Abanyarubuga bagomba kwisanisha neza n’ibyo bakina haba mu mvugo ndetse no mu ngiro.
- Umuhanzi agomba kuzirikana igihe ikinamico igomba kumara, bitewe n’aho igomba kunyuzwa n’icyo igamije. Hari amakinamico ashobora kugira uduce dutoduto tugenda dutangazwa mu gihe runaka, ikaba yamara igihe kirekire, nk’urunana, museke weya...Umuhanzi anazirikana ko igihe ikinamico ikinwa itagomba kurambirana cyane.

## 6. Guhitamo abakinnyi b’ikinamico

Umuhanzi w’ikinamico agomba kugena uko abakinnyi bitwara, cyane ko baba bagomba kugaragaza imico y’abantu basanzwe mu buzima bwa buri munsu. Rimwe na rimwe usanga abakinnyi bahabwa amazina ahita aranga imyitwarire yabo, nk’abo bita ba Rubundakumazi, Nzavugankize, Ruisibiranya, Kajarajara, Kirikumaso n’andi. Gusa abacengeye neza iyi nganzo y’ikinamico bemeza ko atari byiza kwita bene aya mazina kuko biba bisa no kumara amatsiko abakurikiye ikinamico. Bavuga ko byaba byiza abakinnyi bagiye bahabwa amazina asanzwe atagaragaza imyitwarire yabo, noneho uko bakina, ababakurikiye akaba ari bo batahura imyitwarire y’abakinnyi. Ni yo mpamvu mu guhitamo abakinnyi hagomba kurebwa umuntu uri bwigane neza umunyarubuga runaka.

## 7. Abanyarubuga mu ikinamico

Mu ikinamico abanyarubuga barimo ibice bibiri by’ingenzi. Habamo umunyarubuga mukuru. Umunyarubuga mukuru ashobora kuba ari umwe cyangwa ari benshi. Habamo kandi abanyarubuga bungirije bashobora kuba bunganira umunyarubuga mukuru kugira ngo agere ku ntego yiyemeje ( abunganizi) cyangwa se bakaba bamubangamira ngo atagera ku ntego yiyemeje ( imbogamizi). Ni ukuvuga ko mu ikinamico dusangamo umunyarubuga mukuru n’abanyarubuga bungirije. Ariko hashobora no kubamo abanyarubuga batari ngombwa. Abo banyarubuga mu by’ukuri nta gikorwa gifatika bakora, ndetse bashobora no kuva mu ikinamico cyangwa mu nkuru ntibigire icyo bitwara (nk’igihe umukino ubera mu isoko, abaremye isoko bese si ko bagira uruhare mu mukino).

## 8. Uko ikinamico ikinwa

Ikinamico iba igabanyijemo ibice. Iyo ari ikinamico yo ku rubuga aho ikinirwa (urukiniro) hagenda hahinduka uko buri gice kirangiye. Buri gice na cyo kiba kigabanyijemo uduce (imiseruko) tugenda duhindagurika, buri gihe uko hinjiye umukinnyi mushya cyangwa se hagize usohoka ku kabuga nkuru. Abakinnyi b’ikinamico ku rukiniro baba bagomba gusa neza nk’uko abanyarubuga bagaragajwe mu myifatire yabo. Mu gukina ikinamico kandi inyobozi ni ngombwa cyane zigomba kubahirizwa kugira ngo umukino ugende neza nk’uko umuhanzi wayo yabyifuje.

## Umwitozo

Muhange agakino ku nsanganyamatsiko mwihitiyemo. Mukurikize uturango tw'ikinamico, mugafate mu mutwe maze muzagakinire bagenzi banyu.

## Umukoro

Mufate mu mutwe ikinamico mufite mu gitabo muzayikinire imbere ya bagenzi banyu, mwigana imyitwarire y'abanyarubuga, muhuza imvugo n'ingiro kandi musesekaza.

## UBUTINDE N'AMASAKU MU NTERURO

*Musome interuro zikurikira mwubahiriza ubutinde n'amasaku, mukore ubushakashatsi, mutahure amasaku mbonezanteruro.*

1. Akarimâ k'îgikoôni.
2. Umugorê n'ûmugabo barafâtanya.
3. Abâana b'âbakoôbwa bafatanya na bâsaaza bâabo.
4. Mugeenzi na Mugabo barakûundana.
5. Muu nzêego z'ûbuyobozi bakora nêezâ nk'întoôre.

### Amasaku mbonezanteruro

Mu nteruro amagambo agenda ahindura imiterere y'ubutinde n'amasaku kamere bitewe n'uko yakoreshejwe. Hari amasaku mbonezanteruro ashingiye ku moko y'amagambo nk'ibyungo na na nka ndetse n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi -a. N'andi masaku mbonezanteruro adashingiye ku byungo cyangwa ku binyazina ngenera

- a) Amasaku mbonezanteruro ashingiye ku moko y'amagambo nk'ibyungo na na nka ndetse n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi -a.
- Iyo ibyungo **"na"** na **"nka"** n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi -a, bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa gatatu, iryo zina rifata isaku nyejuru ku mugemo waryo wa mbere.

### Ingero

Kiizâ na Mûganwâ

Umugî wa Kîgali

- Iyo ibyungo **"na"** na **"nka"** n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi -a bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ku mugemo wa kabiri rifite isaku nyese nyejuru, iryo saku rirahaguma, umugemo wa mbere na wo ugafata isaku nyejuru.

## Ingero

Inzu ya Kâliîsa

Kamaâli agenda nka Mûhiîre.

- Iyo ibyungo “**na**” na “**nka**” n’ibinyazina ngenera bikurikiwe n’izina ridafite indomo ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri bituma iryo saku ryimuka rikaza ku mugemo wa mbere.

## Ingero

Mutôni na Gâsaro

Inkoni ya Gâsore

- Buri gihe iyo ibyungo “**na**” na “**nka**” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi - **a** bikaswe bikurikiwe n’izina ritangiwe n’indomo, iyo ndomo itangira iryo zina ihita ifata isaku nyejuru.

## Ingero

Umugorê n’ûmugabo.

Abâana b’âbakoôbwa.

- Buri gihe iyo ibyungo “**na**” na “**nka**” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi -**a** bikaswe bikurikiwe n’izina rifite isaku nyejuru cyangwa nyejuru nyesi ku mugemo wa kabiri, bituma indomo y’iryo zina igira isaku nyejuru nyesi.

## Ingero

Afatwa nk’îintwâari.

Miniisîtiri w’îintêbe.

- Iyo ibyungo “**na**” na “**nka**” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi -**a** bikaswe bikurikiwe n’ikinyazina nyereka, icyo kinyazina nyereka gifata isaku nyesi nyejuru ku nyajwi ibanza.

## Ingero

Abatô bageendana n’îiki gihe.

Yiitwaara nk’aâba babyêeyi bê.

b) Andi masaku mbonezanteruro adashingiye ku byungo cyangwa ku binyazina ngenera.

- Ikiyazina mbanziriza gihorana isaku nyejuru ku gicumbi cyacyo.

## Ingero

Uwô mvugâ yaaje.

Ibyô akorâ birakwîye.

- Indangahantu **ho, yo, mo/mwo** bifatana n’inshinga n’akajambo **ko** bifata buri gihe isaku nyejuru.

### Ingero

Si kô bavuzê

Yagiiyeyô

Namuboonyemô/ Namûboonyemô

- Inshinga mburabuzi ni (si) ikoreshejwe mu nteruro buri gihe ifata isaku nyejuru. Nyamara iyo itangiye interuro iryo saku riratakara.

### Ingero

Amasuunzu sî amasakâ.

Uwô nshâakâ nî uwo.

Ni umwâana nk’âbaândi.

Si nge ujyayô.

- Indangahantu “i” na yo ishobora guhindura amasaku kamere y’amagambo.

### Ingero

Saavê

Avuuka i Sâavê.

- Iyo mu nteruro hakoreshejwe ibyungo “no” na “nko” n’ibinyazina ngenera bifite igicumbi –o, bifata isaku nyejuru.

### Ingero

Kunywâ nô kuryâ birajyaana.

Umurimâ wô guhiinga nî uwo.

Iyo nyâna yô gukwâ nî iyi.

## Umwitozo

Shyira amasaku ku nteruro zikurikira.

- a) Akabando k’iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
- b) Urasana n’iminsi ntakura mu ruge.
- c) Ukora icyo azi asomera agaramye.
- d) Amata yo kunywa barayateka.
- e) Uwo navugaga ugenda nk’intwari atuye i Saave.

## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATATU

*Soma uyu mwandiko nurangiza usubize ibibazo byawubajijweho.*

### **Yahisemo neza!**

Uyu mukino urakinirwa mu cyumba, Tegura aryamye ku gitanda kiriho inzitiramibu (supaneti), hari agahinja iruhande rwe n'akameza kariho imbuto zitandukanye. Hari ababyeyi bane barimo Kabanyana, Uwamwiza bicaye ku musambi baganiriza Tegura. Munyampeta yicaye ku ntebe ibaje mu giti ifite urwegamiro.

**Tegura:** Munyampeta yishimye ariko ye!

**Munyampeta:** Urabivuga urabizi? Ubu meze nk'inyana ikinagira mu ruhongore. *(aseke buhoro)*

**Kabanyana:** *(Akubite agatwenge)* Tegu, ubu se wowe irari wari ufite ryo gufata ibere uriha ikibondo nturishize koko!

**Uwamwiza:** Nizeye ko uyu muzahita mumukurikiza. Murabona imyaka iri hagati ye na kariya gahungu. Ni na yo yayo kandi babiri ntibahagije.

**Munyampeta:** *(Asan'utangaye)* Reka reka, muri iki gihe tugomba kuboneza urubyaro da! Maze twafashe ikemezo cyo guhagarikira kuri uyu!

**Kabanyana:** Tugomba gushyira mu gaciro rata, kubyara abangana n'inyenyeri cyangwa umusenyi wo ku nyanja, boshye abahanganye n'umuremyi w'isi n'ijuru, ntibikigezweho. Ahubwo tubahundagajeho impundu, nimwonkwe. *(Ba babyeyi bakome mu mashyi bavuzza n'impundu)*

**Uwamwiza:** Ahaaa! Nange nivugiraga. Kuboneza urubyaro ni ibya mbere.

**Kabanyana:** Ongeraho ko bijyana no kumenya ubuzima bw'imyororokere.

**Tegura:** Kabanya, uvuze neza rwose. Uzi ukuntu nabonye ko ndi hafi yo kwibaruka nkajya kwa muganga, ngo igihe nikigera abaganga bamfashe.

**Kabanyana:** Si uko, none se ntabahitanwa n'inda zibafatiye mu ngo, kubera ubujiji? Tugomba no kwigisha abana bacu iby'ubuzima bw'imyororokere bagakura babusobanukiwe, nge nsigaye mbona ishyamba atari ryeru!

**Munyampeta:** Yemwe, muri iki gihe ntibyoroshye! Ku kigo cy'amashuri abanza cya Gicari ngo hari umukobwa wiga mu mwaka wa gatandatu watewe inda n'agahungu bigana. Murumva se koko abana bacu atari abo gusabirwa?

**Kabanyana:** *(Ase n'uwiruhutsa)* Ayi weee! Ntimunyumvira ra! Ndumiwe pe! Ariko kuvuga ni ugutaruka, Tegu, ko ndeba amabere yatariranye akaba yuzuye igituza, aho ni ubuhoro?

**Tegura:** Nta kibazo, ni uko umwana ataramenya gushyira imoko mu kanwa ngo yonke ibere neza. Subiza agatima impembero rwose nta kibazo.

**Uwamwiza:** *(Ahaguruke)* Ntiwumva! Nahumure rwose. Maze rero mbiseguyeho, nge ndabona umunsi uriboye, reka ninyakure ndebe uko rwiriwe.

**Kabanyana:** Natwe ni uko ntudusiga. *(Ba babyeyi bose bahaguruke)* Tegu, reka tujyane tuzagaruka ejo kureba uko waramutse.

**Munyampeta:** Nange ngiye kureba uko iriya mbyeyi y'ikibamba imeze nyigaburire neza yongere umukamo. *(Basohoke bose)*

Agakino ka kabiri

*Aka gakino karakinirwa mu gikari kwa Munyampeta, Munyampeta ari kuganira na Gatari, umukecuru Nyirabubare, aze abasanga.*

**Munyampeta:** *(Yiyamira)* Murara yampaye imaragahinda! Niko sha Gata! Ko utahaye iyo mbyeyi ubwatsi ntuzi ko ari yo igiye kujya ikamirwa umubyeyi?

**Gatari:** Mvuye kwahira kandi buratoshye, nta kabuza irongera umukamo rwose.

**Munyampeta:** Yego sha. Gira bwangu mu kanya unyarukire ku isoko uge kugura isombe bambwiye ko yondora cyane.

**Gatari:** Reka ngire vuba noneho.

**Munyampeta:** *(Ase n'utega amatwi akanya gato)* Ese uwo ni nde uvunyisha Gata?

**Nyirabubare:** Muraho bana ba!

**Munyampeta:** Uraho mukecu? Hari hashize iminsi myinshi.

**Nyirabubare:** Kubera iza bukuru se ndacyasodoka ngo ngire aho ntarabukira mwana wa?

**Munyampeta:** Nyamara uracyakomeye mukecu, kandi tuguhaye ikaze rwose.

**Nyirabubare:** Nari nshyiguwe no kuza kwirebera akuzukuru, mukanyereke kamare ibicuro. Kandi mukomeze mwororoke mugeze kuri Nyandwi, Nyiraminani, Nyabyenda na Ndaribumbye.

**Munyampeta:** Ubonye icyo utwifuriza! Twazakura he ibyo kubatunga?

**Nyirabubare:** Mwana wa, twe ko twabareze mugakura, twabarushaga amikoro?

**Munyampeta:** Ku gihe cyanyu ibintu byari bikiriho, amasambu aboneka, inka sinakubwira. Ubu ibihe byarahindutse mukecu.

**Nyirabubare:** Oya ab'ubu mufite umururumba w'imitungo mwabaye ibisahiranda. Ntimuzi ko ahatari umwaga uruhu rw'imbaragasa rwisaira batanu?"

**Munyampeta:** Uwo mugenurano ntujyanye n'ibihe tugezemo. Twe twahisemo neza.

**Nyirabubare:** Ngaho mukomeze muboneze urubyaro maweya!

**Munyampeta:** Mukecu! Wabyara benshi se ukabarera, ukabagaburira indyo yuzuye, ukabavuzza, ukabambika, ukabigisha, kandi byose muri iki gihe bigurwa amafaranga?

**Nyirabubare:** Ab'ubu ntimujya muva ku izima! Ndumva amafaranga agiye kuzabaca ku rubyaro?

**Munyampeta:** *(Akubite agatwenge gato)* Erega ibihe biha ibindi mukecu, ahubwo ngwino nkwereke umubyeyi n'umwana, bari mu nzu ubaramutse. *(Binjire mu nzu)*

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Umuryango wasuwe ufite abana bangahe? Ese uboneza urubyaro?
2. Ni iki kigaragaza ko Munyampeta na Tegura bubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?
3. Ese Tegura asobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere?
4. Nyandwi, Nyiraminani, Nyabyenda na Ndaribumbye bavugwa mu mwandiko ni abana ba kangahe?
5. Uhereye ku mwandiko, rondora inshingano enye umubyeyi agomba gukorera uwo yibarutse.
6. Uhereye ku mwandiko garagaza ko imyumvire ya kera itandukanye n'iy'ubu.
7. Agakino ka kabiri karimo imiseruko ingahe? Sobanura igisubizo cyawe.

## II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- |                    |                |
|--------------------|----------------|
| a) Irari           | d) Kwibaruka   |
| b) Umuvaburayi     | e) Yatariranye |
| c) Kumuhundagazaho | f) Imoko       |

### III. Ubuvanganzo

1. Dukurikije ibikorwa nnyamutima, ikinamico ibamo amoko angahe?
2. Vuga amoko y'abanyarubuga dusanga mu ikinamico.
3. Vuga imimaro byibura ine y'ikinamico mu buzima bwacu bwa buri muni.
4. Kuki atari byiza guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo?
5. Ukurikije ikinamico n'izindi ngeri z'ubuvanganzo wize nk'imigani, insigamigani, ibitekerezo n'izindi, ni uwuhe mwihariko ikinamico ifite ku mikorere y'abanyarubuga n'imyandikire yayo?

### IV. Ubutinde n'amasaku ku magambo no mu nteruro

1. Tandukanya amagambo akurikira yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe ukoresheje ubutinde n'amasaku.
  - a) Kureshya (umugeni) ≠ Kureshya (kudasumbana)
  - b) Inda (atwite) ≠ Inda (agasimba)
  - c) Isoko (y'amazi) ≠ Isoko (bahahiraho)
  - d) Kurara (kujya ahantu ntutahe) ≠ Kurara (gusaduka kw'isekuru)
  - e) Gufungura (kurya) ≠ Gufungura (gukingura)
2. Andika interuro zikurikira mu nyandiko igaragaza ubutinde n'amasaku.
  - a) Ni byiza kumenya ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.
  - b) Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
  - c) Urasana n'iminsi ntakura mu ruge.
  - d) Mu gitondo nabonye Iribagiza.
  - e) Nyinawumuntu n'umugabo we bahoranaga amakimbirane kubera kutumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

### V. Ihangamwandiko

Andika agace kamwe k'ikinamico karimo abakinankuru batarenze bane (byibura ku ipaji imwe) kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira.

- a) Kuringaniza urubyaro bifasha mu iterambere ry'umuryango.
- b) Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.





# **UMUTWE WA 4 A**

## **UMUCO W'AMAHORO**

## UMUTWE WA 4 A: UMUCO W'AMAHORO

### UMWANDIKO: TWESE BIRATUREBA



Kundwa ni umukobwa w'umuhanga wiga mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbye. Imyaka yose yize agira amanota atari muni ya mirongo inani, agira urugwiro n'ikinyabupfura. Ni we mwana w'umukobwa wenyine mu muryango wa Rwabigwi na Munyana. Imyigire ye ayifashwamo n'ababyeyi be cyanecyane se kuko ari we umugenera ibikenerwa byose.

Muri iyi minsi yarahindutse ku buryo bugaragarira abantu bose, ntakivuga, ahorana agahinda, asigaye anakererwa ku ishuri. Abanyeshuri bigana bamwibazaho cyane. Ntakigira urugwiro, nta kinyabupfura akigira, ntakinasetse, ntagikora imyitoto ngororamubiri kandi yarayikoraga ashishikaye. Mu mirimo yo mu matsinda, abanyeshuri bo mu itsinda rye babyiniraga ku rukoma kuko rifite umuntu ukorana umwete kandi ibitekerezo atanze bikaba byizewe. icyo gihe yakurikiraga umwarimu neza, yamubaza agasubiza ashize amanga none ubu byarahindutse. Asigaye asinzira mu ishuri umwarimu yamubaza akabura icyo asubiza.

Mu gihembwe cya mbere, Kundwa yagize amanota mirongo itanu. Nk'umurezi we bintera impungenge mpita nifuzza kuganiriza ababyeyi be mu ntangiriro z'igihembwe cya kabiri. Igihembwe kigitangira, Kundwa aza kwiga nk'uko bisanzwe yaronzwe boshye uwishwe n'inzara kandi mu gace dutuyemo se Rwabigwi ari we rubanda bacaho inshuro y'ibihingwa ngandurarugo.

Umunsi umwe mvuye ku kazi, nahitiye ku isoko ngo ndebe icyo nahaha. Igihe nunamyeye ntoranya amashu, agakapu nari mfite ku rutugu karanshika kagwa hasi. Ngiye kugatoragura umubyeyi twari twegeranye arakampereza. Mu guhuza amaso, mbona ni Munyana, nyina wa Kundwa ariko ntangazwa n’uko yari yambaye ubucabari, umwera ari wose, yarananutse cyane, ubona atagira shinge na rugero.

Natashye nibaza byinshi kuri Munyana. Ntekereje amashyamba y’inka zikamwa bafite n’akazi umugabo we akora bimbera urujijo. Natekereza no ku myitwarire ya Kundwa, mbona ko umuryango wabo ufite ikibazo gikomeye. Mu kanya nk’ako guhumbya ihoni ry’imodoka yari itwawe na Rwabigwi rirankanga umutima urasimbuka. Ubwo ahita ahagarara mbona yarahozagaye cyane, dore ko ntaherukaga no kumuca iryera. Ibyo bintera kutaripfana mubaza aho yabaga, ambwira ko amaze icyumweru mu nama mpuzamahanga yaberaga muri Kenya, nuko arakomeza aragenda.

Imodoka igitirimuka, Munyana acaho yiruka amasigamana, ameze nk’uwataye umutwe. Mbere yo kugera iwange nanyuraga ku rugo rwa Rwabigwi. Yari umuturanyi wange. Nkigera ku muharuro kwa Rwabigwi numva umuntu utaka ariko ahita aceceka. Mba mbonye Kundwa asohoka mu nzu. Mubajije aho ababyeyi be bari ambwira ko ntabahari ngwa mu kantu, nkomeza kugenda ariko sinashira amakenga.

Nuko ngenda ntekereza ku gisubizo Kundwa ansubije ko nta mubyeyi we n’umwe uhari kandi nahuye na se na nyina bataha biranyobera. Mu gitondo cya kare nsubiye ku kazi nsanga Kundwa ntiyaje ku ishuri. Ntangira kwigisha ariko ntatuje kuko nahuzaga ibyo nari naraye mbonye n’imyitwarire ya Kundwa, bikambara ikibazo gikomeye. Nyuma y’isaha, isomo ririmbanyije, ngiye kubona mbona Kundwa arakomanze arinjiye. Nkimukubita amaso, mbona amaso ye yatukuye, adatuje na mba; binyanga mu nda mufata akaboko njya kumubaza ikibazo afite.

Tugeze hanze araturika ararira, ndamuhaza mugusha neza kugira ngo menye umuzi n’umuhamuro w’akababaro yari afite. Hashize umwanya muto, araceceka ambwira ko agiye kumenera ibanga! Yambwiye ko iwabo nta mahoro aharangwa, ko nyina yaraye akubitwa ijoro ryose azira gusaba se amafaranga y’abahinzi kuko yari yagurishije imyaka yose yari yejeje. Anambwira ko nyina akora iyo bwabaga, akirya akimara ahingisha, yamara guhunika imyaka yasaruye imodoka ya se igatunda agasigara amara masa, aririra mu myotsi.

Ibyo rero ngo byabaye intandaro y’amakimbirane hagati ya se na nyina, ndetse binatuma ubukene n’inzara byokama abagize umuryango wa Rwabigwi, mu gihe we ahora yishimisha mu byo ataruhije. Kundwa n’amarira menshi arakomeza ambwira ko nyina yafashe ikemezo cyo kwahukana akajya kwa musaza we kubera amakimbirane ahora mu rugo rwabo. Ansobanurira ko ibyo ari byo byatumye akererwa ishuri kuko yari yatoye agatotsi mu gitondo se amaze kugenda.

Bukeye njya kuganiriza Munyana kuri icyo kibazo. Ambwira ko amakimbirane ari mu rugo rwabo ashingiye cyane ku ihohoterwa akorerwa n’umugabo we agasahura

urugo yamubaza impanvu akamucura bufuni na buhoro. Nange musubiza ko ihohoterwa ari icyaha gihanwa n'amategeko. Ambwira ko atari azi ko hari amategeko amurengeza ndetse ko agiye kubimenyesha ubutabera bukamurengeza. Mbona bitagarukira aho gusa, mpitira ku Muyobozi w'Akagari tuganira ku kibazo cy'amakimbirane agenda agaragara mu ngo abantu bafata nk'ikintu cyoroshye kandi kigira ingaruka zikomeye ku muryango.

Umuyobozi w'Akagari ahita atumiza inama y'abaturage bose, anatumiza urwego rwa porisi rushinzwe umutekano. Ntibyatinye inama iraterana. Mu nama nari nicaranye na Rwabigwi, bavuga ibirebana n'amakimbirane mu ngo aterwa ahanini n'ihohoterwa rikorerwa abagore mu ngo, akareba hasi kuko ari we babaga bajombye igikwasi. Munyana we yari ari gusuka amarira yayujuje umusazirwa w'agatenge yari yambaye! Bageze ku bihano biteganywa n'amategeko ku bateza amakimbirane, umutima wa Rwabigwi uratera ndawumva, yitsa imitima abura aho arigitira kuko mu rugo rwe yari we ntandaro y'amakimbirane ahahora. Inama ihumuje turataha.

Mu nzira dutaha ngerageza kumuganiriza, ambwira ko ibyo bavuze byose wagira ngo ni we bavugaga. Arakomeza ambwira ko guhera uwo muni agiye kwisubiraho, ko urugo rwe rugiyeye kurangwa n'amahoro kandi ko atazongera kwigira intare ngo abuze umutekano umugore we n'abana. Kuva ubwo afata umugambi wo kutazongera gutererana umugore we mu mirimo yakoraga no gufasha abana mu myigire kandi abaha ibyo bakeneye byose.

Turwanye amakimbirane twubaka umuco w'amahoro, twese biratureba.

## I. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye.

- a) Isomo ririmanyije
- b) Imodoka igitirimuka
- c) Amakenga
- d) Yarahozagaye
- e) Kumuca iryera

2. Kora interuro wifashishije aya magambo ku buryo wumvikanisha icyo asobanura.

- a) Gutora agatotsi
- b) Amashyo y'inka
- c) Ubucabari
- d) Kwahukana
- e) Kutagira epfo na ruguru
- f) Gusuka amarira

3. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye.
  - a) Kuzongwa
  - b) Inama ihumuje
4. Uzurisha interuro zikurikira aya magambo: rimbanyije, amakenga, bintesha umutwe, guca inshuro, kwiruka amasigamana.
  - a) Yampamagaye sinamwumva kuko imirimo yari .....
  - b) Banyibye ibikoresho byo mu nzu byose ....., ariko narabifashe.
  - c) Bana bange ejo nzazinduka njya .....muzakore imirimo yo mu rugo.
  - d) Yagiye ku ishuri ..... kuko yari yakerewe.
  - e) Ni byiza kugira.....mbere yo gufata ikemezo gikomeye.

## II. Kumva umwandiko

### *Subiza ibibazo bikurikira.*

1. Uhereye ku mwandiko, sobanura ukuntu amakimbirane yo mu muryango agira ingaruka ku bana.
2. Umwarimu wa Kundwa ntiyagiriye Kundwa ibanga nk'uko yari yabimusabye. Kutagira ibanga kwe byagize izihe nyungu ku muryango wa Rwabigwi?
3. Ni ayahe makimbirane avugwa mu mwandiko? Ayo makimbirane akomoka kuri nde? Kubera iki?
4. Ni iki wakwigira ku bavugwa mu mwandiko bakurikira: Kundwa, umwarimu wa Kundwa?
5. Ni nde wakunze muri iyi nkuru? Ni iki wamwigiriho?
6. Ni hehe muri uyu mwandiko hagaragarira imiyoborere myiza?

## III. Gusesengura umwandiko

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko?
2. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho utuye.
3. Garagaza insanganyamatsiko y'ingenzi igaragara muri uyu mwandiko n'isomo ry'ingenzi uwukuyemo.
4. Uramutse ubonye mu muryango runaka hari amakimbirane wakora iki ngo amahoro agaruke muri uwo muryango?

## IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bintu bitera amakimbirane n'uburyo yakemuka hakubakwa umuco w'amahoro.

## INSHOBERAMAHANGA

***Itegereze amagambo yanditse atsindagiye muri izi nteruro, utahure ubwoko bwayo, inshoza yayo, unakore ubushakashatsi bwimbitse ku buryo bwo kuyasobanura.***

- Kundwa yakererewe kubera ko **yatoye agatotsi** mu gitondo.
- Munyana we yari ari **gusuka amarira**.
- Rwabigwi ni we rubanda **bachaho inshuro** y’ibihingwa ngandurarugo.
- Kundwa yasubizaga **ashize amanga**.

### **Ibibazo ku nteruro**

- a) Amagambo abiri yanditse mu mukara utsitse ari muri buri nteruro afitanye iyihe sano?
- b) Wavuga ko ayo magambo ari ubuhe bwoko?
- c) Shakisha izindi mvugo z’ubwo bwoko zikoreshwa mu Kinyarwanda.

### **1. Inshoza y’inshoberamahanga**

Dukurikije inyito yazo, inshoberamahanga ni imvugo umuntu utarakenetse ururimi adahita yumva igisobanuro cyayo iyo bayivuze. Bavuga ko ikintu cyashobeye umuntu iyo cyamunaniye akabura uko abigenza ndetse n’uko agisobanura. Akenshi na kenshi abumva bene izo mvugo ntibazisobanukirwe ni abanyamahanga kuko baba batazi umuco cyangwa amateka y’u Rwanda kandi inshoberamahanga ari byo zishingiyeho. Aho ni na ho haturutse kwita bene izo mvugo “inshoberamahanga”.

### **2. Uturango tw’inshoberamahanga**

Inshoberamahanga irangwa no kuba igizwe n’inshinga n’icyuzuzo cyayo. Ikaba kandi ikoresha imvugo shusho itandukanye n’ibisobanuro by’amagambo ayigize.

### **3. Gusobanura inshoberamahanga**

Dukurikije imiterere yayo, inshoberamahanga ni imvugo ifite igisobanuro kidahuye n’igisobanuro k’ijambo cyangwa amagambo ayigize. Mu kuyisobanura bisaba ko umuntu aba amenyereye umuco n’ururimi by’Ikinyarwanda.

### **Ingero**

- **Kuvoma hafi:** kurakazwa n’ubusa/kurizwa n’ubusa.

Umuntu utazi neza ururimi rw’Ikinyarwanda we ahita yumva kujya kuvoma amazi ahantu bugufi.

- **Gutera isekuru:** kugenda ucumbagira.

Umuntu utazi neza ururimi rw’Ikinyarwanda ahita yumva gutera isekuru (umugeri, igipfunsi...)

## 4. Ingero zitandukanye z'inshoberamahanga

### a) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga "guca"

Guca mu rihumye

Guca igihugu umugongo

Guca igikuba

Guca imihini migufi

Guca imitwe

Guca inkeramucyamo

Guca iryera

Guca ku nda

Guca mu myanya y'intoki

Guca mu nkindi

Guca ruhinganyuma

Guca umugara

Guca umuti wa mperezayo

Guca ururimi ukarumira

Gucira undi inkamba

Guca hasi

Guca hejuru

Gucisha hasi

Gucisha hejuru

Gucisha mu misoto

Gucisha mu ryoya

Guca i Kibungo

Guca ibiti n'amabuye

Gucira ibintu inyeri

### b) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga "gufata"

Gufata ku isunzu

Gufata nk'amata y'abashyitsi

Gufata undi mu mugongo

Gufatana urunana

Gufatira undi ikitayega

Gufata iry'iburyo

Gufatirwa mu cyuho

Gufatwa mpiri

### c) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga "kugwa"

Kugwa gitumo

Kugwa isari

Kugwa ivutu

Kugwa ku nzoka

Kugwa miswi

Kugwa mu matsa

Kugwa mu ntege

Kugwa ruhabo

Kugwa mu kantu

Kugwa umudari

### d) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga "kurya"

Kurya akara

Kurya amenyo

Kurya indimi

Kurya inkuna

Kurya ureba hanze

## e) Izindi nshoberamahanga zinyuranye

Gufumbira umunaba	Gutaba mu nama	Kuvomera mu rutete
Guha undi intera	Gutega zivamo	Kuziba icyuho
Guhabwa akato	Gutera isekuru	Kwambara ukikwiza
Guhenera umugina	Gutererayo utwatsi	Kwesa umuhigo
Gukama ikimasa	Guteza ubwega	Kwiba umugono
Gukambya agahanga	Gutunga agatoki	Kwica ijisho
Gukanga Rutenderi	Koga runono	Kwihungura ugutwi
Gukanja amanwa	Konsa umuhini Kotsa	Kwimyiza imoso
Gukizwa n'amaguru	igitutu	Kwinyara mu isunzu
Gukoma urume	Kuba mu rinini	Kwiryama ukimara
Gukora hasi	Kujya irudubi	Kwitana bamwana
Gukura ubwatsi	Kumara amavuta	Kwivamo nk'inopfu
Gukurayo amaso	Kumena ibanga	Kwizirika umukanda
Gupfa undi agasoni	Kumera amababa	Gucurangira abahetsi
Gusesa urumeza	Kumesa kamwe	Gucurika icumu
Guseta ibirenge	Kumira bunguri	Kuvamo umuntu
Gushya amaboko	Kumira nkeri	
Guta muri yombi	Kuryamira amanja	

### Umwitoto

Ongera usome umwandiko "Twese biratureba", utahure inshoberamahanga zirimo. Himba umwandiko muto ku "ngaruka z'amakimbirane" ukoreshemo zimwe muri izo inshoberamahanga cyangwa izindi uzi, uziceho akarongo. Somera uwo mwandiko bagenzi bawe. Urugero rw'inshoberamahanga ziri mu mwandiko "Twese biratureba"

## IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA

Soma interuro zikurikira witegereza uburyo amwe mu magambo azigize yanditse atubahirije imyandikire yemewe y'ikinyarwanda, hanyuma ukore ubushakashatsi ku myandikire y'ibihokane, ikata ry'amagambo, imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana.

- Munyana niwe umutega rugori wari uzi kwihanganira umugabo we.
- Umwarimu wa Kundwa yari intanga rugero mu guhashya amakimbirane
- Kundwa yari umunyeshuri w'icyitegererezo mw'ishuri rye.
- Umuco wamahoro n'ipfundo ryo kurwanya amakimbirane mu muryango.
- Ntamuntu utaragayaga Rwabigwi kubera imikorere ye.



## 1. Imyandikire y'ibihokane

### Urutonde rw'ibihokane by'Ikinyarwanda

- mb, mf, mp, mv, nd, ng, nj, nk, ns, nsh, nshy, nt, nz;
- bw (bg), cw, dw, (fw), gw, hw, jw, kw, mw, nw, nyw, (paw), (pw), rw, shw, shyw, sw, tsw, tw, (vw), zw;
- by, cy, jy, my, nny, pfy, py, ry, sy, ty, (vy);
- byw, myw, pfyw, (ryw), (vyw);
- mbw, (mfw), mpw, (mvw), ndw, ngw, njw, nk, (nshw), (nshyw), (nsw), ntw, nzw;
- mby, mpy, (mvy), ncy, ndy, ngy, nsy, nty;
- (mbyw), (mvyw), ngyw.

**Ikitonderwa:** Ibihokane **bg** gikoreshwa gusa mu ijamba **Kabgayi**.

#### a) Imyandikire y'ibihokane (n)kw, (n)gw, hw, bikurikiwe n'inyajwi o cyangwa u

Ibihokane (n)kw, (n)gw, hw, bikurikiwe n'inyajwi o cyangwa u ntibyandikwa; mu mwanya wabyo handikwa (n)ko, (n)ku, (n)go, (n)gu, ho, hu.

**Bandika:** kwi, ku, ko, kwa, kwe  
nkwi, nku, nko, nkwa, nkwe  
gwi, gu, go, gwa, gwe  
ngwi, ngu, ngo, ngwa, ngwe  
hwi, hu, ho, hwa, hwe

#### Ingero

- **Ngwije akunda koga** yambaye **inkweto** zinyereza akagwa.
- **Ngoboka yahwituye Hondi kugira ngo** bihute bahure na **Ngwabije**.
- Mahwane yorora **inguge, inkwavu n'inkoko**.
- **Kwigira akunda kuboha** akoresheje imigwegwe.
- **Nkwiye kwinjira** mu rugo **rugwije ingweba** rukunda **kweza amahundo** nko **kwa Nkunda**.
- **Gwiza ahwekerye** mu rugo **kwa Mbugurize**.

#### b) Imyandikire y'ibihokane (n)jy na (n)cy, bikurikiwe n'inyajwi i cyangwa e

Ibihokane (n)jy na (n)cy byandikwa gusa imbere y'inyajwi a, o na u. Imbere y'inyajwi i cyangwa e handikwa (n)gi, (n)ge, (n)ki, (n)ke.

**Bandika:** ki, cyu, cyo, cya, ke,  
nki, ncyu, ncyo, ncyu, nke  
gi, jyu, jyo, jya, ge  
ngi, njyu, njyo, njya, nge

## Ingero

- Nkunda gusenga iyo **ngiye** gufata urugendo **njya** mu mugi.
- **Gewe/Ngewe njyana** n’abana bange kwa masenge mu magepfo.
- **Iki kibo cyuzuye** ibishyimbo.
- **Ncyuye** inka **ncyocyorana** na **Nkeramugaba** afite **incyamuro**.
- **Jya** gucyura ihene i **Bujyujyu**.
- **Icyumba ke cyuzuye injyo** z’ikibindi **cyamenetse**.
- **Njyuri** afite urujyo mu ntoki.

**Ikitonderwa:** Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y’aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

## Ingero

- Intara y’Amajyepfo
- Umujyi wa **Kigali**
- Akagari ka **Cyimana**
- Umurenge wa **Cyeru**

### c) Ibihekane bigizwe n’ingombajwi ts, pf na c

Ibihekane bigizwe n’ingombajwi **ts, pf na c** zibanjirijwe n’inyamazuru byandikwa mu buryo bukurikira: **ns, mf, nsh**.

## Ingero

- Yohana yansikamiye ku kirenge.
- **Insina** za kijyambere zitanga umusaruro utubutse.
- **Imfizi** y’inshuti yange.

## 2. Ikata n’itakara ry’inyajwi

### a) Ikata ry’inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n’ibyungo na na nka

Inyajwi zisoza **ikinyazina ngenera** n’ibyungo **na na nka** zirakatwa iyo zikurikiwe n’ijambo ritangiwe n’inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n’umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

## Ingero

- Aragenda buhoro nk’umurwayi.
- Umwaka w’ibihumbi bibiri na cumi n’ibiri.
- Umwaka wa 2017 wambereye umwaka w’amata n’ubuki.
- Amashuri y’imyuga yariyongereye.

## b) Inyajwi zisoza zidakatwa

Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

### Ingero

- Tuzatera imbuto imvura iguye.
- Twubatse amashuri ateza imbere imyuga.

Inyajwi **i** isoza akabimbura **nyiri**, n'inshinga mburabuzi **ni** na **si** ntizikatwa.

### Ingero

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo.
- Amasunzu **si** amasaka.
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

### Ikitonderwa

- Ijambo **nyiri** iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.
- Ijambo **nyira** rivuga **nyina wa** rikoresha mu mazina, rifatana n'ijambo ribanjirije.

### Ingero

- Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Cyangugu yageze i Kigali.
- Nyirabukwe aramukunda.
- Bagiye gusura nyirakuru.

## c) Inyajwi zitangira amazina akurikira indangahantu mu na ku

Inyajwi zisoza indangahantu **ku** na **mu** ntizikatwa ahubwo zandikwa zitandukanye n'izina zibanziriza; cyokora injajwi itangira amazina bwite n'amazina rusange akurikiye indangahantu **mu** na **ku** iratakara keretse mu ijambo ritangirwa n'inyajwi **i** ridafite indanganteko.

### Ingero

- Basuye nyirasenge **mu Mutara** abatuma **ku isoko**.
- Umwana wange yiga **mu Majyaruguru**.
- Twanyuze **ku Kagera** tubona ingona **mu mazi**.
- Ni byiza kwita **ku bidukikije** twirinda gutema ibiti **mu ishyamba**.

## Amagambo y'inyunge

Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

### Ingero

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga
- Umukangurambaga
- Umuhuzabikorwa
- Amayirabiri

**Ikitonderwa:** Mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane (4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

### Urugero

Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arashinze.

## 4. Amagambo afatana n'adafatana

### a) Amagambo afutura

Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.

### Ingero

- Inama **Njyanama** y'Akarere ka Kicukiro yateranye.
- Umuco **nyarwanda** uraturanga.
- Yumviye umutima **nama** we.
- Umutima **muhanano** ntiwuzura igituza.
- Inyandiko **mvugo** y'inama yasomwe, iremezwa.

### b) Ibyungo na na nka

Ibyungo na na nka bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'ya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

### Ingero

- Ndabona **nawe** wigisha **nkange**.
- Ndumva **natwe** tumeze **nkamwe**.
- Nabonye **na we** yigana **na bo**.
- Numvise **na bwo** bujwigira **nka zo**
- Ndabona **na ko** kagenda **nka bwo**.

### c) Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga

Iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

## Ingero

- Umwana **wange** yagiye ku isoko.
- Umurima **wacu** urahingwa.
- Ishati **yawe** yakorewe mu Rwanda.
- Amafaranga **yabo** afite agaciro.

### d) Impakanyi nta

Impakanyi **nta** yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijambo biratandukana.

## Ingero

- Twasanze **nta**wurwaye.
- Mu kigo cyabo **nta**batashye.
- **Nta** we nabonye.
- **Ibyo bitabo nta** byo yatwaye.

### e) Ibinyazina ngenga ndangahantu

Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu **ho, yo, mo (mwo)** n'akajambo **ko** bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo iyo nshinga ari **ni** cyangwa **si**.

## Ingero

- Twageze mu rugo tumusangayo tugenderako.
- Umwobo yaguyemo wari muremure.
- Yometse amashusho ku rukuta afataho
- I Kigali **ni ho** avuye **si ho** agiye.
- Mu mwobo **si mo** yaguye.

### f) Akajambo ko

Akajambo **"ko"** kunga inyangingo ebyiri kandikwa gatandukanye n'amagambo agakikije.

## Ingero

- Ndakeka **ko** azahagera kare.
- Namenye **ko** ibyo binyobwa byujuje ubuziranenge.

**g) Urujyano rurimo ijambo "ngo" kimwe n'ibinyazina "wa wundi", "bya bindi", "aho ngaho", "uwo nguwo", n'ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.**

## Ingero

- Nasanze **abo ngabo** badahari mpita nkoresha **wa wundi kugira ngo** tudakererwa.
- **Ibyo ngiby** ni byo nabonye **aho ngaho**.

**h) Ijambo “ni” rikurikiwe n’inshinga irimo inshoza yo “gutegeka” no “guteganya” ryandikwa rifatanye na yo.**

## Ingero

- **Nimukore** mutazicwa n’inzara.
- **Nimufate** neza ibidukikije.

**i) Amagambo yerekana ibihe n’ahantu**

Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **nimunsi, nijoro (ninjoro), nimugoroba, ejobundi**.

## Ingero

- **Nimugoroba** turajya gusura abaturanyi.
- Azagera mu Rwanda **ejobundi nijoro/ninjoro**.
- Turahagera **nimunsi**.
- Ijambo **munsi** ryerekana ahantu ryandikwa mu ijambo rimwe.

## Urugero

- Yabitse amafaranga **munsi** ya matera imbeba zirayarya.

**j) Amagambo ku na mu**

Amagambo **ku na mu** yandikwa atandukanye n’ikinyazina ngenera ndetse n’amagambo **ku wa na mu wa** abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry’umunsi yandikwa atandukanye.

## Ingero

- **Ku wa** 15 Ukuboza nzajyayo **ku bwange** sinzajyayo **ku bwabo**.
- Yahinze **mu we** ntiyahinze **mu wawe**.
- Azagerayo **ku wa** Gatanu nimunsi.
- Uwo mwana yarimutse ajya **mu wa** Gatandatu.

**k) Ijambo saa**

Ijambo **(i)saa**, rikurikiwe n’umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

## Ingero

- Ndahura na we **saa munani**.
- Turangiza akazi **i saa kumi n'imwe**.

### l) Imigereka ndangahantu

Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu **i (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, ibwami, inyuma...)** n'amagambo akomoka kuri **i** y'indangahantu ikurikiwe n'ikinyazina ngenera **wa** n'ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

## Ingero

- Yicaye **iburyo** nge nicara **ibumoso**.
- Tumaze kwicara **imuhira** ab'**ikambere** baratuzimanira.
- **Iwacu** heza ndahakumbuye.

### m) Indangahantu i ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu

Iyo **i** y'indangahantu ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina.

## Ingero

- Twahuriye **i** Muhanga turamenyana.
- **I** Rusizi ni kure y'Umujyi wa Kigali.

### n) Inshinga mburabuzi ari

Inshinga mburabuzi **ari** iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n'ikinyazina kiyibanziriza n'ikiyikurikira.

## Ingero

- Sinkunda umuntu umbwira **ibyo ari byo** byose.
- **Uwo ari we** wese azimenyera ibimureba.

### o) Amagambo arema inyumane

Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y'umugereka, inyumane y'icyungo, cyangwa iy'irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukirwa amazina bisimbura yandikwa afatanye.

Nyamara iyo ahuje ishusho n'izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye.

## Ingero

- **Niko?** Ko utambwira igihe ugendera?
- Uko **ni ko** akora.
- Urya neza **ni uko** utabyibuha.

- Uku kuguru **ni ko** kwavunitse.
- Uku kwezi **ni uko** gutembera.
- **Nuko** nyuma y'ibyo turagenda.
- Buri gihe umwarimu atubaza uko twaraye **n'uko** twaramutse.

### p) Amagambo ashingiye ku isubiramo

Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

#### Ingero

- Twagiye kumva twumva amashyi ngo **kacikaci!**
- Bagiye baza **umwumwe**.
- Bakoze imyitozo **babiribabiri**.

#### Imyitozo

#### Kosora interuro zikurikira ukurikiza amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda

- Najyiye mu muji wa Gisenyi mpura n'incuti yanjye maze ndanezererwa cyane kuko tutaherukanaga.
- Utwo tunyoni twagiye tuza kamwe kamwe tugezaho tuba uruhuri.
- Ese mu Mugi wa Kigali habamo Umurenge witwa Kakiru? Yego. Uwo murenge uhana imbibi n'Umurenge wa Cyimihurura.
- Amazi mu kibindi ngo dumburi dumburi!
- Kamugisha ni umuvandimwe wa Kamari.
- Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobga.
- Umuco w'amahoro niwo uranga abiwacu.
- Kugira umujinya wumurandura nzuzi n'ibibi.
- Se kuru yavutse mu mwaka w'1960.
- Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.



## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE A

***Soma neza uyu mwandiko nurangiza usubize ibibazo biwubajijweho.***

### **Iminsi iba myinshi igahimwa n’umwe**

Kamana ni umugabo w’igikwerere. Abana mu rugo rwe n’umugore we Batamuriza n’abana batatu. Kamana yajubije umuryango we. Buri muni ataha yasinze, akababuzaga epfo na ruguru, bakarara rwantambi. Ingeso ye y’ubusinzi ntisigana n’iy’ubusambanyi. Umutungo w’urugo awumarira mu nzoga no mu bagore. Abana bavuye mu ishuri kandi atabuze ubushobozi. Urugo rwabo rurangwa n’itunganya n’imirwano. Amakimbirane y’uwo muryango amaze kurenga urugero.

Umuni umwe nagiyeye kuganiriza Batamuriza anganyira ambwira ibyo bibazo biri mu muryango we. Namugiriye inama mubwira ko ibyo bibazo yabigeza mu buyobozi kuko hari amategeko amurengera. Mu gihe twari tukicaranye, haza umugabo witwa Kamanzi utuye hafi aho, aza yiruka cyane ubona rwose afite inkuru aje kutubwira. Ahita agera aho twari twicaye, atubwira ko Kamana yaguwe gitumo agiyeye gusambanya umwana w’umukobwa utarageza ku myaka y’ubukure, ubu akaba ari mu maboko ya porisi. Umugore we yahise aturika ararira kuko n’ubwo Kamana yari yarabatesheje umutwe yamukundaga. Ngerageza kumuhoza biranga ariko nka nyuma y’iminota mirongo itatu aratuzaza. Tugerageza kubihisha abana duhita tujya kuri porisi dusanga koko ni ko bimeze.

Turi mu nzira tuvayo, ngerageza kuganiriza Batamuriza, mubaza icyo yaba atekereza ku mugabo we nyuma yo gufungurwa arangije ibihano. Numvaga guhonoka ibyo yaregwaga byo bitari gushoboka, bitewe n’uburemere bw’icyaha yaregwaga. Ambwira ko we akunda umugabo we rwose, ko aramutse afunguwe akamusaba imbabazi kandi akaba yarihanyeye izo ngeso yamubabarira kuko mu bikemura amakimbirane habamo kwihangana no gutanga imbabazi. Ikindi yangaragarije ni uko aramutse amutaye byagira ingaruka cyane ku bana batarezwe n’ababyeyi bombi kandi abana aba ari abere.

Byongeye kandi, na we yagira igikomere ku mutima cyo gutana n’uwo yakunze nubwo we yamuhemukiye. Ikindi yambwiye nuko ingaruka z’ayo makimbirane zishobora no kurenga umuryango wabo zikagera no ku bandi mu gihe we yaba atabyitondeye. Yampaye ingero numva ziramfashije, anyereka ko guta umugabo we akahukanira iwabo na byo byaba ari amaburakindi kuko hashobora kuvuka ibibazo byo kurwanira ubutaka budahagije, incyuro za buri muni, ishuri n’ibindi.

Batamuriza yambwiye ko umugabo we yatangiye ingeso zo gusesagurira umutungo w’urugo mu businzi no mu busambanyi kera. Hari abagore yambuye abagabo babo abubakira inzu n’abakobwa yishyuriraga amashuri mu gihe abana be bicira isazi mu jisho, barataye ishuri.

Tukiri mu nzira twakebutse inyuma twumva imirindi y'umuntu uza wiruka, dusanga ni uwari uzanye ibaruwa Kamana yandikiye umugore we amusaba imbabazi z'ibibi byose yamukoreye. Yanamurangiye aho yahishe amafaranga yateganyaga kujyana muri ubwo busambanyi bwe. Mpita mbona ko koko Batamuriza ayoborwa n'Imana mu bikorwa bye n'imyitwarire ye. Mbona kandi ko kwihangana, gutuza no kwitonda ari impano nziza nk'uko mu Kinyarwanda bavuga ko uwitonze akama ishashi. Kubaka umuco w'amahoro kwa Batamuriza kwatumye yubaka urugo rwe kugeza aho ibibazo bye bigiriye mu buryo.

Batamuriza yambereye ikitegererezo mu buzima, menya ko kubaka umuco w'amahoro ari ipfundo ryo kubaka umuryango nyarwanda uzira amakimbirane, kandi ko kwihangana, kugirira abandi urukundo no guca bugufi ari inkingi z'ubupfura bw'umunyarwandakazi.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora abanyarubuga b'ingenzi bari mu mwandiko hanyuma uvuge ibyiza byabo cyangwa ibibi byabo.
2. Uhereye ku mwandiko no ku bumenyi bwawe ni izihe ngaruka z'amakimbirane uzi ziba mu muryango no ku Gihugu?
3. Ni iyihe ntwaro Batamuriza yakoresheje kugira ngo ahoshe amakimbirane mu muryango we?
4. Ni ibihe bintu abagize umuryango bagomba kwitondera bishobora gukurura amakimbirane?
5. Ni uwuhe musanzu watanga mu kurwanya amakimbirane mu muryango?

## II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo y'umukara utsitse ari mu nteruro zikurikira ayo bivuga kimwe akurikira, ukore isanisha rikwiye: kwicira isazi mu jisho, gutesha umutwe, guhonoka, incyuro, kwahukana.
  - a) Abana be **barashonje cyane** kubera amakimbirane ahora mu rugo rwe.
  - b) Karibwende **yabujije amahoro** umugore we none agiye **kwigendera**.
  - c) Karimwabo **yasimbutse** inzara ya Ruzagayura none ubu ni umusaza rukukuri.
  - d) Uriya mwana yatewe ipfunwe n'**amagambo mabi** yabwiwe na bagenzi be!
2. Kora interuro wifashishije aya magambo.
  - a) Kubuza epfo na ruguru,
  - b) Igikwerere,
  - c) Kuraza rwantambi.

### **III. Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda**

Kosora interuro zikurikira ukurikije imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

- a) Kuba kwisi n' ukwihangana.
- b) Ntamuntu numwe ushobora kumva ububabare bwabandi badahuje ikibazo.
- c) Habaho abantu b'inyanga mugayo bakunda kwitangira imbabare.
- d) Yarangije kwiga mumwaka w' 2015

### **IV. Inshoberamahanga**

1. Tandukanya inshoberamahanga n'umugani mugufi wifashishije ingero.
2. Hanga umwandiko mugufi utarengeje ipaji imwe ku nsanganyamatsiko ivuga ku muco w'amahoro. Muri uwo mwandiko habonekemo byibura inshoberamahanga zirenga eshanu. Kubahiriza amategeko agenga imyandikire y'Ikinyarwanda ni ihame.






# **UMUTWE WA 4 B**

## **UMUCO W'AMAHORO**

## UMUTWE WA 4 B: UMUCO W'AMAHORO

### UMWANDIKO: DUKANGUKIRE IMIYOBORERE MYIZA



**Kagabo:** Ese Kamari?

**Kamariza:** Karamel!

**Kagabo:** Cyono igira hino ngire icyo nkwiabariza.

**Kamariza:** Naje wokagira inka we! Gusa ntiwongere kunkirigita nka cya gihe.

**Kagabo:** Ariko nawe! Gukirigitwa hari uwo wumvise byaguye nabi? Humura mba nshaka kugutera ubwuzi ngo wuzure umunezero unsekere disi we!

**Kamariza:** Have yeee! Nyuma y'ubwo bwuzi wumvaga hari gukurikiraho iki? Abagabo muri abandi ndabazi n'icyo muba mushaka ndakizi.

**Kagabo:** Ahaaa iki kindi se da! Ahubwo gira uti dukunda gushyenga!

**Kamariza:** Ahaaa! Mbabarira ndabatinye muzi gutanga impano zihumanye nk'ifunguro ry'abarozi.

**Kagabo:** Uti iki Kamari! Twe ntiduhumanya dufasha Imana kurema.

**Kamariza:** Ngaho da! Ushaka kundemamo iki se kandi? Mbisa nkubise utongera ibyo ntashaka dore ko "ntawukirigita uwo atakoye." N'ikindi inkwano yawe warangije kuyitanga ahandi uzabe ari ho uya kuremera.

**Kagabo:** Reka nivugiraga si ndi muri ayo ma! Wibigira birebire nashakaga kukwiabariza niba wamenye amakuru agezweho none.

**Kamariza:** Habaye iki kidasanzwe? Cyangwa uretse urwitwazo rwawe nayamenya nyakuye he?

**Kagabo:** Ariko nawe sigaho gukabya! Wabura uyakura he? Hari amaradiyo atandukanye, hari tereviziyo, hari ibinyamakuru byandikwa, hari imbuga nyinshi wakwifashisha kuri interineti, waburira he amakuru wayashatse muri iki gihe mu Rwanda rwacu?

**Kamariza:** Reka ye! Nge niburira umwanya mba nibereye mu nduruburi z’ubuzima shenge we!

**Kagabo:** Oya wa! Jya uva muri ayo. Twese se ntitubeshajweho no gukora? Kumenya amakuru y’uko bwije n’uko bukeye ni kimwe mu bigomba kuranga ubuzima bwacu bwa buri muni kuko gusirimuka bihera mu mutwe! Wavuga iki ko Leta yacu nta cyo itakoze mu guteza imbere ikoranabuhanga kugira ngo Abanyarwanda bose basome, bumve amakuru, bamenye basobanukirwe? Uyobewe ko no muri terefoni ngendanwa habamo radiyo na murandasi? Haguma ubushake ibindi byose birahari.

**Kamariza:** Ngaho se mbwira icyo umpamagariye wikomeza kunyicisha amashyushyu!

**Kagabo:** Ntiwabonaga ukuntu za rutemikirere ziriwe zicicikana mu kirere cyacu uyu muni?

**Kamariza:** Nazibonye ahubwo numiwe! Habayeho urujya n’uruza rwazo rudasanze nkibaza icyabereye i Kigali kikanyobera. Ariko se mvuge ibintu nsubire ibindi, iki kibazo nk’icy’abana ni cyo wari umpamagariye uko ngana uku? Niba ibyo wari ugambiriye byakuyobeye, wandetse nkigendera ko burya atari bunu nakumenye?

**Kagabo:** Ariko wagiye ugira ukwihangana? Nashakaga kugusobanurira icyabaye.

**Kamariza:** Yego di! Ntiwumva ahubwo?

**Kagabo:** Buriya rero ziriya ndege zose zabaga zivuye ku migabane yose y’isi zizanye abanyamahanga mu nama mpuzamahanga ku miyoborere myiza. Kandi natwe tutabasha kwitabira iyo nama, baduteguriye kuyikurikiranira hafi kuri bya byuma binini kabuhariwe mu kwerekana amashusho no gusakaza amajwi ku bantu benshi bari hamwe.

**Kamariza:** Yewe burya koko dufite ubuyobozi bwiza! Amahanga yose aza kutwigiraho?

**Kagabo:** Abayobozi bacu ni intore nziza. Ni ba nkore neza bandebereho. Imiyoborere myiza y’Igihugu cyacu yabaye ubukombe none ibaye akarusho n’urugero rw’ikitegerereze imbere y’amahanga yose.

**Kamariza:** Reka nguherekeze tuge kumva ibivugirwamo nituvayo turategura ikegeranyo tuzageza ku bandi. Tuzasaba akanya mu mugoroba w’ababyeyi cyangwa nyuma y’ibikorwa by’umuganda tuyababwire.

**Kagabo:** Yego di! Ntiwumva ko abakirigitanye neza bongera?

**Kamariza:** Ariko nawe n’ikirigita ryawe!

**Kagabo:** Ni ko mvuze se? Mbarira ubwo ndasobwe bintera gusobanya. Nashakaga kuvuga ko abakinnye neza bongera! Reka ahubwo dukubite tubangura, tugende kare tugire igihe tugarukira maze twitabire inteke y'abaturage iba ku gicamunsi. Ni ho tuza gusaba Umunyamabanga Nshingwabikorwa akanya tubibabwire.

**Kamariza:** Ni byo koko di! Ni na ho haba hari umwanya wo kuganira n'abandi ku buryo burambuye no guhanahana amakuru ku buryo bworoshye.

Nyuma y'iki kiganiro Kagabo na Kamariza bagiranaga, baragiye baragaruka bitabira inteke y'abaturage. Basanze Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'Amahoro dutuyemo adusobanurira ibyiza byo kwakira neza abatugana no gutanga serivisi inoze kandi yihuta. Yatubwiraga ko bizatugeza ku byiza byinshi nko: gutuma abanyamahanga bagenda batuvuga neza, kutuzanira abandi bantu bakatugana bishimye, kudukusha ishema n'agaciro mu ruhande rw'amahanga, kutwoherereza abakiriya benshi tukungukira mu bikorwa byacu, gutuma tugirirwa ikizere tugahabwa kwakira inama n'imikino mpuzamahanga, kumenyekanisha ibyiza nyaburanga by'iwacu, ibikorwa iwacu n'ibindi. Guha ikaze uje akugana, ukamwakirana urugwiro, ukamusekera, ukamubaza ikimugenza ukamufasha akajyana akanyamuneza ntawe byagora. icya ngombwa ni ukwiyumvamo indangagaciro z'umuco nyarwanda no guhanahana kurangwa na zo wuzuzako uko bikwiye inshingano zawe.

Amaze gutanga ibisobanuro, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yahaye ijamba Kagabo na Kamariza ngo na bo batugezeho ibyo bari baduteguriye ku nsanganyamatsiko yerekeranye n'imiyoborere myiza y'Igihugu cyacu. Kagabo yatangiye aducira umugani ngo: "Uwambaye ikirezi ntamenya ko kera." Yashakaga kutwumvisha ko hari Abanyarwanda bamwe batabona ibyiza dukeshako ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, ngo babihire ireme n'agaciro nyabyo.

Amahanga menshi atangirira ibyo u Rwanda rumaze kugeraho nyuma y'igihe gito ruvuye mu marorerwa ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Bibaza ibanga dukoresha ngo tugire iterambere ryihuta mu gihe gito. Ni yo mpamvu badahwema kugirira mu Rwanda ingendo shuri baje kutwigiraho no gusaba impanuro abayobozi bacu. Uretse kandi gutangazwa n'iterambere ryacu, bishimira ukuntu bagera mu Rwanda bakakirwa neza, bagahabwa serivisi inoze kandi yihuta. Bishimira ituze n'umutekano biharangwa bakanyurwa n'isuku iranga imigi yacu. Ni muri urwo rwego usanga inama mpuzamahanga nyinshi zitegurirwa kubera mu Rwanda.

Kamariza yakurikiyeho afata ijamba arondora bimwe mu biranga imiyoborere myiza. Yagaragaje ko ubwo buyobozi butangwa n'abaturage binyuze mu matora akorwa mu mucyo no mu bwisanzure, bugakorera abaturage. Ni ubuyobozi bwegerezwa abaturage bakagira uruhare mu igenamigambi ry'ibikorwa bakeneye. Bwumva ibyifuzo by'abaturage, bukabakemurira ibibazo kandi bugashakisha iteka icyabateza imbere, bakagira imibereho myiza n'iterambere mu bukungu. Ubwo buyobozi



bubungabunga umutekano w'abantu n'ibyabo ndetse n'umutekano w'igihugu n'akarere kirimo muri rusange. Ntibugira ivangura iryo ari ryo ryose, ahubwo bufata abanyagihugu bose kimwe.

Si ibyo gusa, ubuyobozi burangwamo imiyoborere myiza ntiburangwamo ruswa, gushyira inyungu z'abayobozi imbere bigwizaho umutungo no kuwunyereza. Ahubwo abayobozi bashyira inyungu z'abo bayobora imbere, bakamenya abatishoboye n'abafite ibibazo byihariye nk'iby'ubuzima n'imibereho, bakabafasha kubikemura. Ubuyobozi burwanya ikimenyane n'akarengane maze bugaharanira ubutabera kuri bose. Abenegihugu bagira uburenganzira bemererwa n'amategeko bagahabwa n'amahirwe angana bakoresha mu bikorwa binyuranye maze buri wese akishyira akizana. Abayobozi bakorera ku mihigo aho buri muyobozi ahigira abaturage ibyo azabagezaho kandi akayihigira. Iyo abaturage basanze adashoboye, bamusimbuza undi ushoboye.

Nyuma y'ijambo rya Kamariza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yasoje inama abaturage twese dutaha twishimiye inyigisho nziza twari tumaze guhabwa, tunashimira ubuyobozi bwacu burangwa n'imiyoborere myiza. Wumvaga abantu bose bemeza ko bagiye kurushaho gutanga serivisi nziza mu byo bakora byose, kwitabira no gushyigikira gahunda za Leta ngo biteze imbere kandi biyubakire Igihugu.

## I. Inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo atsindegiye andi magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.

- a) **Kurangiza neza ishingano** umuntu yihaye mu kazi ke bituma aba umuyobozi w'indakemwa.
- b) **Kwiba umutungo** wa rubanda ni icyaha kitababarirwa.
- c) **Kuvuga ukarambirana** bituma abantu binubira ibyo uvuga.
- d) Abaturage bari mu nama, iyo bagize **amatsiko menshi** bituma babaza cyane.
- e) Umuyobozi **ugira vuba na bwangu** muri serivisi atanga, afasha abaturage benshi.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye.

- |                 |             |
|-----------------|-------------|
| a) Igenamigambi | d) Kuronka  |
| b) Induruburi   | e) Impanuro |
| c) Gusobwa      |             |

3. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.

- a) Terefoni ngendanwa
- b) Ituze
- c) Kwakirana urugwiro

4. Shaka imigani yakoreshejwe mu mwandiko usobanure n'icyo ivuga.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ese iyo bavuze imiyoborere myiza, wumva iki?
2. Imiyoborere myiza igirira abantu akahe kamaro?
3. Ni izihe nyungu zo kwakira neza abatugana no kubaha serivisi inoze kandi yihuta?
4. Ni ibihe byiza byo kwakira neza abatugana no kubaha serivisi inoze kandi yihuta byavuzwe mu mwandiko?
5. Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Kamariza na Kagabo.

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka zivugwa mu mwandiko?
2. Ubye umuyobozi w'ahantu hatigeze harangwa imiyoberere myiza ni ibiki wakwihutira gukora?

## IV. Umwitozo wo guhanga no gukina ikiganiro

Muhange ikiganiro mushima cyangwa munenga imitangire ya serivisi y'Umuyobozi w'Akagari. Mucyandike hanyuma muzakigeze ku bandi.

## IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA

***Soma igika gikurikira witegereza uko amazina bwite awugaragaramo yanditse, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru, maze ukore ubushakashatsi utahure imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.***

Umunsi umwe navuye mu ntara y'amagepfo njya igisaka gusura masenjye. Umugabo w'iwe yitwa Habamenshi sindayigaya Samuel. Nkigera ahongaho mu Gisaka, nanyuze k'umubyeyi wahaga impanuro abana be. yarababwiraga ati umwana warezwe neza yumvira ababyeyi be n'ibindi ntasubiyemo kandi akubaha abamuruta bose ni na ko byahoze kuva na kera mu muco nyarwanda mbese na we aho waba ari ko wari ubizi burya kugendera ku ndangagaciro na kirazira kwihesha agaciro kubaha ururimi rwawe kavukire no kubahiriza umuco wigihugu cyawe ni ko kujijuka nta ubumenyi budashingiye ku kwihesha ishema no kurihesha igihugu cyakubyaye mu ruhandu rwamahanga.

## 1. Amazina bwite

### a) Amazina bwite y'ahantu afite indomo

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'aturere afite indomo yandikwa atandukanye n'ayo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

#### Ingero

- **A** Marangara, **u** Buriza, **u** Bufundu, n' **i** Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y' **u** Rwanda.
- **U** Burundi buri mu magepfo y' **u** Rwanda.
- **U** Bubirigi, **u** Bwongereza n' **u** Bufaransa biri mu Muryango w'ibihugu by' **u** Burayi.

### b) Amazina bwite y'abantu arenze rimwe

Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

#### Ingero

- UWINEZA Ishimwe Brigitte
- MANZI Jacques
- KARIMBA Basabose
- MUHIRE Jamila

### c) Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga

Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'aturere y'amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

#### Ingero

- **Enshiteni** (Einstein)
- **Shumakeri** (Schumacher)
- **Ferepo** (Fraipont)
- **Cadi** (Tchad)
- **Kameruni** (Cameroun / Cameroon)
- **Wagadugu** (Ouagadougou)
- **Ositaraliya** (Australie / Australia)

### d) Amazina y'idini

Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru na ho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

## Ingero

- KAREGEYA **John**
- KARIZA **Jane**
- MUPENZI **Jeanne**
- RUTEMBESA **Abdul**
- MFURANZIMA **Yohana**

### e) Amazina bwite yari asanzweho

Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

## Ingero

- Intara y'**Amajyepfo**
- **Umujyi** wa **Kigali**
- Akarere ka **Rulindo**
- Akagari ka **Cyimana**
- Umurenge wa **Cyeru**

## 2. Imikoreshereze y'utwatumuzo

### a) Akabago/akadomo (.)

Akabago cyangwa akadomo gasoza interuro ihamya n'interuro itegeka.

## Ingero

- Umunyeshuri mwiza yita ku masomo ye.
- Utazi ubwenge ashima ubwe.
- Mukamana aritonda.
- Kosora uriya mwitoto.

### b) Akabazo (?)

- Akabazo gasoza interuro ibaza.

## Ingero

- Muzajya mu rugendo shuri ryari?
- Wagize amanota angahe ku ijana?

### c) Agatangaro (!)

Agatangaro gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

## Ingero

- Mbega ukuntu hano hantu ari heza!
- Ntoye agasaro keza disi weee!

### d) Akitso (,)

Akitso gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

## Ingero

- Umunyeshuri ushaka kumenya ubwenge, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z'umwarimu.
- Abagiye inama, Imana irabasanga.
- Ugira Imana, agira umugira inama.

### e. Uturegeka (...)

Uturegeka dukoreshwa iyo berekana ironдора ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

## Ingero

- Mu bikoresho bya kinyarwanda habamo: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru...
- Barakuzira ngo bagere ku Mukinyanyana bahahurira na mwene...na ko simuvuze nzamuvumba!

### f) Utubago tubiri (:)

Utubago tubiri dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi. Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga **-ti**, **-tya**, **-tyo** n'ijambo **ngo**.

## Ingero

- Umwana wange yiga byinshi akiri muto: Imibare, Ikinyarwanda, Igifaransa, Ubumenyi bw'isi n'ibindi.
- Mariya ati: "Ibyo uvuze bingirirweho."
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo: "Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge."

### g) Akabago n'akitso (;)

Akabago n'akitso bikoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

## Ingero

- Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.
- Kuvuga neza si ugusukiranya amagambo gusa; kuvuga neza ni ukumvikanisha igitekerezo cyawe.

### h) Utwuguruzo n’utwugarizo (“ ”)

Utwuguruzo n’utwugarizo dukikiza amagambo y’undi asubirwamo, imvugo itandukanye n’imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Dukikiza amagambo ateruwe n’ingirwanshinga **-ti**, **-tya**, **-tyo** n’ijambo **ngo**. Dukoreshwa na none iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazinanteruro n’amazina y’inyunge agizwe n’amagambo arenze ane. Dukoreshwa kandi mu magambo y’amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

## Ingero

- Igikeri kirarikocora kiti: “Mpuriye he n’ibiguruka?”
- Nuko ya “nyamaswa” iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo “Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica” aba arahashinze.
- Ibyo nabisomye kuri “Internet” biratangaje.

### i) Akuguruzo n’akugarizo kamwekamwe (‘ ’)

Akuguruzo n’akugarizo kamwekamwe dukoreshwa iyo utwuguruzo n’utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

## Urugero

- Umugaba w’ingabo ati: “Ndashaka ko ‘inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica’aza hano.”

### j) Udukubo ( )

Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro.

Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y’amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo.

Dukikiza umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

Twerekana kandi ibihokane cyangwa inyuguti bidakunze gukoreshwa.

## Ingero

- Umuyobozi w’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko arugira inama arwumvisha ko kugira ngo rwizere kuzagira imbere heza (kuko abenshi muri rwo bishora mu ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge) rugomba kwirinda ibiyobyabwenge n’izindi ngeso mbi.
- Bisimariki (Bismarck)
- Kebeke (Quebec)
- Ekwateri (Equateur)
- Uzaba uwa mbere mu irushanwa azegukana igihembo cy’amafaranga y’amanyarwanda miriyoni (1 000 000 Rwf).
- (I) cyangwa (vy).

## k) Akanyerezo (-)

Akanyerezo gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry’amagambo.

### Urugero

- Sinakoze ikizamini.
- Wari uri he?
- Nari ndwaye.

Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n’imperera y’umurongo, bikurikije imiterere y’umugemo.

### Urugero

- Matayo yagiye i Huye ahurirayo na Semakabuza **bajya-na** gusura ingoro ndangamurage y’u Rwanda.

Kanakoreshwa imbere n’inyuma y’interuro ihagitse.

### Urugero

- Ejo nzajya kwiga- sinzi niba waramenye ko nasubiye mu ishuri- ntuzace hano sinzaba mpari.

## l) Udusodeko ([ ])

Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y’undi.

### Urugero

- Yaravuze ati: “Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro], keretse narwaye.”

Dukoreshwa berekana ibyo banenga mu magambo y’undi.

### **Urugero**

- Yaranditse ati: “Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n’abatu [ikosa] benshi muri Afurika yo hagati.”

Tunakoreshwa mu magambo y’undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutse.

### **Urugero**

- Aravuga ati: “Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze.”

### **m) Agakoni kaberamyeye (/)**

Agakoni kaberamyeye gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero z’amategeko no mu guhitamo.

### **Ingero**

- Kigali, ku wa 15/10/2012.
- Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010.
- Koresha yego / oya mu gusubiza ibibazo bikurikira.

## **3. Imikoreshereze y’inyuguti nkuru**

Inyuguti nkuru zikoreshwa aha hakurikira.

### **a) Mu ntangiriro y’interuro.**

#### **Urugero**

Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

### **b) Nyuma y’akabago, akabazo n’agatangaro.**

#### **Ingero**

Ibiyobyabwenge ni ikibazo mu rubyiruko. Twese duhagurukire kubirwanya.

Wabigeraho ute utazi gusoma? Ntibishoboka.

Ntoye isaro ryiza shenge wee! Reka nge kuryereka nyogokuru.

### **c) Nyuma y’ingirwanshinga -ti , -tya, -tyo n’ijambo ngo bikurikiwe n’utubago tubiri n’utwuguruzo.**

#### **Urugero**

- Mariya arasubiza ati: “Ibyo uvuze bingirirweho.”

**Ikitondwira:** Inyuguti nkuru ntatangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.



## Urugero

- Igihe Mariya yavugaga ati: “bingirirweho”, yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

### **d) Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y’amezi n’ay’ibihe by’umwaka.**

## Ingero

- Ku wa Mbere wa Pasika.
- Abantu benshi bajya gusenga ku Cyumweru.
- Ugushyingo gushyira Ukuboza.
- Mu Rwanda haba ibihe bine by’ingenzi: Urugaryi, Itumba, Iki (Impeshyi) n’Umuhindo.

### **e) Ku nyuguti itangira amazina bwite y’abantu, ay’inzuzi n’ay’ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry’ahantu yaba yatakaye.**

## Ingero

Rubingisa ageze ku Ruyenzi ava i Muhanga aza i Kigali.

Nyabarongo ihura n’Akanyaru bikabyara Akagera.

I Washingtoni (Washington) ni ho hari ikicaro cya Banki y’Isi.

### **f) Ku nyuguti itangira amazina y’imirimo, ay’inzego z’imirimo n’ay’amashyirahamwe.**

## Ingero

- Umuyobozi w’Akarere kacu azasura Akagari ka Rubirizi ku wa Gatandatu.
- Umunyamabanga Ushinzwe Amashuri Abanza n’Ayisumbuye muri Minisiteri y’Uburezi yashimiye Ishyirahamwe Tumurere kubera uruhare rigira mu kwita ku bana bo mu muhanda, ribashakira imiryango barererwamo.
- Akanama Gashinzwe Amahoro mu Muryango w’Abibumbye kakoze inama yigaga ku kibazo k’ihohoterwa rikorerwa impunzi hirya no hino ku isi.
- Abanyamuryango ba Koperative Twigire bamaze kwigeza kuri byinshi byiza.

### **g) Ku nyuguti itangira amazina y’impamyabushobozi, ay’icyubahiro, ay’inzego z’ubutegetsi, ay’ubwenegihugu n’amoko, ay’indimi.**

## Ingero

- Dogiteri Karimanzira na Ambasaderi Gatama bazitabira ibirori byacu.
- Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Butare hamwe n’abakirisitu ba Kiriziya Gatorika bakiriye Nyakubahwa Perezida wa Repuburika muri diyosezi yabo.

- Umurenge wa **Nyarugenge** uyoborwa na nde?
- Abanyarwanda barimo **Abasinga, Abagesera, Abanyiginya, Abega, Abasindi...**
- Dukwiye guteza imbere **Ikinyarwanda** abakivanga n'izindi ndimi nk'Icyongereza, Igiswayire n'Igifaransa bakabicikaho.

**h) ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo Igihugu iyo rivuga u Rwanda.**

### **Ingero**

- Mu **Ntambara** ya **Kabiri y'Isi Yose** hapfuye abantu benshi.
- Ba mukerarugendo basuye Igihugu cyacu.

**i) Ku nyuguti itangira izina ry'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.**

### **Ingero**

- Nujya mu mugi unguire *Imvaho Nshya*.
- Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse *Indyoheshabirayi*.

**j) Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'umwandiko uwo ari wo wose...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko hagati.**

### **Ingero**

**GAKIRE** Mathias

**UMUMARARUNGU** Keza

**BUTERA** Simoni

Nagiye kwa **Gakire** Mathias anyakira neza.

### Imyitozo

1. Kosora amakosa y'imyandikire ubona mu nteruro zikurikira.
  - a) Igihugu cy'Urwanda n'icy'Ubwongereza bibanye neza.
  - b) Igisaka n'Amarangara ni uturere dutuwe cyane.
  - c) Socrate (Sokarate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.
  - d) Mu mugwi wa Nairobi (Nayirobi) haba ubushyuhe bukabije.
2. Uzurisha utwatuzo dukwiye aho tubura hagaragajwe.
  - a) Umunyeshuri wiga uko bikwiye atsinda neza.....
  - b) Wibuka ko ku wa Kane ku wa 22.....8.....2018 tuzagirira urugendo shuri muri Pariki y'Ibirunga.....
  - c) Mbega ngo ndagatora.....
  - d) Yambwiye ati .....Dusangire impamba yange.....
  - e) Igihembo cya Noberi ....Nobert.....gihabwa abantu baharanira amahoro kurusha abandi buri mwaka.
  - f) Aravuze ngo: ...Kera iyo twivugaga...Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica... ntiyandushaga...

## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE B

***Soma umwandiko ukurikira hanyuma usubize ibibazo biwukurikira.***

### **Imiyoborere myiza ni isoko y'iterambere**

Mu myaka ishize, Masengesho yari umutindi umwe bita nyakujiya ariko imiyoborere myiza irangwa mu Gihugu cyacu yaramufashije yiyambura ubushwambagara ubu yisesuye ikamba ry'ubukire. Abari bamuzi baramubona, bagatangara, bamwe bakagira bati: "Imana ikura umuntu ku cyavu", abandi bati: "Gukira ni ubushake!"

Masengesho yafakaye akiri muto. Hashize imyaka icumi n'umunani umugabo we atabarutse. Yamusigiye abana bane muri bo harimo uwavukanye ubumuga bwo kutabona. Yigendeye bataragira aho baba, nta karima ko guhinga, nta kazi agira kamwinjiriza, nta tungo mbese yamusize nta shinge na rugero. Nyuma y'aho yabayeho mu buzima bugoye cyane. Uretse abaturanyi be bamugobokaga bakamuha utwo kurya akagaburira abana, ubundi kubaho kwe n'abana be cyari ikibazo. Ntiyashoboraga kubambika no kubajyana ku ishuri, kwivuza byo ntiwavuga uretse kubavura magendu ku buryo abana bose bari barishwe na bwaki.

Nyamara kubera imiyoborere myiza y'igihugu cyacu, abayobozi b'aho yacumbikaga baramwegereye bamugira inama yo gukora akarima k'igikoni kugira ngo age abona imboga agaburira abana kuri buri funguro kandi bamuha ubufasha bw'ibanze muri gahunda za Leta zinyuranye. Ni na ko bamwigishaga kwiremamo ikizere no guharanira kwiteza imbere ahereye ku duke bamugeneraga kugira ngo ye guhora ategereye abandi ukuboko. Mu mizo ya mbere, Masengesho yari yarihebye cyane ntiyashoboraga kumva inama bamugiraga kuko yumvaga ijuru ryaramugwiriyeye. Yasaga nk'uwataye umutwe akumva ko kubaho nta cyo bimaze. Imana yarakoze iramurinda muri uko kwiheba kwe ntiyiyahura kuko ubu atari kuba atubereye urugero rwiza.

Abayobozi bakomeje kumusanga no kumuhumuriza bamwereka uburyo yabigenza akava mu bukene na ko mu butindi. Kera kabaye agera aho ahindura imyumvire yumva inama bamugira. Kuva ubwo atangira gukoresha neza inkunga bamuhaga mu budehe, bigera n'aho bamuha inka muri gahunda ya Gira Inka Munyarwanda ayitaho, maze si ukugwiza umukamo ahoza amata ku ruhimbi kandi agasagurira isoko. Abana bakize bwaki barabyibuha baba imishishe, amafaranga arisuka yiyubakira inzu igezweho mu Mudugudu w'Amahoro.

Si ibyo gusa yitabiriye gukorana n'ibigo by'imari iciriritse hamwe n'amabanki. Amafaranga yakuraga kuri ya nka agurisha amata n'ifumbire, yarayabitsaga yagwira akayagurizaho ayandi agakora ibikorwa by'iterambere. Yabashije kwiyubakira izindi nzu nyinshi akazikodesha zikamwinjiriza inyungu, ashyira abana be mu mashuri yiyubashye. Ubu uw'uburiza yarayaminuje, uw'ubuheta ari na we ufite ubumuga bwo kutabona ari muri kaminuza, uw'ubuheture azajya muri kaminuza umwaka

utaha n’umuhererezi ararangiza umwaka wa nyuma w’ayisumbuye. Masengesho afite imodoka agendamo, yaguze amasambu ararunda, akinga kijyambere akoresheje imashini zihinga n’izuhira, akoresha inyongeramusaruro mvaruganda yunganira ifumbire y’imborera, atera imbuto z’indobanure agatera n’imiti yica udukoko mu myaka ye. Yorora kandi inkoko zitera amagi akagurisha, izindi zitanga inyama akazigemurira amahoteri n’amasesitora yiyubashye mu Mujyi wa Kigali.

Mu minsi ishize aherutse no gufungura resitora ye acururizamo ibyo kurya no kunywa. Usanga abakiriya bisukiranya umunota ku munota ku buryo abakozi be bahura n’akazi kenshi bagakora ubutaruhuka. Tuganira ambwira ko ibanga akoresha rimuzanira abakiriya ari ukubakirana urugwiro, kubaha serivisi yihuta kandi inoze, kubatekera neza yita ku isuku y’ibyo ateka, aho atekera n’aho acururiza kandi n’abakozi be yabatoje kwigirira isuku ku mubiri no kuyigirira ibikoresho bakoresha. Yanyumvishije ko ashimira cyane Leta yacu yita ku baturage bayo ikabegera, ikabashyiriraho gahunda zibafasha kwiteza imbere kandi ikazibakangurira. Ndetse ngo agiye gutumiza imodoka zigezweho zitwara abantu mu buryo bwa rusange ashinge kompanyi yo gutwara abantu bityo afashe Igihugu gukemura bimwe mu bibazo bigaragara cyanecyane mu Mujyi wa Kigali byo gutwara abantu mu gitondo na nimugoroba.

Ikindi kiza namusanganye ni uko agira umutima mwiza wakira abamugana bese kandi akabitaho kabone n’iyo baba bataje kumugurira. Ntiyirengaza aho yavuye ahubwo akunda abakene. Agena gahunda akabasura, agasura abarwayi hamwe n’abandi bantu bageze mu zabukuru akabahumuriza, akabaha inkunga uko ashoboye kandi akabagira inama zibubaka. Bamwe arabafata akabaha akazi cyangwa akagaha abana babo ngo bizamure, abandi akabafasha gushinga ibimina ngo biteganyirize bazizamure na byo akabitera inkunga ku buryo bugaragara. N’ikimenyimenyi, hari Ishyirahamwe Abishyizehamwe ryavuye kuri ibyo bikorwa bye n’izo nama ze. Ubu rimaze kugeza kuri byinshi abanyamuryango baryo kandi ryahaye akazi abantu benshi.

Abanyarwanda twese dukwiye kurangwa n’umutima mwiza, kugirira abandi urugwiro n’impuhwe, guharanira kwiteza imbere, kwishakira no kwishakamo ibisubizo tugashyigikirana dushimangira ubumwe bwacu dukeshya imiyoborere myiza. Twibuke ko kurangwa n’indangagaciro na kirazira z’umuco nyarwanda ari inkingi ya mwamba idufasha gushimangira ubwo bumwe bwacu muri gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” bityo tukaba intore nziza u Rwanda rwifuza. Nimureke dushyigikirane, dukore twiteze imbere, maze twiyubakire u Rwanda twifuza.

## **I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Garagaza uko kera Masengesho yari abayeho wifashishije ingero zatanzwe mu mwandiko?
2. Ubu Masengesho abayeho ate? Bigaragaze wifashishije ingero.

3. Ni iki kigaragaza mu mwandiko ko mu Rwanda dufite uburezi budaheza?
4. Ushingiye ku mwandiko wasomye, erekana ukuntu ubuyobozi burangwamo imiyoborere myiza ari ingenzi.
5. Nanone ushingiyeye ku mwandiko wasomye, erekana ukuntu kwakira neza abakugana no gutanga serivisi inoze ari byiza k'ubikora no k'ubikorerwa.
6. Andika inshoberamahanga ebyiri ushaka ziri mu mwandiko hanyuma uzisobanure.

## II. Inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo cyangwa udutsiko tw'amagambo biri mu nteruro zikurikira aya bihuje inyito yakuwe mu mwandiko: ku ruhimbi, kwigira ntibindeba, kwivuzza magendu, ubushwambagara, nta shiti. Ubahiriza isanisha.

- a) Abana bakunda **kutagira icyo bitaho** bahura n'ingorane zikomeye.
- b) **Nta gushidikanya** ubuyobozi bwiza dufite buzatugeza kuri byinshi.
- c) **Kwivuriza ahatemewe n'amategeko** bituma abarwayi badakira.
- d) Abanyarwanda barasobanutse nta mwana ucyambara **inshabari**.
- e) Gahunda ya Gira Inka Munyarwanda yatumye Abanyarwanda bahoza amata **mu bitereko byayo**.

2. Simbuza amagambo atsindagiye andi bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko.

- a) Masengesho yari **umukene cyane**.
- b) **Mu minsi ya mbere** Masengesho yari yarihebye.
- c) Masengesho yitaye ku nka bari bamuhaye muri gahunda ya Gira Inka Munyarwanda agwiza umukamo, we n'abana be banywa amata, asagurira n'isoko **yinjiza amafaranga menshi**.
- d) **Gushyira hamwe kw'**Abanyarwanda n'ubwiyunge bwabo ni bimwe mu bishimangira umuco w'amahoro.

3. Huza amagambo ari mu ruhushya A n'ayo bihuje inyito cyangwa ibisobanuro ari mu ruhushya B

A	B
a) Uburiza	Umwana wa kabiri
b) Ubuheta	Bucura
c) Ubuheture	Imfura
d) Umuherezizi	Umwana wa gatatu

### III. Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

1. Kosora niba ari ngombwa.

- a) Yohani Karani yambwiye ko Urwanda n'Uburundi ari ibihugu byaboneye ubwigenge icyariwe.
- b) Mbere y'ubwigenge, igihugu cya Belgique ni kimwe mu byakoronije Urwanda.

2. Shyira utwatuzo dukwiye aho ari ngombwa.

- a) Uriya mwana ko mbona arira yakubiswe na nde. Genda umumbwirire uti icecekere.
- b) Yoo, mbese ni uku wabaye. Umaze igihe kingana iki urwaye se.
- c) Kurya neza si ukurya ibihenze, kurya neza ni ukurya ibifite intungamubiri.

3. Kosora amakosa ari muri izi nteruro utange itegeko rituma uyita amakosa.

- a) Ku wa gatanu no ku wa gatandatu duzajya dukorana inama.
- b) Minisiteri y'uburezi yavuguruye ikigo k'igihugu gishinzwe integanyanyigisho.
- c) u Rwanda ni igihugu cyo muri afurika yo hagati.








# **UMUTWE WA 5**

## **IBIDUKIKIJE**

## UMUTWE WA 5: IBIDUKIKIJE

### UMUVUGO: KIREZI NAMBAYE URAMBERA



Ese mvuge iki ko mpimbawe  
Bikantera kuvuga mpimba  
N'iyi nganzo mfiteho impamba  
Kandi indinda kuvuga impuha  
5. Nkakurimbira nshize impumu.

Nge ndagushima kirezi cyange  
Ni wowe nambara ukambara  
Kandi ubwange menya ko wera  
Kuko wampaye gukama ayera  
10. Ntabwo nzigera ngira umwera.

Ibyiza byawe ni kuva kera  
Nyirigisingo akurambagira  
N'umugabekazi bakwizihye  
Abawe bose bakivuga rumwe  
15. Na burya babonaga ko wera!

Imisozi myiza igutamirije  
Irimo imisezero y'intwari  
Zaguharaniye ngo ube Igihugu  
Kizira uwaza akivogera  
20. Avuye hanze azanye amahane,

Ahubwo ijabiro amahoro ahinde  
Ijambo ikambere ritajorwa  
Ku karubanda zivuga urwunge  
Naho ababyeyi bavuzza impundu  
25. Abagabo imyato bayitatamura.

Kirezi nambaye urambera  
Bikantera kukuririmba  
Bikankumbuza n'amateka  
Umwami yima bagasusuruka  
30. Ariko yatanga bagasuharerwa!

Kirezi nambaye urambera  
Iyo mbona hose imisozi yawe  
Twa tununga two n'ibirunga  
Ni byo bihuri abanyamahanga  
35. Kuko bituwe n'ingagi nziza.

Dore imirambi iragiwe inyambo  
N'amashyo y'inkuku aho ku bikumba  
Intama impande ari imikumbi  
No mu mukenke hatekanye  
40. Iwacu inzuzi ari umutuzo.

Kirezi nambaye urambera  
Bya bishanga na za nzuzi  
No mu kirere inyoni uruhuri  
Zikuririmba amazina meza  
45. Abanyamahanga bikabahuruza.

Abagutuye ubu baratuje  
Bakora byose nta muvundo  
Naho uruhongore rurahinda  
Na za mbyeyi ziravumera  
50. Kuko zishaka imitavu yazo.

Kirezi nambaye urambera  
Iyo mbona ibyiza byose utatse  
N'abagutuye batekanye  
Abagusura bisukiranya  
55. Bakanadusigira amadovize.

Ari yo twubakamo imishinga  
Ibikorwa remezo bikaramba  
Kaburimbo zigasagamba  
Ngashima Imana yakuduhaye  
60. Kuko utwizihye Rwanda nziza.

## I. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije ibisobanuro afite mu mwandiko.

- a) Ikirezi
- b) Impuha
- c) Impumu
- d) Umwera (umwêêrâ)
- e) Umwera (umweêra)
- f) Ayera
- g) Igisingo
- h) Guteka ijabiro
- i) Gutatamura imyato

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro dusanga mu ruhushya B.

A	B
a) Kurambagira	Imva y'umwami
b) Umutavu	Inzu y'ibanze umwami araramo
c) Umusezero	Ikoraniro ry'inka zororerwa hamwe zigasangira imfizi
d) Ishyo	Gutembera k'umwami
e) Kambere	Inyana ikivuka itaramenya kurisha

## II. Kumva umwandiko

### **Subiza ibibazo bikurikira**

1. Vuga ibyiza bitatse u Rwanda bivugwa mu mwandiko.
2. Sobanura akamaro k'ubukerarugendo kavugwa mu mwandiko.
3. Ibidukikije bihurira he n'ubukerarugendo ?
4. Imvugo " kirezi nambaye urambera " igaruka kenshi muri uyu mwandiko umuhanzi arashaka kumvikanisha iki? Ereka aho abishimangira cyane.
5. Aho umuhanzi avuga ngo " Nyirigisingo akurambagira " yashakaga kuvuga iki? Sobanura.
6. Wifashishije ingero zitandukanye ziri mu mvugo, erekana ibice bitandukanye umuhanzi yatatsemo ikirezi yambaye.
7. Uyu mwandiko urakwigisha iki mu buzima busanzwe.

## III. Gusesengura umwandiko

### **Subiza ibibazo bikurikira**

1. Wifashishije umwandiko, tahura insanganyamatsiko iwuvugwamo unayihuze n'ubuzima busanzwe bwa buri muni.
2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri uyu mwandiko.
3. Uyu mwandiko uri mu yihe ngeri? Kora isesengura ry'uyu mwandiko wasomye kandi unagaragaze tumwe mu turango tw'imyandiko nk'iyi.

## IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku kamaro k'ibidukikije.

## IKESHAMVUGO

Muri uyu muvugo harimo imvugo zimwe zidasanzwe zagiye zikoreshwa ku mwami kimwe no ku matungo n'inyoni byavuzwe muri uyu muvugo. Ongerera usome umuvugo **"Kirezi nambaye urambera"** maze ushakemo ikeshamvugo. Kora ubushakashatsi na bagenzi bawe, wiyibutse inshoza y'ikeshamvugo, unashakishye izindi mvugo zinoze cyangwa amagambo yabugenewe akoreshwa ku mwami, ku rusaku cyangwa imvugo, ku ntaho, ku rubyaro by'abantu, inyamaswa cyangwa ibintu ndetse n'akoreshwa mu kuvuga amatsinda yabyo.

### 1. Ikeshamvugo rikoreshwa ku mwami

Ntibavuga	Bavuga
Kujya ku ngoma	Kwima
Kurongora k'umwami	Gutarama
Umugore w'umwami	Umwamikazi
Umwana w'umwami	Igikomangoma
Nyina w'umwami	Umugabekazi
Inzu y'umwami	Ingoro
Inzu nkuru umwami araramo	Kambere
Kuryama k'umwami	Kwibambika
Kubyuka k'umwami	Kwibambura
Kurya k'umwami	Kurora
Kujya mu bwihereho	Gutwikira ibirenge
Umwambaro wa cyami batamirizaga	Ikamba, igisingo
Gutembera/kugenda k'umwami	Kurambagira
Gupfa k'umwami	Gutanga
Umurambo w'umwami	Umugogo
Gushyingura umwami	Kumutabariza
Imva y'umwami	Umusezero
Kwicara k'umwami	Guteka
Intebe y'umwami	Inteko
Uburiri	Igisasiro
Aho aramirizwa	Ijabiro
Kumuha ikuzo	Kumuramya
Aho umwami yabonaniraga n'abaturage	Ku karubanda
Gutanga itegeko	Guca iteka
Ingobyi bahekagamo umwami	Ikitabashwa

## 2. Ikeshamvugo ku rusaku/imvugo

Inyamaswa/umuntu/ikintu	Urusaku
Umuntu	Aravuga
Ingoma	Iravuga
Inyoni	Iraririmba/irajwigira
Imbeba	Irajwigira
inuma	Iraguguza
Intare	Iratontoma
Impongo	Irakorora
Inka	Irabira
Inka y'imbyeyi ishaka iyayo	Iravumera
Imfizi	Irivuga
Inkokokazi	Irateteza/irakokoza
Isake	Irabika
Ihene	Irahebeba
Intama	Iratamatama/irahebeba
Umusambi	Irahiga
Igikeri	Kiragonga
Uruvu	Ruravugiriza
Umubu/isazi/uruyuki	Biraduhira
Impyisi	Irahuma
Ingwe	Irahara
Ingurube	Iratontoma /irahuma
Injangwe	Irahirita
Indege	Irahinda
Umuyaga	Urahuha
Imvura	Irahinda
Imbwa	Iramoka
Umugezi	Urasuma
Icyanira	Kiranira
Inyombya	Irayomba

### 3. Ikeshamvugo ku ntaho

Umuntu/inyamaswa	Intaho
Umuntu	Inzu
Inka	Ikiraro
Imitavu	Uruhongore
Impyisi	Isenga
Inyoni	Icyari
Imbeba	Umuheno
Inkoko/inkwavu	Ikibuti
Ingurube	Ikizu
Inyaga	Imyobo
Imbwa	Ikibuti

### 4. Ikeshamvugo ku matsinda/ubwinshi

Umuntu/inyamaswa/ibintu	Itsinda/ubwinshi
Inka nyinshi (zigeze ku munani)	Ishyo
Intama/ihene nyinshi	Umukumbi
Inzuki	Irumbo
Inyoni	Uruhuri
Ingurube nyinshi (zirenze imwe)	Umugana
Imbwa nyinshi	Isibo
Imbwa nyinshi (ziri mu gakungu zisenzanya)	Igobe
Impundu nyinshi	Urwanaga
Amajwi menshi	Urwunge
Amashyi menshi	Urufaya
Abantu benshi	Ikivunge /imbaga
Imodoka nyinshi	Uruvunganzoka
Imibu	Uruhunduguru
Amase	Icukiro
Intozi	Ikiguri

## Ikitonderwa

Hari amagambo amwe n’amwe akoreshwa mu mvugo ikocamye, benshi bakayakoresha bashaka kugaragaza ubwinshi bw’ibintu nyamara ubwinshi bwayo n’ubumwe bivugwa kimwe. Ariko nanone bikaba byaba ngombwa ko ayo magambo akoreshwa mu mvugo yo gupfobya cyangwa se kugaya ibintu ibi n’ibi.

Izi ni zimwe mu ngero z’ayo magambo:

- **Akanama, utunama:** ni utw’ubugambanyi.
- **Amanama:** ni inama zitagira icyo zigeraho.
- **Amago:** ingo zidafashije, zitubakitse.
- **Amakwe:** ubukwe budafashije budafite gahunda.
- **Amamodoka:** imodoka z’uruvunganzoka, zishaje, zidafite umumaro.
- **Amazu:** inzu nyinshi zitubakitse, ntoya bikabije.
- **Amaka:** inka nyinshi zidatanga umusaruro, zigaragaza amahembe masa.

Iyo ushaka kuvuga amazina y’ibyo bintu, mu bumwe cyangwa se mu bwinshi, ukoresha imvugo iteye itya:

- **Inama imwe** ivugwa kimwe n’inama nyinshi.
- **Inzu imwe** ivugwa kimwe n’inzu nyinshi.
- **Imodoka imwe** zivugwa kimwe n’imodoka nyinshi.
- **Ubukwe** buvugwa kimwe n’ubukwe bwinshi.
- **Inka imwe** ivugwa kimwe n’inka nyinshi.
- **Urugo** mu bwinshi, ni “ingo”.

## 5. Ikeshamvugo ku rubyaro

Abantu/inyamaswa	Urubyaro
Abantu	Abana
Imbwa	Ibibwana
Ingwe, intare, inkwavu...	Ibyana
Inka	Inyana, imitavu (ikivuka)
Ingagi	Abana
Inkoko	Imishwi



### **Umwitozo**

Kosora umwandiko ukurikira ukoresheje imvugo yabugenewe kandi ukore isanisha rya ngombwa.

Mutara III RUDAHIGWA yavukiye mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo muri Werurwe 1911. Akaba umuhungu w'umwami Yuhi V MUSINGA na nyina Nyiramavugo Kankazi Radegonde. Umugore we yitwaga Rosaliya Gicanda. Mu gihe cy'ubutegetsu bwe yategetse ko abagaragu bagabana inka nyinshi na ba shebuja. Yagendaga Igihugu cyose aca imanza z'intabera.

Muri icyo gihe u Rwanda ntirwari rutuwe cyane, wasangaga imyobo y'impyisi iri ahantu henshi zirara zivuga, imbwa zivuga kandi inzu z'inka zari nke. Zararaga mu rugo uretse inyana ni zo zabaga mu nzu yazo ngo bazirinde izuba. Rudahigwa yari akunzwe, aho yageraga hose abaturage bamwakizaga amashyi menshi.

Uyu mwami yapfuye tariki 25/7/1959. Umurambo we bawuhambye i Mwima ari na ho imva ye ikiri kugeza ubu.

### **Umukoro**

Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyihangemo umwandiko ntekerezo ugizwe n'amagambo 200.

1. Inzuzi, imigezi n'ibiyaga ni ingirakamaro.
2. Akamaro k'ibidukikije mu iterambere ry'Igihugu.

## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANU

*Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

### **Genda Rwanda uratatse**

U Rwanda rumaze kwigaragaza mu ruhando rw'amahanga nk'Igihugu cy'ubwiza n'uburanga kamere bihebuje. Uretse Pariki ya Nyungwe, iy'Akagera na Pariki y'Ibirunga habonekamo ibyiza nyaburanga byiganjemo inyamaswa zitandukanye, inyoni, ingagi, indabo nziza, ibiti n'ibindi. U Rwanda rutatswe kandi n'imisozi miremire n'ahantu nyaburanga higanjemo ibibaya n'imisozi myiza, inzuzi, imigezi, ibiyaga, amashyamba n'ibindi byiza nyaburanga biteye amabengeza.

Muri Pariki y'Ibirunga ba mukerarugendo bashika baturutse imihanda yose baje kureba ingagi. Muri ako karere bashobora kandi gusura ibiyaga byiza by'impanga bya Burera na Ruhondo bitatse Akarere ka Burera.

Mu burengerazuba bw'u Rwanda, usibye ikirunga cya Karisimbi gihiga ibindi birunga mu burebure, uhasanga ikiyaga cya Kivu kiri mu byiza nyaburanga by'Akarere ka Rubavu, Karongi Rusizi na Nyamasheke. Ishyamba ryiza rya Gishwati n'inzuri ziribonekamo ni bimwe mu bigize ubwiza nyaburanga bw'Akarere ka Nyabihu. Hari kandi amashyamba aboneka mu nkengeri z'ikiyaga cya Kivu mu Karere ka Rubavu. Abahaturiyeye bemeza ko aya mazi avura amavunane, rubagimpande n'izindi ndwara. Muri Pariki ya Nyungwe uretse urusobe rw'ibinyabuzima inyamaswa n'ibimera biteye ubwuzu, ni ho hubatswe ikiraro cyo mu bushorishori gikurura ba mukerarugendo batari bake.

Mu Ntara y'Amajyepfo hakorerwa ubukerarugendo bushingiye ku mateka n'umuco. Tuhasanga inzu ndangamurage y'u Rwanda irimo byinshi bisobanura amateka ndetse n'ubwiza bw'u Rwanda. Hari mu Bisi bya Huye kwa Nyagakecuru. Mu Karere ka Nyanza, hari mu Rukari bakunze kwita ku gicumbi cy'umuco. Uzahasanga ingoro y'umwami ishamaje yubakishijwe ibikoresho bya Kinyarwanda nk'uko yari imeze mu kinyejana cya 19. Tuhasanga kandi inka z'inyarwanda zifite umubyimba munini n'amahembe maremare zizwi ku izina ry'inyambo.

Mu Ntara y'Uburasirazuba hari Pariki y'Akagera. Ni umurambi w'umukenke utarambirana unyuranamo n'ingara z'iminyinya n'ibindi biti by'uburebure buringaniye. Amoko anyuranye y'inyamaswa usangamo atuma ijisho ry'abahasura ridahuga. Mu nyamaswa ziteye amatsiko uzahasanga, harimo twiga munagajosi bita gasumbashyamba, impara n'imparage, intare umwami w'ishyamba, ingwe n'urusamagwe, imbogo rwarikamavubi, imvubu, inzovu n'izindi. Uzahasanga inzoka z'amoko atandukanye zirimo inshira, insana, impiri, imbarabara n'izindi. Usibye ibyo hari umugezi w'Akagera n'ibiyaga nk'Ihema, Rwanyakizinga n'ibindi.

Mu byiza bitatse u Rwanda, Igihugu k'imisozi igihumbi, ntitwakwibagirwa umurwa mukuru warwo ari wo Kigali ururembo rw'u Rwanda. Ni umugi urangwa n'isuku utasanga ahandi muri Afurika kandi uko iminsi igenda yicuma urarushaho

guhinduka, kwaguka no gutera imbere. Imiturirwa miremire ihazamurwa buri muni, imihanda ya kaburimbo yubakwa cyangwa yagurwa, imodoka nto n'iza rutura zitwara abantu cyangwa ibintu zinyuranamo n'amapikipiki amanywa n'ijoro, ni ikimenyetso kigaragaza ko Kigali ikataje mu iterambere.

Ubukerarugendo bufite akamaro kanini mu iterambere ry'igihugu kuko ari kimwe mu byinjiza amadovize menshi. Uko rero abasura ibyiza bitatse u Rwanda biyongera ni ko n'amafaranga yinjira mu isanduka ya Leta aba menshi agakoreshwa muri gahunda zitandukanye z'iterambere zirimo no gutunganya ahantu nyaburanga ngo harusheho kunogera abahasura.

Gusa iyo ukurikiranye neza uko u Rwanda rusurwa usanga umubare munini w'abarugenderera ari ba mukerarugendo bava hanze. Ibi bitwerekako umuco w'ubukerarugendo utaracengera mu Banyarwanda.

U Rwanda rero ni Igihugu gifite uruhurirane rw'ibyiza nyaburanga bigizwe n'ibinyabuzima n'inyamaswa, imisozi n'ibibaya, inzuzi n'imigezi utapfa gusanga mu bindi bihugu, hakaba kandi n'ubwiza bushingiye ku mateka n'umuco ku buryo n'Umunyarwanda yari akwiye gucuma akarengere akareba hirya y'aho atuye kugira ngo mukerarugendo adakomeze kwiharira ibyiza. Abanyarwanda ubwabo bakwiye kugira umuco wo gusura ahantu nyaburanga kugira ngo barusheho kumenya no gucengerwa n'ibyiza bituma u Rwanda rukomeze kuba imparirwakurusha.

## I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni iki gituma ba mukerarugendo baturuka imihanda yose baje gusura ingagi?
2. Vuga ahandi hantu nyaburanga hatatu uzi hatavuzwe mu mwandiko.
3. Uretse ibyiza nyaburanga birimo imisozi n'ibibaya inzuzi n'imigezi, ibirunga, ibimera n'inyamaswa vuga ibindi byiza umuntu yasura.
4. Tanga ingero ebyiri z'ahantu dusanga ibyiza bishingiye ku mateka.
5. Garagaza uruhare rw'ubukerarugendo mu iterambere ry'Igihugu.
6. Vuga nibura ibikorwa bitatu abantu baturiyeye Pariki bagomba kwirinda mu rwego rwo kubungabunga ibyiza nyaburanga.

## II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.

- |                     |                      |
|---------------------|----------------------|
| a) Amabengeza       | d) Guhuga            |
| b) Mu bushorishori  | e) Uruhando          |
| c) Imparirwakurusha | f) Gucuma akarengere |

### III. Ikeshamvugo

#### 1. Uzuza iyi mbonerahamwe ukoresheje amagambo yabugenewe

Ntibavuga	Bavuga
Itsinda ry'inyoni	
Itsinda ry'imbwa (ziri mu gakungu zisenzanya)	
Nyina w'umwami	
Umwana w'umwami	
Inzu y'umwami	
Kujya ku ngoma	
Aho umwami aramirizwa	
Kuvuga kw'inuma	
Kuvuga kw'intare	
Icyana k'imbwa	

2. Kosora umwandiko ukurikira aho ari ngombwa ukoresha imvugo yabugenewe kandi usanisha amagambo uko bikwiye.

#### Ishyamba rya Manyinya na Maganya

Mu ishyamba rya Manyinya na Maganya harimo inyamaswa nyinshi: amatsinda y'imbogo, amatsinda y'ingurube, amatsinda y'imbwa ndetse n'amatsinda y'inyoni nyinshi ziba zisakuza mu mashami y'ibiti. Iruhande rwaryo hari abashumba bahubatse inzu z'inka zabo ndetse n'inzu z'inyana zazo kuko bahaje bahakurikiye aho baragira hatoshye. Umwami yatanze itegeko ryo kudatema iryo shyamba kuko ibiti byaho bikurura imvura. Umwami kandi yakundaga kuhatemberera, we na nyina, abagore be ndetse n'abana be.



# **UMUTWE WA 6**

## **GUKUNDA IGIHUGU**

## UMUTWE WA 6: GUKUNDA IGIHUGU

### UMWANDIKO: UBUFATANYE BWADUTEJE IMBERE



Mu minsi ishize, mbere yo gukorana inama n’abakuru b’imidugudu igize Umurenge wa Bwiza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Bwiza yabanje gusura abaturage b’Akagari ka Rebero, ngo arebe aho bageze bashyira mu bikorwa gahunda za Leta zirimo umuganda n’ubudehe.

Ageze mu Kagari ka Rebero, yasanze abaturage bakataje mu bikorwa byo kwiteza imbere. Ibyo bamaze kugeraho birashamaje. Hamwe yakiriwe n’uruyange rw’ibishyimbo bya mushingiro, ahandi ibirayi by’imishishe bihinze mu mirima migari kubera guhuza ubutaka. Ahandi yahasanze ibikorwa by’amakoperative y’ubworozi bw’inka za kijyambere n’andi matungo ndetse n’ubuhinzi bw’imboga n’imbuto zinyuranye, nk’amashu, karoti, inanasi, amapapayi n’ibindi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yiboneye uburyo ibikorwa by’umuganda bimaze gushinga imizi no kugeza abaturage ba Rebero ku bukungu n’imibereho myiza. Imihanda y’imigenderano yakwiriye mu midugudu yose. Abaturage bagize uruhare rufatika mu guhanga imihanda ibafasha kugenderana no kugeza umusaruro

wabo ku masoko nta komyi. Bacukuye kandi ibirometero by'imiyoboro y'ibitembo bibagezaho amazi meza n'imiringoti yo kurwanya isuri. Yasanze barateye amashyamba kandi bayafata neza. Bubatse kandi ibyumba bihagije by'amashuri y'uburezi bw'ibanze n'ibindi.

Ku byerekeye ubudehe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yasanze iyo gahunda imaze kubageza ku ntambwe ishimishije kuko benshi muri bo yabakuye mu bukene ku buryo bwigaragaza. Nk'uko bizwi, ubudehe ni imwe muri gahunda za Leta y'u Rwanda igamije kurwanya ubukene bishingiye ku ihame ry'ibikorwa umuturage afitemo ijambo. Mu by'ukuri ni gahunda idashingiye ku nkunga yo hanze ahubwo ni abaturage ubwabo barebera hamwe ibibazo bafite maze bakanigira hamwe uburyo bwo kubikemura.

Abaturage bamugaragarije ko iyi gahunda yo gufashanya mu gukemura ibibazo yahozeho no mu mateka y'u Rwanda. Mu muco nyarwanda, na kera na kare, nk'iyi abaturanyi babonaga hari bamwe muri bo bagiye kurara ihinga, bajyaga umugambi, uyu munsu bagahingira naka, ejo bakajya kwa runaka, bagahetura ubuhinge. Bityo ntihagire uba nyakamwe ngo yimarize, igihe kirinde kimurengana agipfunyuza wenyine. Haba n'igihe yabengeraga bakaza kumuhingira ubudehe maze ubuhinge bagatamanzura bityo ntarare ihinga akazereza rimwe n'abandi.

Baganira ku by'ubudehe muri iki gihe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yashimishijwe n'uko abaturage ba Rebero basobanukiwe neza ko ubudehe ari gahunda ya Leta igamije kuzamurira abaturage icyarimwe mu nzego zose z'imibereho ntawusigaye inyuma. Abaturage bahurira hamwe mu nama maze buri wese agahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo ku ngamba zo guteza imbere Umudugudu wabo. Ibi kandi bikorwa mu bwubahane ntawurogoya undi cyangwa ngo hagire uniganwa ijambo.

Iyo bamaze gutahura ibikenewe, babitondeka bakurikije uburemere bwabyo cyangwa se byihutirwa kurusha ibindi, bakabisesengura maze bakabifataho umwanzuro. Iyo bigaragaye ko hari abaturage bakennye kurusha abandi barabemeza bakabaheraho babagenera inkunga ibafasha kwivana mu bukene. Ku bindi bibazo bibugarije muri rusange, na byo babitondeka bahereye ku biremereye cyangwa se byihutirwa kurusha ibindi maze bakagena uburyo bagomba kubikemura. Ibi bituma abaturage bose bashobora kwiteza imbere ntawusigaye inyuma.

Nyuma yo kuganira n'abaturage ba Rebero, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yakoranye inama n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari n'Abakuru b'Imidugudu bigize Umurenge wa Bwiza. Bari bateguye ko inama igomba kubera mu cyumba k'inama cy'Akagari ka Rebero.

Amaze kureba ko umubare wa ngombwa uhari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yifurije ikaze abitabiriye inama maze atangiza inama abagezaho ingingo bari buganireho. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Rebero yayibereye

umwanditsi kugira ngo azakore inyandiko mvugo. Ingingo zose zari ku murongo w'ibigwa zaganiriweho kandi bagenda bafata umwanzuro kuri buri ngingo. Buri wese wasabye ijambo yararihawe. Uwashakaga gutana baramukeburaga bakamugarura mu murongo mu bwubahane. Ntawafataga ijambo atarihawe cyangwa ngo hagire urogoya undi cyangwa se yiharire umwanya w'ijambo.

Ingingo zose bamaze kuzihetura no kuzifataho imyanzuro, umuyobozi w'inama yayishoje yongera gushimira abaturage b'Umurenge wa Bwiza muri rusange n'ab'Akagari ka Rebero by'umwihariko, anashishikariza Abanyamabanga Nshingwabikorwa gukangurira abaturage bayobora gukomeza kwitabira gahunda y'umuganda n'ubudehe.

Yashoje inama agira ati: "Gahunda y'umuganda n'ubudehe zifite uruhare runini mu guteza imbere Umunyarwanda. Ni ngombwa gukomeza kwitabira izo gahunda nta kuzuyaza, nta kwiganda, kujandajanda cyangwa kwirozonga kuko ari twe biftiye akamaro. Uru Rwanda ni urwacu turwubake nta we dusiganya kuko ak'imuhana kaza imvura ihise."

## I. Inyunguramagambo

1. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B

Uruhushya A	Uruhushya B
Gutamanzura	kwimwa umwanya wo kuvuga
Gusamaza	gukora ikintu ujijinganya
Kurogoya	kugaragaza igikorwa
Kuzuyaza	guca mu ijambo
Kuniganwa ijambo	gushimisha
Inkomyi	ururabo rw'amashaza cyangwa rw'ibishyimbo
Kwirozonga	gukorana ubunembwe
Kujandajanda	gukora ibintu utabishaka
Uruyange	inzitizi

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

- Aho nanyuze hose nasanze ibishyimbo ari **ururabo**.
- Ingano zo muri Rebero **ziratoshye** kubera ifumbire.
- Abayobozi bishimiye ko abaturage **bakomeje gutera imbere** mu kwihaza mu biribwa.
- Ibikorwa by'ubudehe n'umuganda bimaze kugerwaho **birashimishije cyane**.



## II. Kumva umwandiko

### **Subiza ibibazo bikurikira.**

1. Tanga ingero zerekana ko Abanyarwanda bamaze gutera imbere mu myumvire.
2. Erekanako akamaro k'umuganda kavugwa mu mwandiko.
3. Sobanura uburyo ibikorwa by'umuganda n'ubudehe bishobora kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije.
4. Hari ibindi bikorwa by'umuganda waba uzi bitavuzwe mu mwandiko?
5. Erekanako indangagaciro enye zigaragara mu mwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

### **Subiza ibibazo bikurikira.**

1. Vuga insanganyamatsiko rusange umwandiko wubakiyeho.
2. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.
3. Gereranya ibikorwa by'ubudehe mu Rwanda rwo hambere n'ubu.
4. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ku bijyanye na gahunda y'umuganda n'ubudehe?

## IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku kamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.

### **Umukoro**

Hanga umuvugho urata umuganda cyangwa ubudehe.

## AMAZINA Y'AMATIRANO

*Soma iki gika cyavuye mu mwandiko "Ubufatanye bwaduteje imbere" witegereza amagambo yanditse atsindagiye maze ukore ubushakashatsi utahure indimi akomokamo, amategeko agenga itira ry'amagambo hanyuma unagaragaze intego zayo.*

Ageze mu Kagari ka Rebero, yasanze abaturage bakataje mu bikorwa byo kwiteza imbere. Ibyo bamaze kugeraho birashamaje. Hamwe yakiriwe n'uruyange rw'ibishyimbo bya mushingiriro, ahandi ibirayi by'imishishe bihinze mu mirima migari kubera guhuza ubutaka. Ahandi yahasanze ibikorwa by'**amakoperative** y'ubworozi bw'inka za kijyambere n'andi matungo ndetse n'ubuhinzi bw'imboga n'imbuto zinyuranye nk'**amashu, karoti, inanasi, amapapayi** n'ibindi.

## 1. Inshoza y'amazina y'amatirano

Amazina y'amatirano ni amazina ururimi rwatiye mu ndimi z'amahanga.

**Ingero:** amashu, ibirometero, amakoperative, karoti.

- Izina “**amashu**” ryatiye ku Gifaransa ku ijambo “**choux**”.
- Izina “**amakoperative**” ryatiye ku Gifaransa ku ijambo “**cooperative**”.
- Izina “**inanasi**” ryatiye ku Gifaransa ku ijambo “**ananas**”.
- Izina “**karoti**” ryatiye ku Gifaransa ku ijambo “**carotte**”.

## 2. Amategeko agenga itira ry'amagambo

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ni ukuvuga ko utira ijambo utari ufite ubusanzwe mu rurimi rwawe. Iyo atari ibyo uba ukoze ikosa ryo kuvanga indimi mu gihe bitari ngombwa, bitewe n'impamvu zinyuranye: ubwirasi, kugaragaza ko wize, kwereka undi ko ururimi azi na we uruzi ...

Ijambo ritiye rigenekerezwa ku miterere y'Ikinyarwanda, rigafata amasaku nk'ay'Ikinyarwanda, ryaba ari izina rikagenerwa inteko, yaba ari inshinga ikagenerwa umuzi. Hari amategeko abiri agenga itira mu rurimi rw'Ikinyarwanda: **Amategeko ajyanye n'inshinga n'amategeko ajyanye n'izina.**

### a) Amategeko ajyanye n'inshinga

Mu gutira inshinga, inshinga zose zatiye zigomba gukurikiza imiterere y'inshinga z'Ikinyarwanda. Ni ukuvuga ko izo nshinga zigomba gufata **indangashinga ku-**kandi zikanagira **umusozo -a** nk'uko inshinga zisanzwe mu Kinyarwanda zibigira.

**Ingero:**

- |              |            |
|--------------|------------|
| – Kusoma     | gusoma     |
| – Téléphoner | guterefona |
| – S'arranger | kwiyanja   |

### b) Amategeko ajyanye n'izina

Iyo amazina y'amatirano yinjiye mu Kinyarwanda, afata intego y'amazina gakondo y'Ikinyarwanda, ni ukuvuga akenshi afata indomo (D), indanganteko (RT), (C). Bityo agafata n'inteko.

## Ingero

Amazina	Inteko	D	RT	C
Ishati	nt. 9	i-	ø-	shati
Umushoferi	nt.1	u-	mu-	shoferi
Ishuri	nt.5	i-	ø-	shuri
Ipantaro	nt.9	i-	ø-	gantaro
Isaha	nt.9	i-	ø-	saha
Umuswari	nt.3	u-	mu-	swari
Ikiringiti	nt.7	i-	ki-	ringiti

## Ikitonderwa

Hari andi mazina y'amatirano yinjira mu Kinyarwanda, ntashobore kugira indomo n'indaganteko ahubwo akagira igicumbi gusa (ø- ø-C). Bene ayo mazina akunze kuba ari mu nteko ya 9 agafata ubwinshi mu nteko ya 10.

## Ingero

Téléphone → terefoni (imwe)/ za terefoni (nyinshi): ø- ø-terefoni

Television→ tereviziyo (imwe) / za tereviziyo (nyinshi): ø- ø-tereviziyo

Radio → radiyo (imwe)/ za radiyo (nyinshi): ø- ø- radiyo...

Bene aya magambo yemera kandi gufata ubwinshi mu nteko ya gatandatu. Iyo yafashe ubwinshi mu nteko ya gatandatu agira indomo n'indaganteko.

Terefoni/amaterefoni:ø- ø-terefoni/ a-ma- terefoni

Tereviziyo/amatereviziyo:ø- ø-tereviziyo/ a-ma-tereviziyo

Radiyo / amaradiyo: ø- ø- radiyo/ a-ma-radiyo...

## Amwe mu magambo Ikinyarwanda cyatiye n'indimi cyatiyemo

Ururimi	Ijambo muri urwo rurimi	Ijambo ry'Ikinyarwanda
Icyongereza	Dereva	umuderevu
	shirt	ishati
	Dollar	amadorari
	Blanket	uburingiti
	Cupboard	akabati
	Socks	amasogisi
Igifaransa	Pneu	ipine
	Voiture	ivatiri
	Camion	ikamyo
	Chômeur	umushomeri
	Papaya	ipapayi
	Chauffeur	Umushoferi
	Ananas	Inanasi
	Traiter	Gutereta
	Cahier	Ikayi
	Choux	Ishu
photo	Ifoto	
Igiswayire	Kijiko	Ikiyiko
	Kitabu	Igitabo
	Kazi	Akazi
	Sahani	Isahani
	Ukuta	Urukuta
	Ndoo	Indobo
	Ndege	Indege

## Umwitoto

Soma umwandiko “Ubuzima bw’ishuri” ukuremo amazina y’amatirano unayasesengure.

### Ubuzima bw’ishuri

Iwacu turi abana babiri. Ni nge na musaza wange nkurikira. Ni we tujanya ku ishuri. Mba nambaye ijipo ya kaki n’ishati y’umweru, inkweto z’umukara n’amasogisi y’umweru, umukufi mu ijosi hamwe n’isaha ku kuboko ndeberaho igihe. Musaza wange we aba yambaye ipantaro ya kaki n’ishati yera, inkweto z’umukara n’amasogisi ayo ari yo yose ashaka dore ko aye aba atagaragara ahishwe n’ipantaro. Mba mpetse ku mugongo igikapu kirimo ibikoresho by’ishuri birimo amakayi, amakaramu, ibitabo, impapuro tubarizwaho, umuswari n’ibindi.

Mu nzira tunyuramo, tugenda tubisikana n’ibinyabiziga byinshi birimo imodoka, amapikipiki n’amagare. Tuba kandi tunyuranamo n’abantu b’uruvunganzoka. Tugenda dusaba rifuti twagira amahirwe tugahura n’umushoferi mwiza akadutwara. Mu gihe mba numva nakwihuta nkagera ku ishuri kare, musaza wange we aba yumva yagenda yirira iraha gusa. Dore ko aba yafashe terefoni mu ntoki, yacometse uturangururamajwi twayo mu matwi.

Iyo tugeze ku ishuri rero, isaha iragera tukinjira tugatega umwarimu amatwi akatwigisha. Twiga amasomo menshi arimo ay’indimi, amasiyansi n’ay’ubumenyamuntu. Mu iyobokamana dufite umupadiri utwigisha dukunda cyane. Aduterera ibiparu byinshi bisekeje tukanyurwa n’isomo.

## INAMA

*Ongera usome witonze iki gika cy’umwandiko “Ubufatanye bwaduteje imbere”, utekereze ku gikorwa cy’Umunyamabanga Nshingwabikorwa kivugwamo maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y’inama, uburyo inama itegurwa n’uko iyoborwa.*

Bari bateguye ko inama igomba kubera mu cyumba k’inama cy’Akagari ka Rebero. Amaze kureba ko umubare wa ngombwa uhari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yifurije ikaze abitabiriye inama maze atangiza inama abagezaho ingingo bari buganireho. Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Rebero yayibereye umwanditsi kugira ngo azakore inyandiko mvugo. Ingingo zose zari ku murongo w’ibyigwa zaganiriweho kandi bagenda bafata umwanzuro bumvikanyeho. Buri wese wasabaga ijambo yararihabwaga agatanga igitekerezo ke. Ndetse n’uwashakaga gutana baramukeburaga bakamugarura mu murongo mu bwubahane.

Ntawafataga ijambo atarihawe cyangwa ngo hagire urogoya undi cyangwa se yiharire umwanya w’ijambo.

## 1. Inama ni iki?

Inama ni ikoraniro ry'abantu bateraniye hamwe bafite ingingo bigaho kandi bagomba gufataho ibyemezo. Hashobora kuba inama isanzwe yategurwa byimbitse kandi ikanatumizwa mu gihe runaka giteganywa n'amateguko cyangwa se inama idasanzwe iba itateguwe bihambaye ikanatumizwa mu gihe kigufi.

Haba inama isanzwe n'inama idasanzwe. Inama isanzwe igira ingingo nyinshi ku murongo w'ibygwa kandi ziba zigomba kwigwa zose. Ishobora kongerwamo izindi ngingo abaje mu nama babona ko zihutirwa. Itumizwa iminsi myinshi mbere y'uko iba. Inama idasanzwe itumizwa mu gihe gito. Yiga ikibazo kihutirwa kandi gitunguranye gusa nta yindi ngingo ishobora kongerwamo. Iyo nama iba ngufi kandi igira umuyobozi n'umwanditsi.

## 2. Uburyo bwo gutegura inama

### a) Gutumiza inama

Gutumiza inama no kohereza gahunda bikorwa mbere y'igihe. Ni byiza ko hagati yo gutumirwa mu nama n'inama ubwayo, habonekamo igihe ngo abantu babashe kuyitegura. Bashobora kwibutsa ingingo yibagiranye babona ko ari ngombwa ko zigirwamo.

Inama ishobora gutumizwa mu nyandiko hakoreshejwe ibaruwa y'ubutumire. Hagaragaramo uwayitumije, abatumiwe ndetse n'ibiri ku murongo w'ibygwa. Inama kandi ishobora gutumizwa mu itangazo rinyuze kuri radiyo, televiziyo cyangwa se kuri murandasi.

### b) Gutegura ibikoresho n'aho inama izabera

Umuyobozi w'inama ategura ibikoresho n'aho inama izabera. Iby'ingenzi ni ibi :

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe n'ameza, isuku).
- Gutegura icyumba k'inama ukurikije aho abazaza mu nama bazicara n'uko bazicara mu nama: nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga, aho abayobozi bicara.
- Guteganya ibikoresho byifashishwa: ikibaho, amakaye, amakaramu, n'ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira, indangururamajwi, kwitabaza ikoranabuhanga n'ibindi.

### c) Gutegura inama nyirizina

Nyuma yo gutekereza no gutegura ibikoresho bikenewe, umuyobozi w'inama ategura inama nyirizina. Umuyobozi w'inama ategura ibizigirwa mu nama agahera ku ngingo z'ingenzi akazitondekanya ahereye ku zifite agaciro kurusha izindi, kuko iyo igihe kibaye gito, iby'ingenzi biba byarangiyeye.

### 3. Uburyo bwo kuyobora inama

Uwatumije inama ni we muyobozi wayo kandi ni we uyitangiza akanayiyobora cyangwa bigakorwa n'umuhagarariye. Inama kandi igira umwanditsi ugomba kwandika inyandiko mvugo.

Inama igira ibice by'ingenzi bigenda bikurikirana, kandi uyiyo boye akaba agomba gukurikirana neza ngo hatagira igisimbukwa, cyanecyane ko ari we ugomba kurangiza kimwe agatangiza ikindi.

Ibice by'inama bikurikirana ku buryo bukurikira:

#### a) Intangiriro

Intangiriro igizwe n'ibice bikurikira:

- Gusuhuza no gutanga ikaze.
- Kuvuga igihe inama iza kumara (si ngombwa cyane).
- Kurebera hamwe ko umubare w'abitabiriye uhagije ukaba wafata ibyemezo bikemerwa.
- Kuvuga impamvu z'abataje.
- Kuganira ku murongo w'ibygwa no kubyemeranywaho.

#### b) Igihimba

Igihimba kigizwe no gutangiza inama nyirizina. Mu gutangira inama, hagakurikizwa gahunda iteye itya:

- Gusuzuma inyandiko mvugo iheruka, kuyikorera ubugororangingo no kuyemeza.
- Kureba niba ibyemeranyijweho byarashyizwe mu bikorwa.
- Kwiga ingingo ku yindi nk'uko byateganijwe kandi umuyobozi w'inama akita kuri ibi bikurikira:
- Gutanga ijambo ku barisabye.
- Kugarura abashaka gutana no gutandukira.
- Kubahiriza igihe k'ijambo.
- Kwirinda kuba umunyagitugu.
- Kumva ibitekerezo, kurangwa n'ikinyabupfura n'ubworoherane kuri buri wese.

#### c. Umusozo

Umusozo ugizwe n'izi ngingo ebyiri z'ingenzi:

- Gutanga inshamake y'ibizwe.
- Gushimira abaje mu nama, gutanga amatangazo niba ahari no kubasezerera.

### **Umwitoto ku buryo bwo kuyobora inama.**

1. Inama iba igamije iki?
2. Inama itumizwa ite?
3. Kuki ari ngombwa kubanza kureba umubare w'abaje mu nama?

### **Umukoro**

Kurikirana inama y'umuyobozi w'ishuri n'abanyeshuri maze ujore uburyo yayobowe.



## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANDATU

**Soma uyu mwandiko nurangiza usubize ibibazo byawubajijweho.**

### **Umwandiko: Abishyize hamwe**

Abaturage bo mu Mudugudu wa Tuzamurane bamaze gukora umuganda wo mu mpera z'ukwezi bakoze inama.

#### **Umukuru w'Umudugudu:**

Baturage b'Umudugudu wa Tuzamurane muraho? Mbanje kubashimira ubwitabire mwagaragaje mu gikorwa ngarukakwezi cy'umuganda wo kwiyubakira Igihugu cyacu. Nk'uko bisanzwe, nyuma y'umuganda dukora inama tukiga ku bintu binyuranye cyanecyane ibigamije kuduteza imbere. N'uyu munsu turungurana ibitekerezo ku cyo twakoresha inkunga y'ubudehe twahawe na Leta yacu. Muratanga ibitekerezo hanyuma umwanzuro urafatwa nyuma. Niba hari n'abandi bafite ibindi bitekerezo byubaka turaza kubaha ijambo. Tudatinze rero ijambo ni iryanyu.

#### **Mukarwego:**

Murakoze kumpa ijambo. Nitwa Mukarwego. Ngewe mbona inkunga baduhaye tuzayikoresha tuzana amazi mu Mudugudu wacu kuko tuvoma kure kandi namwe mwese muzi ukuntu bituvuna kujya mu kabande kuvomayo.

#### **Minani:**

Murakoze. Nitwa Minani. Ngewe nifuzaga ko iyo nkunga twayikoresha mu kubakira abatishoboye no kuremera abakene dufite mu Mudugudu. Muzi ko dufite abantu bakeneye gufashwa byihutirwa.

#### **Muhire:**

Murakoze. Nitwa Muhire. Ntirengagije ibyavuzwe mbere na bagenzi bange, nakongeraho ko muri uyu Mudugudu dufite ikibazo cy'abana bata ishuri kubera ubukene. Nk'iyi nkunga rero ikwiye kudufasha gusubiza abo bana mu ishuri.

#### **Umukuru w'umudugudu:**

Abari gutanga ibitekerezo bose turabashima cyane. Ibitekerezo byabo ni byiza ariko tugomba guhitamo ikibazo kibabaje kurusha ibindi kuko amafaranga baduhaye atakemura ibyo bibazo byose icyarimwe.

#### **Uwamahoro:**

Murakoze kumpa ijambo. Nitwa Uwamahoro. Ngewe ndumva twahitamo duherewe ku byo dukeneye kurusha ibindi. Muzi mwese ikibazo cy'amazi muri uyu Mudugudu. Muribuka inkomati ijya ibera mu kabande hariya iyo amazi yabuze. Mu mpeshyi ishize, muribuka uko wa mukobwa wo kwa Karenzi ufite ubumuga bwo kutavuga yahutajwe mu mubyigano avoma. None se murumva tudakeneye amazi kurusha ibindi?

**Shikama:** Murakoze. Nge nitwa Shikama. Mu by'ukuri ibyo bavuze byose biratubabaje ariko hari ikindi kibabaje batavuze. Muzi ko dukeneye amatara yo ku muhanda kugira ngo tuge tunyura ahabona. Inzira zijya mu Mudugudu wacu ntizimeze neza. Ubwo rero dukeneye urumuri kuruta ibindi. Hatazagira n'urinda guhohoterwa akaba yahaburira ubuzima.

**Abaturage bose:** Oya turabyanze. Dukeneye amazi, dukeneye amazi!

**Umukuru w'Umudugudu:** Mutuze twumvikane. Ibyo muvuze birerekana rwose icyo mukeneye kurusha ibindi. Ariko ndabona ushinzwe ubuzima azamuye ukuboko nk'ufite icyo ashaka kuvuga.

**Ushinzwe ubuzima:** Umudugudu wacu ufite ibibazo ariko byose ntibyakemukira rimwe bitewe n'amikoro y'Igihugu cyacu na yo aba atabonekeye rimwe. Nk'uko benshi babyifuje, ntawutazi ko amazi ari ubuzima. Nitugira ubuzima bwiza tuzashobora kwiteza imbere. Dukwiye guhitamo amazi, ibindi na byo bizagenda bikemuka buhorobuhoro. Murakoze.

**Abaturage bose:** Yego rwose munyabuzima wacu!

**Umukuru w'Umudugudu:** Murakoze baturage b'Umudugudu wa Tuzamurane. Muhisemo neza kuko amazi ari isoko y'ubuzima. Tugiye kuyazana ariko murasabwa kuyabungabunga. Muzibuke kandi kujya muyanywa atetse. Nongeye kubashimira ubwitabire mwagaragaje muri iki gikorwa cy'umuganda wo kwiyubakira Igihugu. Ndabasaba kandi kuzarushaho kwitabira ubutaha, cyane ko kuri uwo munsu tuzataha aya mazi tugiye kuzana mu Mudugudu wacu. Ndabona bukeye ibindi bibazo cyanecyane nka kiriya cy'abana bata ishuri tuzabikemurira mu mugoroba w'ababyeyi ku wa Gatatu. Murakoze mugire umunsi mwiza.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Inama yakozwe mu Mudugudu wa Tuzamurane yakozwe nyuma y'ikihe gikorwa?
2. Gahunda y'inama y'uwo munsu yari iyihe?
3. Ni ibihe bitekerezo bitandukanye byatanzwe mu nama ku gikorwa gikenewe mu Mudugudu?
4. Ni ikihe gikorwa kemejwe mu nama?
5. Ni akahe kamaro k'inama zikorwa nyuma y'umuganda?
6. Vuga akamaro k'umuganda ku baturage no ku gihugu?
7. Umuganda ufite akamaro kanini mu kubungabunga ibidukikije. Sobanura wifashishije ingero.

## II. Inyunguramagambo

### Koresha amagambo akurikira mu nteruro ukurikije inyito afite mu mwandiko

1. Ubudehe
2. Umuganda
3. Kuremera abakene
4. Inkomati
5. Inkunga
6. Ubwitabire

## III. Ikibonezamvugo

### Garagaza uturemajambo tw'amazina y'amatirano akurikira

- |               |                  |
|---------------|------------------|
| 1. Indobo     | 7. Imodoka       |
| 2. Indege     | 8. Ikaramu       |
| 3. Ishu       | 9. Isima         |
| 4. Imashini   | 10. Idorari      |
| 5. Akabati    | 11. Isakaramentu |
| 6. Guterefona | 12. Guceza       |

## IV. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. Umuyobozi w'ishuri arateganya gukoresha inama y'abarimu. Erekana iby'ingenzi yakwitaho kugira ngo iyo nama igende neza.
2. Vuga nibura ibintu bitatu wakubahiriza mu kuyobora inama.





# **UMUTWE WA 7**

## **ITERAMBERE**

## UMUTWE WA 7: ITERAMBERE

### UMWANDIKO: YAHABONEYE ISOMO



Kamana na Gasana bari batuye mu Mudugudu umwe. Imiryango yabo yari ifite imikorere inyuranye, bityo n'iterambere rya buri muryango ryari ritandukanye bitewe n'imikorere yabo. Umuryango wa Kamana wari wariteje imbere; warangwaga no gukunda umurimo, ugakoresha neza ibyo utunze kandi ukamenya kuzigama. Naho umuryango wa Gasana wo warangwaga n'ubunembwe no gusesagura.

Umunsi umwe, mu gihe cy'Urugaryi, Gasana n'abana be barihoreye bizera iminsi myiza: imyaka yari yeze nta kibazo k'inzara kirangwa mu muryango wabo. Abo kwa Gasana babyukaga barya, barangiza bakoga nuko bagatangira kuzerera hirya no hino baririmbira abahisi n'abagenzi mu gihe kwa Kamana bo babaga bashishikariye umurimo. Abana ba Gasana nta kintu na kimwe bari bazi gukora, uretse kuririmba no kubyina. Umuryango wa Kamana wo, ntiwasibaga gukorana umurava no gutoza abana umurimo. Buri mwana yari ifite icyo ashinzwe kurangiza. Nta mwanya wo gupfusha ubusa bagiraga. Kamana n'umugore we bazindukaga bitabira umurimo.

Abana bo kwa Kamana iyo bavaga ku ishuri bakoraga imirimo inyuranye yo mu rugo barangiza bagasubiramo amasomo yabo. Haba mu gihe kiza, haba mu gihe kibi, abo kwa Kamana ntibaruhukaga gukora. Iyo umusaruro wabaga mwinshi, barahunikaga, bateganyiriza iminsi mibi. Ntibinubiraga akazi, bahoraga bakora cyane bakiyuha akuya. Iyo bwagorobaga, bariyuhagiraga, bakarya nuko bakaruhuka. Bwacya abana bakajya kwiga; ababyeyi bakarimbanya imirimo yabo.

Umunsi umwe umuryango wo kwa Gasana kubera gusesagura uza guhura n’iminsi mibi y’inzara. Ibyo bejeje byari byashize, kubera ko igihe kinini bakimaraga bidamarariye birata indirimbo n’imbyino sinakubwira. Inzara ibamereye nabi, Gasana arahaguruka, araboneza no ku muturanyi we Kamana ngo ba! Agezeyo, asanga bari kuvana imyaka mu kigega. Aravunyisha nuko bamuha ikaze. Ntiwareba uko yasaga, yari ananutse kubera inzara. Kamana amuha umwanya wo kuvuga ikimugenza! Nuko Gasana araterura ati: “Muvandimwe wange kandi nshuti, nje hano ngo umfashe, umpe ku byo kurya wahunitse, ndebe ko iminsi mibi y’inzara yarangira. Abana bange inzara irabugarije, bamereye nabi cyane. Rwose ntumpakanire, ni wowe nagira.”

Kamana ariyumvira yibuka ukuntu yahuraga n’abo kwa Gasana bazerera gusa badakora mu gihe abe babaga biyushye akuya bakorera urugo rwabo, yibuka kandi ukuntu kwa Gasana basesaguraga ibyo bejeje badashobora kuzigamira iminsi mibi. Kamana amureba asa n’umurenza ingohe aricecekera amwima amatwi. Gasana arongerera avuga mu ijwi riranguruye.

- Muvandimwe, gerageza kunyumva, umfashe.
- Ko nzi ko mwari mwarejeje byabagendekeye bite?
- Twarabigurishije ibindi turabirya turabimara.
- Ntimwibuka ko habaho iminsi mibi ngo mwizigamire!
- Ngirira impuhwe umfungurire umpe n’imbuto, isomo nararibonye.

Gasana arakomeza aramwinginga nuko amusezeranya ko mu minsi mike azaba yejeje ko atazongera gusesagura kandi ko azamwishyura ibyo amugurije. Kamana agera aho agira impuhwe aca inkoni izamba amuha ibyo guteka. Amugira n’inama yo kuza mu rugo akamuha akazi we n’abe. Ageze mu rugo, abwira abana be ko Kamana yamugiriye impuhwe akamuha ibiribwa akanamwemerera kubaha akazi kugira ngo babone ibyo bazajya barya. Abo kwa Gasana batangira ubwo guca inshuro. Buri munsi Kamana akabaha ibyo guteka bakoreye. Ibyo birabasindagiza kugeza iminsi mibi irangiye.

Mu gihe babaga bari mu kazi kwa Kamana, yabaganirizaga abagira inama yo gukorana umurava no kurwanya ubunebwe, akanabatoza umuco wo kuzigama. Abana ba Gasana babona isomo ryiza, biga gukora imirimo yo mu rugo ihwanye n’ubushobozi bwabo.

Umunsi umwe Kamana aganiriza umuhungu wa Gasana witwaga Kamari amubaza impamvu yacikije amashuri kandi akiri muto. Kamari amusubiza ko iwabo babuze ubushobozi bwo kumurihira amafaranga y'ishuri. Kamana amubwira amateka y'umwana wari imfubyi akaza guhabwa inkoko imwe na nyirarume akayorora akajya agurisha amagi yayo udufaranga akuyemo akatuzigama twagwira akaguramo izindi nkoko akarushaho kubona umusaruro w'amagi utubutse. Amusobanurira ko byatinze uwo mwana akagura inka mu mafaranga yakuraga mu magi.

Amafaranga yavaga mu mukamo w'inka ni yo yagiye azigama buhorobuhoro akabasha kwirihira amashuri yisumbuye ndetse na kaminuza. Kamana yasobanuriye Kamari ukuntu uwo mwana yiteje imbere abikesha umuco mwiza yagiraga wo kumenya kuzigama. Akimara kumva iyo nkuru, amusaba ko amafaranga yari kuzamuhemba yayamuguriramo urukwavu akagenda akarworora, kugira ngo na we azage yizigamira atangiye kugurisha inkwavu ze.

Kamana yigishije Gasana n'umuryango we gukunda umurimo no kwizigamira maze nyuma yaho barakora beza imyaka, barahunika, urugo rwabo rukira inzara rutyo. Kamari na we, yoroye inkwavu atangira kuzigama amafaranga akuyemo, nyuma y'umwaka asubira mu ishuri afatanya n'ababyeyi be kwishyura amafaranga y'ishuri. Ubu umuryango wa Gasana witeje imbere umeze neza kubera isomo uwo muryango wakuye kwa Kamana.

## I. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.

- a) Urugaryi
- b) Kwiyuha akuya
- c) Kugarizwa (n'inzara)
- d) Kuboneza

2. Shaka amagambo yakoreshejwe mu mwandiko avuga kimwe n'amagambo atsendagiye muri izi nteruro.

- a) Agezeyo, **arakomanga** nuko bamuha ikaze.
- b) Bwacya **bagakomeza** imirimo yabo.

3. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B.

A	B
a) Guca inshuro	Kwerekeza ahantu runaka.
b) Kudamarara	Guhingira ibiribwa.
c) Kuboneza	Gutuzza ntihagire ikindi kintu ukorera urugo rwawe.



## I. Kumva umwandiko

### Subiza ibibazo bikurikira.

- Muri uyu mwandiko baratubwiramo imiryango ibiri. Tandukanya imibereho yayo.
- Iterambere ryo mu muryango wa Kamana rikomoka ku ki?
- Ni iyihe ndangagaciro dusanga muri uyu mwandiko iranga Abanyarwanda?
- Ni ikihe gihe cy'umwaka w'ihinga kivugwa mu mwandiko? Garagaza nibura ibindi bihe bibiri by'umwaka w'ihinga bitavuzwe mu mwandiko.
- Sobanura ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko.
- Iyi nkuru irangira ite?
- Uyu mwandiko ukwigishije iki?

## II. Gusesengura umwandiko

### Subiza ibibazo bikurikira.

- Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
- Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
- Gereranya imyitwarire y'abanyarubuga n'ubuzima busanzwe bw'aho utuye.

## INKURU NGUFI

**Ongera usome umwandiko "Yahaboneye isomo" witegereza imiterere yawo maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'ubwoko bwawo n'uturango twawo.**

### 1. Inshoza y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzungu ukagera ku ndunduro; ariko mu buryo bworoheje butarimo isesengurabitekerezo ryimbitse, ridacukumbura insanganyamatsiko nyinshi. Umubarankuru yivugira inkuru z'ibyoyabayemo cyangwa yiboneye ubwe akabirondorera abandi. Bishobora kuba ari ukuri cyangwa ibihimbano.

### 2. Uturango tw'inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa n'ibarankuru, abakinankuru, akabuga nkuru, uburebure bwayo, imvugo y'ibiganiro n'imyubakire yayo.

#### a) Ibarankuru

Ibarankuru ni imitunganyirize y'umwibariro mu mbaro yawo. Ni uburyo bwo kugeza ku bandi ibyabaye cyangwa ibyo utekereza. Hari uburyo bubiri bw'ingenzi bwo kubara inkuru: ibarankuru ribwira n'ibarankuru ryerekana.

– **Ibarankuru ribwira**

Mu ibarankuru ribwira, umubarankuru aba agaragara mu nkuru. Uyisoma akamenya ko ifite uyibara, ushobora kuba umwe cyangwa benshi. Ibarankuru ribwira ryibanda ku gukoresha inshamake ku buryo ibyamaze igihe kirerkire bivugwa mu magambo make.

– **Ibarankuru ryerekana**

Mu ibarankuru ryerekana, inkuru irigaragaza ubwayo ku buryo butaziguye, igasa nk’aho yibara ubwayo nta mubarankuru ubyivanzemo. Hakunze gukoreshwa iganira cyangwa udukino dufasha umusomyi kwihera amaso, akamera nk’ureba ibiba mu nkuru nk’ureba ikinamico cyangwa firimi.

Mu kubara inkuru hakoreshwa indagihe mbarankuru igihe ubara inkuru avuga ibikorwa byagiye bikurikirana.

**b) Abanyarubuga (Abakinankuru)**

Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite umukinankuru mukuru umwe. Umukinankuru mukuru ni we uba ari ipfundo ry’inkuru. Ni we ikigamijwe cyangwa intego y’inkuru iba ishingiyeho. Uyu ni we insanganyamatsiko rusange ivugwa mu nkuru iba ishingiyeho. Mu nkuru ngufi kandi habamo abakinankuru bungirije n’abakinankuru ntagombwa.

**c) Akabuga nkuru (Akarere)**

Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ahantu ibera mu gihe runaka. Irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabuga nkuru (akarere). Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. Ni ukuvuga ko mu nkuru ngufi umuhanzi ashobora gukoresha akabuga nkuru k’ahantu habayeho cyangwa akabuga nkuru mpimbano.

**d) Uburebure**

Inkuru ngufi irangwa no kuba ari ngufi, ntikunze kurenza impapuro makumyabiri. Mu nkuru ngufi havugwamo abakinankuru bake barimo umukinankuru mukuru umwe.

**e) Imvugo y’ibiganiro (imvugano)**

Inkuru ngufi irangwa nanone n’imvugo y’ibiganiro (imivugano) aho usanga hakoreshwa cyane ibinyazina ngenga bigaragaza uvuga n’ubwirwa (ngenga ya mbere n’iya kabiri mu bumwe cyangwa mu bwinshi) amagambo agaragaza igihe n’ahantu : hano, none, ejo, mu minsi ibiri iri imbere, mu mwaka utaha... amagambo agaragaza ibitekerezo by’uvuga n’uruhande abogamiyemo, n’ibindi. Ubwo buryo bwo kuvuga cyangwa imyandiko ikozwe muri ubwo buryo, bugaragazwa mbere na mbere n’ibihe inshinga zitondaguwemo : indagihe, impitagihe, n’inzagihe.

## f) Imyubakire y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi iba yubakiwe ku nkuru imwe rukumbi. Umugendo w'inkuru ngufi uba ugiye umujyho umwe. Ubara inkuru ayikurikiranya nk'uko yagenze mu bikorwa ntagenda asobekeranya ibikorwa

### Umukoro

- a) Tira igitabo k'inkuru ngufi mu nzu y'isomero, uzagisome ubwire bagenzi bawe ibikubiyemo n'imiterere y'iyi nkuru ngufi wasomye.
- b) Hanga inkuru ngufi nibura ku mapaji abiri ku nsanganyamatsiko wihiyemo hagaragaremo uturango tw'inkuru ngufi.

## INYANDIKO MVUGO

***Soma iki gika maze utekereze ku magambo yanditse atsindagiye ukore ubushakashatsi na bagenzi bawe mutahure inshoza y'inyandiko mvugo, imbata yayo n'uko bayikora.***

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Rebero yayibereye **umwanditsi kugira ngo azakore inyandiko mvugo**. Ingingo zose zari ku murongo w'ibygwa zaganiriweho kandi bagenda bafata umwanzuro bumvikanyeho. Buri wese wasabaga ijamba yararihabwaga agatanga igitekerezo ke. Ndetse n'uwashakaga gutana baramukeburaga bakamugarura mu murongo mu bwubahane.

### 1. Inshoza y'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare. Iyo urebye abo inyandiko mvugo igenewe, usanga hari uburyo bubiri ikorwamo :

- a) Inyandiko mvugo ishobora kuba igenewe umuntu wari uhari igihe ibikorwaho inyandiko mvugo byabaga, kugira ngo atibagirwa ibyabaye abone uko abyigaho neza cyangwa ashire mu bikorwa ibyumvikanweho.
- b) Inyandiko mvugo igenewe umuntu utari uhari kugira ngo amenye ibyavugiwe cyangwa ibyakorewe aho atari ari.

### 2. Ibice bigize inyandiko mvugo

Kimwe n'indi myandiko, inyandiko mvugo y'inama igira ibice by'ingenzi bine: Umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

#### a) Umutwe

Mu mutwe w'inyandiko mvugo hagaragaramo inama nyirizina, igihe yabereye n'aho yabereye.

## **b) Intangiriro**

Mu ntangiriro y'inyandiko mvugo hagaragaramo uko inama yatangiye, abitabiriye inama, ibiri ku murongo w'ibygwa.

## **c) Igihimba**

Mu gihimba muri rusange hagaragaramo uko inama yagenze n'imyanzuro yafashwe kuri buri ngingo.

## **d) Umusozo**

Mu musozo havugwamo uko inama yarangiye.

## **3. Uko bakora inyandiko mvugo**

Ukora inyandiko mvugo yita kuri ibi bikurikira, agakora ku buryo bitabura mu nyandiko mvugo.

### **a) Umutwe**

Mu mutwe w'inyandiko mvugo hagaragaramo inama nyirizina, aho yabereye n'igihe yabereye.

### **b) Abari mu nama**

Muri iki gice inyandiko mvugo igaragazamo urutonde rw'abitabiriye inama bose. Iyo atari benshi cyane bagaragazwa mu ntangiriro y'inyandiko mvugo. Ariko iyo abitabiriye inama ari benshi cyane bashyirwa ku mugereka w'inyandiko mvugo.

### **c) Ibyari ku murongo w'ibygwa**

Muri iki gice ukora inyandiko mvugo arondora ibyo inama yagombaga kwitaho byose nk'uko biba byavuzwe n'umuyobozi w'inama ndetse n'ibindi byifujwe n'abari mu nama ko byajya mu tuntu n'utundi, n'ibitari byateganijwe ku murongo w'inama.

### **d) Uko inama yagenze**

Muri iki gice ukora inyandiko mvugo yandika muri make icyo bumvikanye kuri buri ngingo. Ntiyandika buri muntu ibyo yavuze ahubwo yandika gusa umwanzuro wafashwe kuri buri ngingo yari ku murongo w'ibygwa kandi bikandikwa ku buryo bwumvikana neza.

## **Ikitonderwa**

Hari kandi ibindi byitabwaho bikurikira:

- Ku ngingo yose yizwe ukora inyandiko mvugo abishyira mu nshamake, impaka zagiwe ndetse n'umwanzuro wa buri ngingo yizwe.
- Ibikorwa byemejwe mu nama, abazabishyira mu bikorwa intego zigamijwe n'itariki ntarengwa yo kuba byashyizwe mu bikorwa iyo bihari.

- Imyanzuro rusange y’inama kuri buri ngingo.
- Umusozo muri rusange.
- Izina ry’umwanditsi w’inyandiko mvugo.
- Izina ry’uwari uyoboye inama: agomba kuyishyiraho umukono kugira ngo yemezwe nk’inyandiko yemewe iyo atari yayisinye nta bwo iba yakwitwaga inyangandiko mvugo.

#### **4 Urugero rw’inyandiko mvugo y’inama**

***Inyangandiko mvugo y’inama y’abarezi bo ku kigo cy’amashuri cya Rwezamenyo yo ku wa 3 Mutarama 2019.***

##### **a) Abitabiriye inama**

GASANA Pierre (umuyobozi w’ishuri)

KAMANA Augustin (umuyobozi ushinze amasomo)

MUPENZI Chantal (umwanditsi w’inama)

Abarimu

##### **b) Ibyari ku murongo w’ibyigwa**

- Itangira ry’igihembwe cya mbere
- Uko abarimu bashyizwe mu myanya bazigishamo
- Utuntu n’utundi

##### **c) Uko inama yagenze**

Inama yatangiye saa yine n’igice iyobowe n’Umuyobozi w’Urwunge rw’Amashuri rwa Rwezamenyo, GASANA Pierre watangiye aha ikaze abitabiriye inama anaboneraho no kubereka abarimu bashya boherejwe n’Akarere kwigisha muri icyo kigo. Uyoboye inama yaboneyeho gusaba abarimu kongera kwibwirana, buri wese n’ibyo yigisha. Nyuma y’aho umuyobozi w’inama abaza impamvu z’abandi batarahagera. Nyuma y’ibyo, uyoboye inama yabajije abari mu nama niba hari ibyo bifuzaga kongera ku murongo w’ibyigwa maze hemezwa gahunda y’inama nk’uko yari yateguwe.

##### **Ingingo ya 1: Itangira ry’igihembwe cya mbere**

Ku bijyanye n’iyi ngingo abari mu nama bamenyeshejwe ko igihembwe cya mbere kizatangiye ku wa 10 Mutarama 2019. Uyoboye inama yaboneyeho kwibutsa abarimu ko nta mwarimu uzitwaza impamvu iyo ari yo yose ngo akorerwe. Bumvikanye ko abarimu bose bagomba kugera ku ishuri umunsi umwe mbere y’itangira ry’amashuri kugira ngo bategure amasomo yabo bityo ku munsi wa mbere w’ishuri bazahite batangira kwigisha.

## **Ingingo ya 2: Uko abarimu bashyizwe mu myanya bazigishamo**

Ku bijyanye n'iyi ngingo Umuyobozi w'ishuri yabwiye abari mu nama ko Akarere kifuje guhindura abarimu banyuranye kubera inyungu z'akazi. Yabasobanuriye ko ari muri urwo rwego ikigo cyabo cyoherejwe abarimu bashya batanu. Yamenyesheje kandi abari mu nama ko hari abarimu babiri bo ku kigo cya Rwezamenyo bazimurirwa ku bindi bigo bakazagenda bamaze kubona amabaruwa avuye ku Karere. Umuyobozi w'inama yashoje iyi ngingo asaba abo bireba kwihanganira izo mpinduka kuko zakozwe kubera inyungu z'akazi.

## **Ingingo ya 3: Utuntu n'utundi**

Mu tuntu n'utundi abari mu nama bifuje ko bazashinga agasanduku k'ingoboka kazajya kabafasha gusura uwagize ibyago cyangwa se uwagize ibyishimo. Bemeranyije ko mu nama itaha, bashyiraho komite izabigira amategeko azagenga ako gasanduku k'ingoboka.

Inama yashojwe saa sita na cumi n'itanu, umuyobozi wayo ashimira abarimu bayitabiriye, nyuma yabyo, abari mu nama bakora ubusabane.

**Umwanditsi w'inama**  
**MUPENZI Chantal**

**Umuyobozi w'inama**  
**GASANA Pierre**

### **Umwitozo**

- a) Vuga ibice by'ingenzi bikubiye mu nyandiko mvugo y'inama.
- b) Ku bwawe wumva inyandiko mvugo y'inama ifite akahe kamaro?

### **Umukoro**

Wubahiriza amabwiriza agenga imyandikire y'inyandiko mvugo twabonye andika inyandiko mvugo y'inama y'abanyeshuri n'umuyobozi w'ishuri wigaho.

## RAPORO

***Soma umwandiko ukurikira witegereza imiterere yawo maze utahure ubwoko bwawo, inshoza yawo, imbata yawo n’uko ukorwa.***

GASANGWA Jean

Ntora, ku wa 12 Ugushyingo 2017

Umurenge wa Ntora

Akarere ka Ngenda

Agasaduku k’iposita 50 Gitaka

### **Raporo ku bikorwa by’umuganda wo ku wa 12 Ugushyingo 2017**

Nk’uko byemeranijweho mu nama duheruka gukorana n’ubuyobozi bw’Akarere, hakifuzwa ko ibikorwa by’umuganda w’uku kwezi byazakorwa hubakwa ubwiherero bw’abatishoboye, Nyakubahwa Muyobozi w’Akarere ka Gitaka, mpisemo kubaha iyi raporo kugira ngo mugire umwanzuro mwabitangaho.

Mu murenge nyobora hari abatishoboye 20, muri bo abatari bafite ubwiherero bari 15. Mu bikorwa by’umuganda w’uku kwezi twashoboye kubakira 7 gusa. Birumvikana ko abasigaye kubakirwa ari 8. Ikifuzo ni uko na bo twazareba uko tububakira bityo abadafite ubwiherero bose bakabugira. Nk’Umuyobozi w’Umurenge wa Ntora, Akagari ka Muguramo kabarizwamo, mbahaye iyi raporo kugira ngo muyigane ubushishozi, mugire umwanzuro mufata watuma abadafite ubwiherero babugira.

GASANGWA Jean

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Ntora



### **1. Inshoza ya raporo**

Raporo ni umwandiko ukorwa n’umuntu wahawe ubutumwa ubu n’ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

### **2. Imbata ya raporo n’uko ikorwa**

Raporo, igira imbata nk’iy’umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga intangiriro, igihimba n’umusozo.

- **Intangiriro:** muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n’impamvu ayikora ndetse n’agaciro iyo raporo ifite.
- **Igihimba:** muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk’ugambiriye kubisobanura mu buryo bw’inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.
- **Umusozo:** muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by’uburyo ikibazo k’ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka.

Raporo igomba kugira amazina n’umukono by’uwayikoze.

### Umwitozo

Tandukanya raporo n’inyandiko mvugo y’inama.

### Umukoro

Ishyire mu kigwi cy’umuntu woherejwe gukurikirana ibikorwa by’ubudehe mu Murenge runaka, maze ubikorere raporo uzashyikiriza Umuyobozi w’Akarere.



## ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KARINDWI

***Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.***

### **Ubwenge burarahurwa**

Hashize igihe gito nimukiye aho ntuye. Kuva nkihagera, numvaga amakuru menshi avugwa ku bakire bahatuye. Muri ayo makuru yose, natangajwe n'ayavugwaga ku muryango wa Bugingo n'umugore we Nyiramucyo.

Nyuma y'amatsiko menshi, nasuye uwo muryango. Narahageze banyakirana urugwiro, baranzimanira tugirana ikiganiro kirambuye biranyura. Nabajije Bugingo uko biteje imbere. Ntiyambereye imfura mbi aransobanurira. Yatangiye aseka, ati: "Rwose harakabaho ubuyobozi bwiza!" Nti: "Ese kuki?" Ati: "Bwadushyiriyeho gahunda nyinshi zidufasha mu iterambere n'imibereho myiza".

Yabaye akirangiza kuvuga atyo nshaka kongera kumubaza ikindi kibazo ariko antanga gukomereza aho yari agejeje. Ati: "Muri izo gahunda zose, nashimishijwe cyane n'yo kudutoza kuzigama no gukorana n'ibigo by'imari iciriritse n'amabanki." Niko kungamo nti: "Wabigenje ute?" Ati: "Ceceka utege amatwi ubyumve." Ndaceceka akomeza agira ati: "Mbere na mbere ntitwabikozwaga nge n'umugore wange. Twumvaga ari uburyo bashakaga kutwambura amafaranga yacu twabaga twaruhiye hanyuma duhitamo kujya tuyibikira mu rugo. Nyamara burya ni byo 'Intamenya irira ku muziro'. Ibyo twakoraga twumva ko ari ubwenge cyangwa amakenga, byari ukwibeshya tutabizi. Nyuma yaho abajura baraduteye baraducucura dusigara iheruheru."

Nyuma y'ayo magambo yabaye nk'uweguwe n'agahinda, mbona akambije agahanga nk'umuntu ushavuye cyane. Nubwo yari yanyihaniye kumuvugiramo, nabirenzeho nshaka kumwurura ngo mwereke ko nifatanyije na we mu kababaro nti: "Mbega akaga mwagize!" Na we asa n'ugarutse mu kiganiro, arakomeza ati: "Wahora ni iki! Utaribwa ntarinda koko!" Twahise tubona ko twibeshye, dutangira kuyoboka amabanki n'ibigo by'imari. Twatangiye kujyanayo amafaranga makemake twabonaga turayazigama aza kugwira. Amaze kugwira, twateguye umushinga wo kugura imodoka yo kujya ndangura imyaka nkayizana mu isoko umugore wange akayicuruza."

Yageze aha numva biranshimishije kuko nshakaga kumenya ukuntu baje kwikura mu bukene. Numvise ngize amashyushyu yo kuvuga. Mu gihe ngitangira guterura ijamba aba yabibonye, ati: "Ihangane nkurangirize iyo nkuru natangiye! Tumaze gusanga amafaranga twari tugezeho twizigamira ageze ku yo banki nabitsagamo yari yaransabye kuzuzza kugira ngo ibone kunguriza tukagura imodoka twariruhukije. Negereye abayobozi bayo bemera kumpa inguzanyo yo kuyongera dutumiza ya modoka itwara imizigo kugira ngo dushyire mu bikorwa umushinga twateguye. Umugore na we yabitsaga mu Murenge SACCO wacu, hanyuma abasaba inguzanyo barayimuha kubera imikoranire myiza bari bafitanye."

Ageze aha, kwihanganira kutavuga byarananiye, ndavuga nti: “Ukaguza n’umugore wawe akaguza mu gihe kimwe?” Nkomeza mubaza ngira ngo ansubirize rimwe nti: “Ubwo ntibyateje ikibazo mu micungire y’urugo mu kwishyura izo nguzanyo?” Yahise ampumuriza ati: “Humura ‘Imana ikunanurira itakweretse icebe’. Iyo nguzanyo ye ni yo yabaye igishoro cyo kurangura imyaka. Natwe twatangiye dutinya ariko ubu tugeze kure. Za nguzanyo zombi twarangije kuzishyura. Tugenda turushaho kwagura ibikorwa byacu. Dufite abakozi makumyabiri dukoresha kandi twahanze n’indi mishinga mishya inyuranye. Ntakubeshye aho hose biragenda neza. Mu myaka mike turateganya kuzashinga uruganda.”

Naramushimiye cyane ngira nti: “Urakoze unteye imbaraga! Nange menye ko umuco wo kuzigama ari mwiza ngiye gutangira kubikora. Numvaga ko bisaba kuba wifite none nungutse inama ko n’amafaranga make wayazigama akazagwira kandi akakubera igishoro cyangwa akaguhesha inguzanyo.” Hanyuma yaho narasezeye ndataha. Bugingo ahamagara umugore we wari umaze kugaruka avuye guha abakozi ibyo bari bakeneye. Araza baramperekeza. Mu gusezeranaho tugeze aho twagombaga gutandukanira, banyijeje kuzampa inkunga iyo ari yo yose nabakeneraho mu rwego rwo gutangira kuba rwiyezamezimirimo.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni izihe gahunda zitandukanye Leta yashyizeho mu rwego rwo guteza imbere abaturage?
  - a. Ni iki umubarankuru yigiye ku muryango wa Bugingo na Nyiramucyo?
  - b. Gukorana n’amabanki bimarira iki umuntu?
  - c. Vuga ingamba umuntu yafata kugira ngo abashe kuzigama.
  - d. Ni bande bagerwaho n’ibyiza byo kwihangira umurimo?
  - e. Sobanura bimwe mu bigize iterambere bigaragara mu mwandiko.
  - f. Ese gahunda yo kuzigama abanyeshuri na bo irabareba? Sobanura.

## II. Inyunguramagambo

1. Uzuza izi nteruro ukoresheje ijambo rikwiye
  - a. Ibigo by’.....iciriritse n’.....bifasha ababyisunga kwiteza .....
  - b. Ubufatanye bw’umugabo n’..... mu rugo bubageza kuri byinshi.
  - c. Kubika amafaranga mu .....ntibikigezweho ubu.

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ku buryo abyara interuro mbonezamvugo.

A	B
a) Umuryango	bituma tudakorana n'amabanki
b) Gutinya	abitse mu rugo arangirika
c) Kubika	witeza imbere ubera abandi ikitegererezo
d) Amafaranga	byinshi si ko kuzigama
e) Gutunga	makemake bikubera igishoro

### III. Ubuvanganzo

Ogera usome umwandiko "Ubwenge burarahurwa" utahuremo tumwe mu turango tw'inkuru ngufi tugaragamo.

### IV. Ubumenyi bw'ururimi

- Tandukanya raporo n'inyandiko mvugo.
- Ishyire mu kigwi cy'umuporisi wagiye kureba ahabereye impanuka maze ukore raporo y'iyi mpanuka uyohereze Umukuru wa Porisi.
- Ugendeye ku turango tw'inyandiko mvugo, kora inyandiko mvugo y'inama wigeze kwitabira.

## TWIYUNGURE AMAGAMBO

**Abatasi:** abantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

**Amabengeza:** ubwiza buhebuje butarambirana kureba.

**Amakenga:** ubwoba umuntu aterwa n’uko akeka ko ibintu bitameze neza.

**Amakoro:** amaturu bahaga umwami agizwe n’ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n’ibindi.

**Amareshyamugeni:** amagambo meza aryoheye amatwi ariko adahuye n’ingiro.

**Amashyushyu:** ubushake bwinshi bwo kobona cyangwa gukora ikintu ukumva utatuza utabigezeho.

**Amazimano:** amafunguro bakiriza umushyitsi.

**Arakobana:** umubiri we uripfunyapfunyika.

**Arambirana isuri:** aje yitwaje ingabo y’isuri.

**Ayera:** amata. Umusizi yakoresheje imvugo ishushanya kubera ibara ryayo.

**Babisamiraho:** batwara inda nyamara banywa imiti yo kuboneza urubyaro.

**Baragaga:** batangaga ibyabo babiha abana babyaye.

**Bimukembere aho:** bimurire aho/ bimukataguremo ibice.

**Guca akabogi:** kwicara ukiyoroshya ukaganira n’inshuti.

**Gucuma akarenge:** gutera intambwe imbere.

**Gufora :** gukurura umuheto ngo uhe umwambi umurego witegura kurasa.

**Guhiga:** kugaragaza ibikorwa uzakora.

**Guhuga:** kurangara.

**Guhurura:** kuza birukanka akenshi batazi n’icyabaye

**Gukubanga:** kwigarurira.

**Gukura ubwatsi:** gushimira uwakugiriye neza.

**Gutatamura imyato:** gutondagura ikivugo kirekire kirimo ibigwi n’ibirindiro.

**Guteka ijabiro:** kwicara ku ntebe y’inteko by’umwami.

**Icondo :** igice k’inyuma k’ingabo giturumbuye.

**Icyuho:** urwaho cyangwa umwanya watuma umuntu agerwaho n’ikibi.

**Igifunga :** umukondo w’ingabo uyitwaza afata.

**Igihengeri:** igikomere kinini.

**Igisingo:** ikamba ry’umwami.

**Ijabiro:** aho umwami cyangwa umugabekazi abonanira na rubanda cyangwa bakirira ingabo. Aho umwami yashingaga inteko hose ingabo.

**Ikibatsi :** umuriro ugurumana uzamuka ari ikirimi kimwe.

**Ikirezi:** akazu kameze nk’igufwa kitwikirwa n’udukoko tumwe na tumwe two mu nyanja. Bagakora neza bakakambara nk’umurimbo wo mu ijosi. Ikintu kiza cyane.

**Imbungiramihigo:** umutwe w'ingabo.

**Imirera:** ingabo bakingisha imyambi ku rugamba.

**Imisakura :** imyambi.

**Imodoka igitirimuka:** imodoka igihaguruka.

**Imoko:** isonga y'ibere ry'umugore akaba ari na yo umwana akururamo amashereka.

**Imparirwakurusha:** indashyikirwa.

**Impuha:** inkuru z'impimbano zuzuye ibinyoma.

**Impumu:** ukuzibiranywa n'umwuka ugahumeka vubavuba kandi bikuruhije.

**Indahekana:** abana babyawe bakurikiranye mu gihe gito, ku buryo usanga baba bajya kungana.

**Inkaba:** amaraso menshi cyane.

**Inkatazakureka :** umuntu urasana ingoga, urasa vubavuba.

**Inkekwe:** umuriro waka cyane.

**Inkera:** igitaramo gikesha ijoro.

**Inkongi :** umuriro ugurumana.

**Inkora:** inzira nini igaragaza aho inyamaswa cyangwa abantu benshi banyuze.

**Inkotanyi cyane:** izina ry'igisingizo rya Kigeli wa IV Rwabugiri.

**Inkuba zesereza :** imbaraga n'urusaku by'umwambi bigereranywa n'iby'inkuba.

**Inkuku :** ingabo nto(yo gukinga imyambi ku rugamba).

**Intabire:** ubutaka buhinzwe vuba ariko bukaba butaraterwamo imyaka.

**Intambara nyirema :** urugamba ndutangira.

**Intanage :** imyambi.

**Intore:** umuntu batoranyije mu bandi bamutegurira umurimo runaka.

**Ishyamba ry'umwimirizi:** ahantu harinzwe.

**Isomo ririmbanijye:** isomo rigeze aharyoshye.

**Isuri:** ubwoko bw'ingabo iboshye mu migozi bita insuri. Yabaga ari nto.

**Iyo gihera:** kure cyane/ iyo igihugu giterwa inkingi

**Kuboneza:** kugenda.

**Kugarizwa (n'inzara):** kwibasirwa n'inzara.

**Kugishisha inka:** kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

**Kumuca iryera:** kumubona.

**Kumuhundagazaho:** kumuha cyangwa kumugwizaho.

**Kunyaga:** gutwara imitungo y'undi ku mbaraga.

**Kuramvura ingoma:** kuyibaza.

**Kurega inkokora :** gukurura umwambi ukuboko kukarambuka neza.

**Kureka :** kureka umwambi urasa.

**Kuririra mu myotsi:** kugirira ibyago ahantu babyongera.

**Kuvogera umugezi:** kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

**Kuvunyisha:** gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

**Kwibaruka:** kubyara.

**Kwisenya:** kugwa hasi nta kwiramira.

**Kwiyuha akuya:** gukorana umurava umurimo uvunaye.

**Mu bushorishori:** mu kirere hejuru cyane.

**Mu gihumbi:** umwanya wo ku mubiri w'umuntu uri hagati y'inshyi z'amaboko zombi.

**Mu kangaratete:** mu makuba, mu bibazo.

**Mu rubega:** igice k'ingabo kigana aho irangirira.

**Muhandangabo:** umuntu ugora ingabo bahanganye.

**Nakivogereye :** nkidedembyamo hagati, nakigezemo rwagati.

**Ndiremamo inkora:** nshamo inzira nini.

**Nikoranye :** nitwaje.

**Nimuhebere urwaje:** nimureke ibiba bibe kubera ko mudashobora kubyigobotora cyangwa kubyikuramo.

**Nk'ukubiswe n'iyoye hejuru:** nk'ukubiswe n'inkuba (aragereranya imbaraga z'umwambi n'imbaraga inkuba ikubita ifite).

**Nkanga umurindi hasi :** nkubita umugeri hasi bitewe no kwizahirwa.

**Ntiyasukirwa amazi:** ahita yuma/ahita apfa.

**Nyakotsi:** ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

**Nyuhimbajemo :** ngiye nshyiramo imyambi ku buryo bwungikanya.

**Rugombangogo :** umuntu wica gusa ab'ibihangange mu bo bahanganye.

**Rwangizamirera** umuntu urasa agasatura (akamena) ingabo y'umukinzi.

**Sinahagararwa hagati:** sinavogerwa.

**Ubute:** ubunebwe.

**Umuce:** igikoresho kiboshye nk'ikirago ariko gito kigenewe kwicarwaho.

**Umuhinza :** umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamuturama akoro na we akabaha imvura, akabahahiriza ibyonnyi akanabatsirikira ibiza.

**Umuhinza:** umuntu wigize umutware mu gace runaka, akigira ikigenge.

**Umuhunde:** ubwoko bw'abantu batuye mu Buhunde (Kongo).

**Umukore :** umuheto.

**Umunega :** icumu.

**Umurera :** ingabo.

**Umurindi:** urusaku rw'amaguru y'abantu cyangwa inyamaswa zigenda.

**Umuseke ugitamuruka mu cyoko:** mu rukerera, butangiye gucya.

**Umuvaburayi:** umwana wavutse.

**Umuyonga:** ivu.

**Umuze:** ugusogobwa (gucika intege) k'umuntu bitewe n'indwara y'igihe kirekire.

**Umwera (umwêêrâ):** ukweruruka k'umubiri udasize.

**Umwera (umweêra):** umuntu ufite uruhu rwera; umuzungu.

**Umwete:** umurava.

**Umwimirizi:** umukumirizi/ umuntu ubuza abantu kwinjira.

**Urugaryi:** igihe cy'umwaka w'ihinga gihera muri Mutarama kikagera muri Werurwe . Igihe gito k'izuba.

**Uruhando:** urubuga.

**Uwantanagiye:** uwambangiye umuheto.

**Yakongotse:** yahiye yarangiye.

**Yarahozagaye:** yarabyibushye cyane.

**Yatariranye:** yabyimbye kubera amashereka menshi.

## IBITABO BYIFASHISHIJE

IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÏKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), *Inkoranya y'Ïkinyarwaanda mu Kinyarwaanda*, IRST Butare, Igitabo cya 1

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). *Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatantu w'amashuri yisumbuye*.

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), *Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye*.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). *Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ïkinyarwanda*, Kigali.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2015). *Imikoreshereze y'Ïkinyarwanda: Ntibavuga- bavuga. Imfashanyigisho ibanza*. Kigali.

NSANZABERA, J.D.(2013) *Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye*. Kigali

JACOB I. (1983). *Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier*, Kigali.

JACOB I. (1985). *Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième*, I.N.R.S, Butare.

Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). *Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda*, Nyundo, Troisième édition.

MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2015). *Teacher Training Manual Phase I*, Kigali.

MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2016), *Teacher Training Manual Phase II*, Kigali.

RWANDA EDUCATION BOARD (2015). *Integanyanyigisho y'Ïkinyarwanda mu mashami Ïkinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiyemo*, Kigali.

UNICEF (1996). *Dukunde amahoro*, UNESCO.

MUTAKE, Th., 1991, *Ïkinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali: les edition de la Régis de l'imprimerie Scolaire.

COUPEZ, A. 1980. *Abrégé de Grammaire Rwanda*, Tome 1,2. Butare : INRS.

IGIRANEZA T.,1990, *Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda*, Kigali.

BIZIMANA, S., 2002, *Imiteêrere y'Ïkinyarwaanda II*, IRST, Butare.

MBONIMANA, G. na Nkejabahizi, J.C. 2011, *Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya*.